

IKINYARWANDA



**IMYANDIKO
MFASHANYIGISHO**

INDIMI N'UBUVANGANZO

Igitabo Cy'umwarimu



ISHAKIRO

ISHAKIRO	iii
IRIBURIRO	vi
IGIHEMBWE CYA MBERE	1
UKWIBYARA GUTERA ABABYEYI INEZA (Nyakayonga ka Musare wa Karimunda)	2
IGICE CYA KABIRI: IMITERERE Y'IGISIGO NYABAMI.	29
ICYUMWERU CYA KABIRI	30
IGICE CYA KANE: AMOKO Y'IBISIGO NYABAMI	32
IGICE CYA GATANU: AMATEKA Y'IBISIGO NYABAMI.	34
ICYUMWERU CYA GATATU	36
ICYUMWERU CYA KANE	41
ICYUMWERU CYA GATANU	44
ICYIGISHO CYA KABIRI: IMIGANI MIGUFI	48
ICYIGISHO CYA GATATU: INYANGINGO N'IMIMARO YAZO.	50
IGICE CYA KABIRI: INYANGINGO N'IMIMARO YAZO	55
ICYUMWERU CYA GATANDATU:	58
ICYIGISHO CYA KABIRI: UTURANGO TW'IBYIVUGO BY'IMYATO.	62
ICYIGISHO CYA GATATU: IMITERERE Y'INGERI Z'IBYIVUGO	63
ICYIGISHO CYA KANE: IBINYAZINA	65
IGICE CYA KABIRI: IBINYAZINA NGENERA	67
IGICE CYA GATATU: IKINYAZINA NGENGA	69

ICYUMWERU CYA KARINDWI	71
[...] NIYITEGAKA Mukarugira Yuriyana, Iyo Mbimenya.	84
ICYIGISHO CYA KABIRI: IBIRANGA INKURU NDENDE N'INKURU NGUFI	86
ICYUMWERU CYA MUNANI	88
ICYIGISHO CYA KABIRI: AMOKO Y'INSHINGA	92
ICYIGISHO CYA GATATU: INSHINGA IDASANZWE	93
IGIHEMBWE CYA KABIRI	95
ICYUMWERU CYA KABIRI	97
ICYIGISHO CYA KABIRI: INYANDIKO Z'UBUTEGETSI N'ITANDUKANIRA ZAZO.	100
IGICE CYA MBERE: UMWANDIKO «IBIGWI BY'INYAMA N'IBISHYIMBO»	101
IGICE CYA KABIRI: INSANO/IKINYANSHINGA	103
ICYUMWERU CYA GATATU	105
IGICYIGISHO CYA MBERE: UMWANDIKO KU MUCO N'AMATEKA Y'U RWANDA.	112
ICYIGISHO CYA KABIRI: INGERI Z'UMUCO MU MATEKA Y'U RWANDA	117
ICYIGISHO CYA GATATU: IMIHINDAGURIKIRE Y'UMUCO	118
ICYIGISHO CYA KANE: UBURYO BW'INSHINGA ITONDAGUYE	119
IGICE CYA KABIRI: UBURYO BW'INSHINGA ITONDAGUYE.	122
ICYUMWERU CYA GATANU	124
IGICE CYA MBERE: UMWANDIKO “INAMA ZA NYIRAMUBYEYI”	130
IGICE CYA KABIRI: IBINYAZINA MBAZIRIZA NA MPAMAGAZI	132
IGICE CYA MBERE: UMWANDIKO “IGISIGO CYA SEKARAMA KA MPUMBA”	138

ICYUMWERU CYA KARINDWI	142
ICYIGISHO CYA MBERE: UMWANDIKO “UBURINGANIRE N’UBWUZUZANYE” 144	
ICYIGISHO CYA KABIRI: IBINYAZINA NDAFUTURA N’IKINYAZINA KIBAZA. 148	
ICYIGISHO CYA GATATU: IBITEKEREZO BY’INGABO	150
ICYIGISHO CYA MBERE: UMWANDIKO KURI SIDA.	155
ICYIGISHO CYA KABIRI: IBINYAZINA NYAMUBARO NA MBONERANTEKO	162
ICYIGISHO CYA MBERE: UMWANDIKO KU GUKUNDA IGIHUGU.	164
ICYIGISHO CYA KABIRI : AMASAKU	167
ICYUMWERU CYA GATATU	169
ICYIGISHO CYA KABIRI: IBYEGERANSHINGA	172
ICYUMWERU CYA KANE	174
ICYUMWERU CYA GATANU:	177
ICYUMWERU CYA GATANDATU	180
ICYIGISHO CYA KABIRI: IHIMBAMWANDIKO	183
ICYUMWERU CYA KARINDWI	184
ICYUMWERU CYA MU MUNANI	189

IRIBURIRO

Iki gitabo kigenewe umwarimu wigisha mu mwaka wa gatandatu w'amamashuri yisumbuye, ishami ry'indimi, kikaba kirimo imyandiko ijyanye n'integanyanyigisho yo muri Gashyantare, 2010. Mu kiciro rusange cy'amashuri yisumbuye mu Kinyarwanda, ndetse no mu myaka, nk'uwa kane n'uwa gatanu hasobonuwe bihagije agaciro k'ururimi gakondo rw'ikinyarwanda, aribyo kandi bigaragaza ubushake Leta y'u Rwanda ifite mu guha abana b'u Rwanda ubumenyi butuma basobanukirwa ururimi rw'ikinyarwanda, cyo zingiro ry'umuco wacu.

Aha rero tukaba twavuga ko kwigisha ikinyarwanda ari umugambi igihugu gishinzeho agati cyane, bitewe n'uko arirwo rurimi abenegihugu bashobora kumenyeraho amateka y'igihugu, kandi nk'uko bizwi cyane mu rurimi kavukire rw'igihugu cyacu, utamenya iyo ava, ntanamenya iyo ajya, bityo kumenya mateka dukura mu kwiga ururimi, akaba ari yo ntego nyamukuru yo gushishikariza abanyarwanda kwiga ururimi gakondo rw'ikinyarwanda, himakazwa ubunyarwanda n'indangagaciro zibereye umunyarwanda.

Hagaragajwe kandi ko kwiga ikinyarwanda atari ukumenya amateka gusa, ahumbwo ari no kongera uburere bw'itozamuco mu buryo bw'imibanire n'abandi: kutabangamira abandi ntubahutaze, kumenya kubana nabo mu mahoro, kugira urugwiro, ubusabane, ubworoherane, kuvugisha ukuri, kugira imitekerereze iboneye, n'ibindi. Ibi bikaba bigaragarira cyane mu iyigishwa ry'ikinyarwanda mu myaka ibanziriza icyiciro cya kabiri.

Integanyanyigisho yo mu cyiciro cya kabili na yo ntijya kure y'intego yo gufasha umunyeshuri gushimangira ubunyarwanda, ashyikirizwa ibyo abatubanjirije bahanze, bakabisigira umunyarwanda wese ho umurage. Ni nabwo kandi aboneraho kwiga ikinyarwanda n'ibyo kibumbatiye: uko giteye, ubugeni bukirimo, imico n'imyitwarire y'abanyarwanda, akagicengera, ari mu miterere yacyo ari no mu bwiza bwacyo. Hakaba hariho gahunda ihamye yo gutegura abarimu babasha kubishyira mu bikorwa kuburyo bunoze kugirango ireme ry'uburezi risakare mu bana b'u Rwanda.

Mu gutoranya inyandiko, hibanzwe ku nyandiko zikurikira dusanga mu nyandiko zinyuranye ari zo: amateka y'igihugu, gukunda igihugu no kwimakaza umuco w'amahoro, kwirinda SIDA, gusobanukirwa n'uburinganire n'ubwuzuzanye ndetse tutibagiwe n'ikoranabuhanga.

Imyandiko iri muri iki gitabo izafasha abanyeshuri mu kwiyingura ubumenyi mu rurimi rw'abakurambere bacu. Kumenya ururimi kavukire si ukumenya kuruvuga neza gusa, ni no kumenya umuco, kurutekerezamo, kurwandika no kurwandika mo ushyikiriza abandi ibitekerezo nawe wabungukiye.

Tuboneyeho gushimira abagize uruhare mu itegurwa ry'iki gitabo ndetse n'abahanzi bemeye ko ibihangano byabo bikoreshwa kugira ngo abana b'u Rwanda bashobore kubona imfashanyigisho ziboneye.

IGIHEMBWE CYA MBERE

ICYUMWERU CYA MBERE

ICYIGWA: IBISIGO NYABAMI

Intego Zihariye:

- Gusesengura igisigo nyabami
- Kugargigaza ingingo z'igisigo nyabami
- Kugaragaza uukurango tw'ikeshamvugo
- Kugaragaza ubwoko bw'igisigo
- Gusobanura amagambo hakoreshejwe iyigankomoko.

Imfashnyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, Igitabo cy'umwarimu

ICYIGISHO CYA MBERE: IGISIGO NYABAMI

Intego Zihariye:

- Gusesengura igisigo nyabami.

Imfashnyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, Igitabo cy'umwarimu

Igisigo: UKWIBYARA GUTERA ABABYEYI INEZA

UKWIBYARA GUTERA ABABYEYI INEZA (Nyakayonga ka Musare wa Karimunda)

Batambira b'ineza,

Munozandagano wa Nsana ya Buhanza,

Mu kuva iwa Nyamuhanza.

Muhanuzi wadutsindira amahano,

5. Muhumuza umuhozi.

Waturuha ibyo yagurwa i Kiganda,

Kigeli cya Ngerekera.

Uko muturuka isoko imwe,

Niko musangiye ingeso!

10. Muri Imisumba ya Rusuma-migezi,

Mwabweho kwa Gisanura

Amasugi yanyu azira igisasa!

Mwarashatse birabakundira,

Mwameze amaboko arabakamira

15. Inka mukoye mu Byaguka

Zibagwiriza imihana.

Imfura nzima isubira ku izina rya se,

Bagasanganizwa n'impundu

Yakura impuha!

20. Mpagarije kure ya Mwuhirakare wa Mukanganwa,

Yari yagishije I Bunyambo Nyarume!

Ni Rumeza nyiri uburezi

Buzamagana amacwa,

Aca inka mo amaziri,

25. Mazina ya Gasenda,

Adusendera imisaka ya Rusenge!

Mwahunotse mwese,

Kurya mucurwa n'inyundo ziramyeye!

Muri abarenzi bo mu mirinzi ya Cyarubazi!

30. Mwebwe ho Abanyacyilima

Muzira icyangwe mu minwe!

Mwameze Ibiganza bitatugwabiza,

Mugira amaguru atugabira

Abagabe b'i Ruganda,

35. Mwitwa ingendutsi

Mwatubereye imbyeyi n'Imanzi,

Muri Abami b'Akamazi,

Tuzi n'icyo mwamaze!

40. Muri imanzi z'uburezi,

Muri ibirezi byamye

I Buriza na Buremera!

Muri abaremere b'i Tanda

Muri abature b'i Tanda,

45. Muri abo ku Isi itengerana,

Ku Rutamba-mitavu

Muri intwari zitarutana,

Muri bene iteka ritahava

Muri bene umutungo mwiza!

50. Mwaraduhatse muraturemaza!

Mwatwubakiye amarembo y'intungane

Tubita intura-Rwanda!

Nta byikamize urakimana

Wadukamiye amata angana imvura

55. Ntitugira umuvuro!

Tubyuka dusenga

Ugasukiranya urugwiro.

Sango, ba so na ba Sogokuru,

Bakwangiye isange,

60. Ngo abazakwanga,

Uzabakure umusanzu n'umuganda.

Abagusigiranye imbuto n'intanga,

Bakuraze izi ntarama

Zo ku Rutamba –myato no ku Rutamba –biru

65. Kwa Matungiro ku ntaho –ndende!

Data Cyilima nyiri Cyigunge,

Cyigilira cyo mu nzeru, Mazina,

Yarakwigeze ngo urabe mugenzi we!

Uzaranire ingoma nka we,

70. Uzagabe nka Gisanura

Uzadusubiranye uko wadusanze,

Ny'ebisu by'emisango!

Umugabekazi waduhekeye,

Aduhaka nk'umugabo,

75. Ntidusunikwa mu rugo rwa Mudasobwa,

Yadutunze nka Nyiratunga.

Nabacuriye n'amahari

Nziko mutazacibwa inka

Duhorana incungu,

80. Mucana umuriro utazima,

Muri inzungu z'i Bwima,

N'I wa Bwagiye ku Buyumbu.

Nimugarishye mwaraganje,

Mwagagaze mukuze uruharo,

85. Umwami uhawe uruharo,

Arwigiza imbere.

Mwambereye igisaga,

Ntimugire igisasa,

Mbasenge rero mwese

90. CYILIMA I RUGWE

Musenge musagurire,

Muhe urubanza, mureke abanze,

Nabanze Muhongerwa,

Muhorana mpongano,

95. Buhatsi bw'impundu n'imposha,

Buhoro buzira igihunga,

Samukuru wa Samukondo

Umukozi wa Rugwiza-bisiza

Nguwo Nyamugisha,

100. Umwami wanduraga

Imigisha y'abandi Bami,

Yasanze bahinze arasarura!

KIGELI I MUKOBANYA

Mukobanya ni mukuru,

Sinamukoma imbere!

105. Na we musenge, musagurire,

Muhe urubanza, mureke abanze

Nabanze Mugabo mu -nka,

Nyirazo azirimo!

Bazigama ingoma

110. Bazigura se ku ngoma

Bazindukira ntambara!

Bitambara nyiri urutete,
 Uwatanyaga Umunya-butatu,
 Umushi yatambitse ingabo mu nzira!
 115. Nimumuhe rugari atambe imyato,
 Muhe agasongoro k'ubugabo
 Agira umusango w'ingoma
 Wa musandura yaraharindiye
 Arinduza Umugoyi!

MIBAMBWE I SEKARONGORO I MUTABAZI

120. Gisama-mfuke, umurasanyi
 Na we musenge, musagurire,
 Muhe urubanza, mureke abanze
 Nabanze mabara-abiri,
 Nkovu-imbere, Mbogoye!
 125. Nyiri-mbuga mu mbone!
 Rutsinda, nyiri urutsike
 Rwatuviramo urutsiro
 Adutsindire inzimu!
 Kizima, Nzogoma, Rugasira,
 130. Rwarasanaga mu nka za se!
 Amahindu yazihungiye
 Arazihumbiririza.
 Rutukuza-ndoro, Umwami w'intwari,

Mumuhaye ubugabo

135. Mumuhigure ingoma,

Mu muronko uje,

Yarwaniye Nyamurunga!

YUHI II GAHIMA

Gahima, Mihayo y'ingoma,

Na we musenge, musagurire,

Muhe urubanza, mureke abanze

140. Nabanze Umukundwa

Umukomeza w'inkuna,

Wa mwami wo mu makungu,

Mutora-makungu, Mutambisha-batimbo

145. Rwankindi Nkomye -urume wa Misaya

Wadusendera inkundwakazi,

Ya Nkoze –urugendo.

Uwo ni inyamibwa mu ntware,

150. Zamuhaye ubutware,

Zimuterekaho imfizi ya Bicaniro,

Ngo azabacire umuhigo!

Nshire Abami urubanza,

Mbasenge bose!

155. NDAHIRO II CYAMATARE

Na we musenge, musagurire,

Muhe urubanza, mureke abanze

Nabanze, Bugili umwigire

Wagiraga ingoma z'ingombe,

160. Ati “nteze urugendo!”

Atanga ibyo atunze,

Atega ibizaza,

Ngo azigira Ndoli,

Ndahiro aruhira!

165. Ngo Rubyukira- ngoma nabyukire,

Nabyukuruka azinikize inka,

Zitaretse ntiziranze

Ngo yaziburiye imoko

RUGANZU II NDOLI

Kibabarira, wa Mwami

170. Watugiraga ibambe,

Kandi avuye iw'abandi,

Na we musenge, musagurire,

Muhe urubanza, mureke abanze

Nabanze Gaca-mukanda,

175. Bicuba umuci w'inzigo, Nyabuzima,

Umuzimurura w'ibyari byazimiye,

Umuzahura w'ibyo asanze

Nyamashinga aturasanira ubutazadushira,

Yica abanzi barashira.

180. Cyungura umwami wo ku Cyuma,

Azanye Cyubahiro

Yitwa Cyiha –bugabo!

Karuhura se we yarushwa ate?

Ko yahoreye Se ashishikaye,

185. Ingabo ye ayigeza mu Rumira,

Aho mutaragera!

Uwo mugabo mwamugera nde?

MUTARA I NSORO II SEMUGESHI

Ngabo yica ingome

190. Na we musenge, musagurire,

Muhe urubanza, mureke abanze!

Nabanze Rwiraba-nzarwe,

Wa Mwami w'i Buziga, Nzogera

Wa Mwami w'i Butazika Nyonga!

195. Nyiri inyumba, Munyundo!

Nyunga ya Ruganzu!

Milindi shebuja wa Nyamilinga!

Wa Mwami wahabwa Kalinga,

Akayambika karindwi

200. Ruyenzi rwasiye,

Iyi sugi mu Byanganzara,

Ugirango wamuzimba ubugabo?

KIGELI II NYAMUHESHERA

Bugabo burimo ubugondo,

Na we musenge, musagurire,

205. Muhe urubanza, mureke abanze!

Nabanze wa Mwami w'i Shyanga,

Nyiri ishya ry'inka n'ingoma'

Nyiri ingabo itagwabiza umucuzi,

Nyiri icumu ryica Abahunde,

210. Nyiri iminyago cumi,

Yari acaniye imbere ya Bwambara –migezi

Umudasongerwa ari ku isonga ry'ingabo,

Muhundwa ingoma yahawe yarayihunze,

Ayinyagira ibihumbi!

215. MIBAMBWE II SEKARONGORO II GISANURA

Na we musenge, musagurire,

Muhe urubanza, mureke abanze!

Nabanze Nyamuganza,

Umwami w'i Muganza;

220. Rugabisha-birenge!

Maboko atanga atagabanya,

Bwanza –buke, Bwoba –buke,

Burega bwa Mutima,

Yari atuye imbere ya Mwumba!

225. Cyubahiro amahanga yamutinyiye ubugabo,

Ubwo akangiye icyanya,

Cyanwa azanye icyeyi

Inkoni zimwasa agahama.

YUHI III MAZIMPAKA

Gashira-bwoba,

230. Umwami mukuraho ubushongore n'ubushami,

Na we musenge, musagurire,

Muhe urubanza, mureke abanze!

Nabanze Kamara-mpaka, Mudahakana,

235. Muhara-nkamwa, mukanza

Umwami w'Abakaraza!

Yakandagiye Nyirinkoma yamwikorereje,

Amukura ku ngoma, Uwo ni Ngo-mbahe,

240. Yari atuye mu bitwa bya Muhima

Wa Muhinza wari uhanze, Yuhi aramuhangamura!

CYILIMA II RUJUGIRA

Ruhungura-birwa,

Ruhaka-miryango

245. Na we musenge, musagurire,

Muhe urubanza, mureke abanze!

Nabanze Rweza-mariba,

Murera-mpabe, Bihubi,
 Ruhugukira-mbare, wa Kibonwa
 250. Wa Mwami wa Gisanura na Gisaga
 Rusagurira-ndekezi!
 Mutazibwa yishe Mazuba,
 Arimburira ko inzigo,
 Muzigirwa ibindi bihugu yarabihumbye,
 255. Yabizimbye ubugabo
 Abizingazingira rimwe

KIGELI II NDABARASA

Ya ntwari y'igisaga, sogokuru,
 Se w'ababyazi bawe bombi,
 Na we musenge, musagurire,
 260. Muhe urubanza, mureke abanze!
 Nabanze Nyemazi,
 Rwemarika rwa Munyaga-mpezi,
 Watunyagira impenda
 I Bugabe bwa Buruzi
 265. Aho murabona izi ngoma
 Zigera ku ijana?
 Abakoni barakuya
 Iminyago ya Rusumba-mitwe,
 Na none ntizirava inyuma,

270. Iza Mirego ya Bugabo!

MIBAMBWE III MUTABAZI III SENTABYO

Rugaba-bihumbi,

Na we musenge, musagurire,

Muhe urubanza, mureke abanze!

Nabanze Ruhanga-rutsinda amahanga,

275. Umutanguha, Mutambisha –batimbo!

Mutandi wa Barasana,

Sabuhanzi, umuhangura-bashonji,

Buriza burese yahanuye Nsoro,

Atunyagira inka mu Bwogera,

280. N'izo yakura mu Bwilili,

Bwimba bwa Misakura.

YUHI IV GAHINDIRO

Sohora- ingoma so wawe

Na we musenge, musagurire,

Muhe urubanza, mureke abanze!

285. Nabanze zinga-zinywe,

Shoza-wuhire

Rwuhanya-nzira, Mazina, Maza!

Yishe nyiri u Buzi

Nyina amuzana ko mpiri.

290. Abo bahinza yabateye umukenya

Nta wacaniye,
 Nta wasize akana,
 Yuhi abakuza umuriro!
 Mico myiza, umuci w'inkamba,
 295. Umurasanira w'ingoma!
 Yayanganiye n'amahari,
 Ayinyagira amahanga,
 Aho yahereye iminyago irishya.

MUTARA II RWOGERA

Na we Nsoro, mu bo nasiga,
 300. Sinagusiga inyuma!
 Uri Biyamiza mu nzoza,
 Uri Bizahirwa mu ngoma,
 Uri Ruziga nyiri Ibizinzo by'inka,
 Nyiri inkoni za Rusugi na Rusanga!
 305. Aho ga udushubije ku gihe cya Ruyenzi
 Ko uhotoye uruti,
 Ukiri umutavu,
 Nugera mu za bukuru
 310. Wabaye ubukombe,
 Se rukira –mapfa,
 Amahanga atagukeje kare
 Azaguhungira he?

Kavuna –nka, ugumye uvunye,
315. Unyumvire nkwiture ineza,
Ingoma yawe yandajeho umuzindu
Ngo kare dukurire Umwami ubwatsi,
Umwogabyano yahaye Rwogera.
Sinijanye, sinibajije,
320. Ineza yawe intaha mu nda
Ababuzaga nari namenye,
Jyewe wagusanganiye,
Nsusurutse sango,
Ndora usagurira rubanda.
325. Ko amatwi yumva byiza
Ko amaso abera kubona!
Jyewe nasanze ingoro y'umwami
Isetse isusurutse,
Isa n'ingwa yera!
330. Nsanga Umwami mu ijabiro
Asa n'umutaho mu ijuru,
Atamuye inzobe,
Asa na Nzobe ikeye;
Burankenkemura!
335. Ngira imandwa nari nsanganywe,
N'izo anshyize mu mutwe,

Iyo myishywa ndayitabana,

Sinatendwa mu mbare.

Ubu Rukanira ntimungire urukara!

340. Mwinyita impezi,

Si ndi uwo guhera!

Mwinkeka ubutati,

Sinagaye umutungo w'umwami

Ni uruhare rwambereye ikibuza,

345. Amage yo guhora mpingiriza arantinza

Isuka ntiyankura ku ngeso nimumburane!

Amaganya ntabangikana

N'amagambo y'Imana,

Mwandinze iyi manga

350. Mana ibamburwa n'izindi!

Imana yamaze amazinda,

Nzigama ikoro ryawe,

N'impundu zirimo urukundo

N'urukumbuzi rwinshi

355. Rw'indatwa z'Abadahanda

Bukombe bwa Mukanza,

N'ubwo natebye,

Sinatakaje imbare yawe!

Sinta umwanya,

360. Ntiwandobanuye mu nyuma!

Mu mbare ndi uw'imbere

Ndi umupfumu wa Nyamurorwa

Mpora nkwereza nkaburengwa!

Abo turata narabarushije

365. Abahayi b'ishyanga narabahojeje!

Ngira impaka umwami umpatse

Mpakanya Rubyutsa

Ikinyoma kiramuhera, Umurundi twahize,

Yuhi ancira imihigo

370. Mutimbuzi Nyiri-ntora yica Mutaga,

Intiti zo kwa Mutaga ndazitetereza.

Nihanure amahanga nyabwire byose

Ntabwo azampaka,

Sinakwisunga amahari

375. Narakeje Yuhi akakundaga.

Nicyo banyangira,

Ngo mpora mbaca urusa,

Rwo kubaca urutsi!

Nzi ko barindiye ku busa,

380. Bahungura ubuhake,

Izo mpeza-bwoko

Ntibagira amajyo, ntibagira amavu!

Bokamwe n'umuvumo w'umwikomo,

Yuhi abakuye ku ngoma.

385. Nce Abami urubanza,

Nicariye inkoni,

Nkomereho, nkomere,

Ndagiye imfizi itari ubwoba

Iziri ubwoba zirayihunga!

390. Iziyishyamiye ikazishyamba!

Yazishyira ku mutima zigatamba,

Iyi mfizi ya Cyurira

Yarazuriye irazirambika!

Biru b'imirama,

395. Muhimbye imiriri,

uyivugirize imirenge tuyiramye,

Iyi ngoma yagomoroje imihana!

Mbasenge mwese,

Mbasobanure murasigiye

400. Ntimuvuka igisumbane,

Muri Abagabe

B'I Bukoma –sinde na Gisakarirwa

Ngizo impundu mbahaye,

Nzihaye abageni b'I Ngange,

405. N'abo mu Bugamba n'abanyakayanza!

N'abo mu Nyanzi za Kavumu,
Zitubyarira Imfizi n'isumba,
Mugasagurira iyi miryango.
Mpumurize na Nyamarembo,
410. Izo nduba ngumye nzivuze,
Nzigeze I Butare,
Kwa Nyirantare n' I wa Ntagwe,
Mu mirinzi ya Kinyoni,
Muragahorana uruyundo
415. Rubyara izi nyonga
Izi ngoma zejeje imana
Ko muzahore mubyarira izi ngoma
Mukazazibyirurira.

Hifashishijwe Igitabo “Umuco n’Ubuvinganzo “(NSANZABERA Jean de Dieu 2012)

IGICE CYA MBERE: KUMVA IGISIGO

Intego zihariye:

- Gusubiza ibibazo ku gisigo
- Gukoresha amagambo mashya yungukiye mu gisigo.

Imfashanyigisho: Igitabo cy’umwarimu, igitabo cy’umunyeshuri

1. Ivumburamatsiko

Mwarimu abaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku gisigo.

Urugero:

1. Ni abahe bami b’u Rwanda muzi ?

Kigeli IV Rwabugiri, Yuhi II Mazimpaka, Mutara II Rwogera, Mutara III Rudahigwa.

Ni ayahe moko y'ibisigo muzi ?

Impakanizi, ibyanzu, ikobyoy.

2. Gusoma**2. 1. Gusoma bucece.**

Mwarimu abwira abanyeshuri gusoma bucece igisigo Nyabami.

Ibibazo + ibisubizo

Vuga bami batatu bavugwa muri iki gisigo?

Kirima Rugwe, Kigeli I Mukobanya, Ruganzu Ndoli.

Ninde musizi wasize iki gisigo?

Nyakayonga ka Musare wa Karimunda.

2. 2. Gusoma baranguruye.

Mwarimu asomera abanyeshuri igisigo, agasomesha abanyeshuri igisigo cyose.

2. 2. 1. Inyunguramagambo

Mwarimu afatanya n'abanyeshuri gusobanura amagambo mashya.

Batambira b'ineza: biva ku nshinga gutamba, aribyo bivuga kubyina kubera ibyishimo.

Aha bivuga abishimiye ibyiza byabaye, inkuru nziza.

Munozandagano: -kunoza: gutunganya

Indagano: umugambi, umurage Ni ukuvuga umuntu ukurikiza umurage wabo.

Nsana: biva ku nshinga gusana. Aha ni Yuhi Gahindiro

Buhanzi: umwami ukuze, ufite uruhara.

Nyamuhanza: ni i Runda rwa Kajarama mu Ndorwa

Muhanuzi: umuntu uzi gushishoza imigendekere y'ibintu

Muhumuza: uwatanze amahoro

Umuhazi: uwahoye abanzi

Kigeli cya ngerekera: Kigeli cya Nyirangabo, nyina wa Ndahiro wa II

Imisumba: abantu b'ikirenga

Ku Rusumamigezi: ku Ijuru rya Kamonyi (ni ukuzimiza). Ni ahantu hirengeye amazi atemba mu mabanga yose.

Amasugi yanyu azira igisasa: abagore banyu ntibabyara ibigwari cg ibyangwe

Mu byaguka: ni i Gisanze mu cyahoze ari komini Shyanda aho nyina wa Mutara II Rwogera yavukiye. Kwagura no gusanzura bivuga kimwe.

Mpangarije kure: guhangaza ni ugutegereza igihe kirekire

Nyiruburezi: ni uwavutse neza agahabwa impano nziza

Buzamagana amacwa: uzakiza imize, ibyago byokamye igihugu

Gusenda imisaka: kuvana abantu mu bwirabure

Ya Rusenge: y'ibugamba

Mucurwa n'inyundo ziramye: mubyarwa n'ibihangange

Abarenzi: imfura zisingizwa

Mu mirinzi ya Cyarubazi: mu miko ya Rwamiko

Muzira icyangwe mu minwe: nta mwete muke mugira mumikorere yanyu

Mwameze ibiganza bitatugwabiza: mufite amaboko adutunze

Ingendutsi: abagenda bikabahira, abantu b'ingirakamaro

Abami b'akamazi: abami b'ingirakamaro

Imanzi z'uburezi: intwari zitagira uko zisa/ nziza

Ibirezi byamye: imfura zisingizwa

Muri abaremere b'i Tanda: ibihangange by'i Tanda (ruguru ya Muhazi)

Ku isi itengerana: ni i Gasabo (biva ku gisabo kuko bagicunda) n ko hatengerana

I Butambamitavu: aho inyana zitamba

Bene iteka ritahava: abatanga iteka ntirihave

Nta byikamize urakimana: ibyakamize bivuga umwaga w'inka yang gukmwa. Hano bivuga ko mugihe yimaga ingoma nta mahane cg urugomo byabayeho.

Ntitugira umuvuro: nta guhagarika umutima kuko dushyigikiwe

Sango: buhungiro, umuntu ukomeye abantu biisunga

Isange: biva ku gusangira. Bivuga ko abakurambere be banze ko hagira undi basigira igihugu.

Gukuza umusanzu w'umuganda: gusengera umuntu

Abagusiganye imbuto n'intanga: abaguhaye kuzabyara

Bakuraze izi ntarama: baguhaye umurage w'izi nka zigukamirwa

Kurutambamyato: ni kumugina wa Gitarama. Hitwa kandi ku Munanira

Ku Rutambabiru: i Ngoma

Matungiro: utunze byose (umwami)

Mu ntaho ndende: muremure

Data: aha ntibavuga Se umubyara, ahubwo ni nk'igihamagaro cyo kwaka (gusaba) umuntu w'ikirenga.

Nyiri icyunge: ni ukuvuga Se wa Kigeli cya Nyanguge. Nyanguge ni umugore wa Cyilima Rugwe, akaba nyina wa Kigeli Mukobanya.

Cyagiriro cyo mu nzeru: umwigire, urwigize, igihangange ubwe nkuko inzuzi, indagu zari zabyemeje.

Mazina: uhagarariye umuryango

Yarakwigeze: yaguhayye kureshya nawe

Ngo urabe mugenzi we: ngo uzabe intwari uzagabe imisozi unyaze abandi nk'uko Gisanura yabigenje.

Ny'ebisu by'emisango: umuntu ufite indaro ibengerana, ibikorwa bihanitse by'agatangaza (iyi nteruro iri mururimi rw'urunyakirima)

Umugabekazi waduhekeye: ni NyiramavugoII Nyirarumongi, nyina wa MutaraII Rwogera.

Aduhaka nk'umugabo: adutegeka nk'umugabo. Ibi biributsa ko Nyiramavugo Nyirarumongi ariwe wategekaga igihugu kuko Rwogera yari akiri muto.

Mudasobwa: umuntu utagira amazinda, utibagirwa

Nyiratunga: ni NyirayuhiIV Nyiratunga, nyina wa YuhiIV Gahindiro akaba nyirakuru w'uwatuwe igisigo (MutaraII Rwogera). Uyu nawe yategetse kigabo mu gihe Gahindiro yari akiri umwana hanyuma yamara gukura akegurirwa ubutegetsi.

Nabacuriye n'amahari: nateze n'amahari, nagiyeye impaka n'ababarwanyaga turateega (tugirana intego)

Nzi ko mutazacibwa inka: nzi ko mudateze gutsindwa n'amahanga ngo bitume mucibwa ibyiru.

Duhorana inshungu: mutubereye abatabazi

Mucana umuriro utazima: umuryango wanyu urakomeye, uhora wiyuzukuruza butwari

Muri inzungu za bwima: muri imana z'i Bwima

Bwagiyo: buhungiro

Buyumbu: Bumbogo (wari umurwa w'Ubuhungira)

Ni mugarishye mwaraganje: nimugabe amashami hose mwaratsinze

Mwagagaze: mukube amahugu

Uruharo: ubundi bivuga umubyizi; aha ariko bivuga amahugu abami bigaruriye. Uko umwami yigaruriye igihugu aba atuye uruharo

Mbasenge: mbasingize

Muhe urubanza: muhe ijambo

Muhongerwa: aha si izina bwite, ahubwo ni izina risingiza Cyilima: akwiye amaturonk'umutegetsi uhamye

Buhatsi bw'impundu n'imposha: utunze kand utagira ibyishimo n'ituze

Samukuru wa samukondo: igihangange gikomoka kuri Samukondo. Uyu uvugwa ni Nsorol Samukondo, sekuru wa CyilimaI Rugwe

Rukwizabisiza: uwatumye inka ziba nyinshi, zigakwira ibisiza

Mugabo mu nka nyirazo azirimo: ni amarenga ashaka kuvuga ko Mukobanya ataraba umwami yahagaze mu ngabo za Se akazirwanira kandi Se akiriho

Bazigama ingoma: umurengezi w'ingoma ayibuza kunyagwa n'abandi

Bazigura Se ku nzira: yahagaze kuri se bateye amahanga

Bazindukira ntambara: ni umuzindukira kurwana

Bitambara nyiri urutete: umurwanyu utwara icumu

Urutete: ni uruti rw'icumu, ariko hano ni icumu ryose. Icumu rya Mukobanya ryitwaga "Sinzi umusazi"

Uwatanyaga: uwicaga

Umunyabutatu: uwambaye urubindo. Wari umwambaro w'abashi

Ni mumuhe rugari: ni mumuhe urubuga

Atambe imyato: yivuge ibigwi

Agasongoro k'ubugabo: ingororano y'ubutwari

Mu musandura: mu Bwiyando ahahoze ari muri Taba ya Gitarama

Gisama-mfuke: gusama ni ugufatirana ikintu kitarakugeraho, kugifatira hejuru cyari kwitura hasi, naho imfuke ni ingoma isa n'imfutse (uyu ukaba umuzimizo w'abasizi). Biravuga rero ko yatabariye ingoma

Mabarabiri: ni Mibambwe Sekarongoro Mutabazi. Umusizi rero mu kumwita Mabarabiri, ni ukwibutsa ko yakomerekeye muri cya gitero cy'abanyoro ubwo ibara rya mbere ni iry'umubiri we, naho irya kabiri ni iry'amaraso yavuye.

Nkovu imbere: ni ukuvuga ko yasigaranye inkovu mu ruhanga. Ni ukuvuga rero ko batamurashe inyuma ahunga.

Mbogoye: kunamura, yagoboye igihugu

Nyir'imbuga mu mboni: ufite inkovu mu ruhanga.

Rutsinda: umutsinzi, uwaduhaye gutsinda.

Urutsike: hano baravuga uruhanga, ariko ubusanzwe ni agatsiko k'amoya yo hejuru y'ijisho.

Urutsiro: ubundi bivuga icyuhagiye bakoresha mu mihango y'imandwa. Baba bashyizemo ibyatsi ngo byo byirukana abazimu, ariko muri iki gisigo baravuga insinzi

Inzimu: amahano, ibyago by'ibivakuzimu (abanyoro)

Kizima: umuntu muzima kandi utuma abandi bagira ubuzima bwiza

Nzogoma: umuterabwoba

Rugasira: umudatsindwa

Rwarasananga mu nka za se: urwaniriye inka za se akazihagararamo ntizinyagwe

Amahindu: urubura, aha ni igitero cy'abanyoro cyaje nk'amahindu

Azihungiyeye: azitunguye

Arazihumbiriza: biva ku nshinga "guhumbiriza". Biributsa ko sekarongoro yakomeretse akava amaraso akamwuzura mu maso, ibyo bikavamo imitsindo.

Rutukuzandoro: kuko yavuye amaraso mu ruhanga indoro igasa n'aho itukuye. **Mu muhaye ubugabo:** murate ubutwari bwe

Mumuhigure ingoma: mumugororere kuba umwami

Mu muronko uje: mu gitero kigeze kwaduka

Yarwaniye nyamiringa: Yarwaniye ingoma Karinga

2. 2. 2. Ibibazo n'ibisubizo ku gisigo

1. Vuga muri make ubuzima bw'umuhanzi w'iki gisigo?

Nyakayonga yabaye umusizi ku ngoma ya Mutara II Rwogera na Kigeli IV Rwabugiri, akaba yarabaye umusizi w'igihangange. Bimwe mu bindi bisigo bye twavuga nka:

Numvise urwamo rw'impundu

Nsubize umwami mu rushya

None imana iduhaye kuvuza impundu.

2. Garagaza ingingo ziri muri iki gisigo

Ukwibyara gutera ababyeyi ineza ni igisigo cy'impakanizi. Gikubiyemo muri make amateka y'abami n'ingoma zabo kuva kuri Cyirima I Rugwe kugeza kuri Mutara II Rwogera ari nawe cyatuwe. Muri iki gisigo umusizi aha inshingano Umwami Mutara II Rwogera. Zo gutera ikirenge mu cya se na ba sekuru.

3. Erekanaga uturango tw'ikeshamvugo turi muri iki gisigo

Imizimizo

Isubirajwi

Iyitirira.

4. Sobanura amagambo akurikira ukoresheje iyiga nkomoko, inkoranya n'igereranya:

Cyanwa : **Ntare**

Icyeyi: **Agasuzuguro**

- Ndahiro aruhira: **Ndahiro aratanga**
- Cyubahiro: **Karinga**
- Akayambika karindwi: **Kwambika ingoma ibinyita inshuro ndwi**

3. **Imyitozo**

Mwarimu abwira abanyeshuri gukora imyitozo iri mu gitabo cyangwa yanditse ku kibabo.

Uzurisha izi nteruro amagambo ari mu gisigo.

1. Nimumuhe rugari atambe...(Imyato)..... .
2. yungura umwami wo ku cyuma azanye...(Cyubahiro).....
3. Nyabuzima, umuzimurura w'ibyari ...(Byazimiye)..... .

IGICE CYA KABIRI: IMITERERE Y'IGISIGO NYABAMI.

Intego zihariye: Kugaragaza imiterere y'igisigo nyabami.

Kuvuga inshoza y'igisigo nyabami.

Imfashnyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, Igitabo cy'umwarimu

1. Isubiramo

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma igisigo nyabami kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

2. Imiterere y'igisigo nyabami.

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri bagaragaza imiterere y'igisigo nyabami.

Ingero:

1. Igisigo nyabami gikoresha amagambo afubitse kandi anogeye amatwi
2. Interuro y'igisigo nyabami igirwa n'amagambo akunze kwihwanya n'izina ryacyo.
3. Ibisigo nyabami bigira indezi.

3. Umwitozo

- Mwarimu abaza abanyeshuri gukora ibibazo biri mu gitabo cy'umunyeshuri cyangwa byanditse ku kibaho.

1. Ni iyihe miterere y'igisigo “Ukwibyara gutera ababyeyi ineza”?

1. Gifite amagambo afubitse kandi anogeye amatwi
2. Interuro zacyo zihwanisha n'izina ryacyo.
3. Gifite indezi.

ICYUMWERU CYA KABIRI

IGICE CYA GATATU: UTURANGO TW'IKESHAMVUGO

Intego zihariye: kugaragaza uturango turi mu gisigo

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, n'icyumwarimu.

1. Isubiramo

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma igisigo “Ukwibyara gutera ababyeyi ineza”

2. Iturango tw'ikeshamvugo turi mu gisigo.

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri bagaragaza uturango tw'ikeshamvugo turi mu gisigo

Inshoza: Igisigo ni umuvanganzo witsa ugirwa n'ibika byitwa Imyature. Buri mwature muri rusange ugirwa inyate ebyiri. Injyana gikwira yo mu gisigo igaragarira ku rukurikirane rw'imigemo ifite amasaku nyesi mu mpera zaa buri nyate. Ijambo igisigo ubwaryo rivuga umuvugho uhanitse buri wese atabasha kumva. Ibyo bigaragarira mu magambo y'impuzamuzi z'iri jambo gusigura ari ko gusobanura igisigo, no gusigatura, ari ko kudondobekanya amagambo atumvikana.

Ingero: Uturango tw'ikeshamvugo tw'ibisigo nyabami ni:

Imizimizo

Batambira b'ineza munozandagano wa nsana ya buhanzi (ukwibyara interuro)

Isubirajwi

Cyungura umwami wo ku cyumaa azana cyubahiro yitwa cyihabugabo. (Ukwibyara interuro)

Iyitirira

Nkomye urume wa **Misaya** (Ukwibyara Interuro)

3. Umwitozo

➤ **Mwarimu abaza abanyeshuri kugaragaza uturango twikeshamvugo ndetse n'ingeri ziri mu gisigo.**

1. Vuga uturango tw'ikeshamvugo mu igisigo nyabami

Igisigo kirangwa na:

- Ikeshamvugo rikubiyemo iminozangano itandukanye (Iyitirira)
- Imvugo ihanitse itagikoreshwa ubu yitwa urunyakirima.
- Kivuga k'ubuzima bw'abami n'ingoma zabo.
- Imizimizo, isubirajwi, indezi n'ihwanisha.

2. **Tanga inshoza y'igisigo Nyabami**

Igisigo ni umuvanganzo witsa ugirwa n'ibika byitwa Imyature. Buri mwature muri rusange ugirwa inyate ebyiri. Injyana gikwira yo mu gisigo igaragarira ku rukurikirane rw'imigemo ifite amasaku nyesi mu mpera zaa buri nyate. Ijambo igisigo ubwaryo rivuga umuvugo uhanitse buri wese atabasha kumva. Ibyo bigaragarira mu magambo y'impuzamuzi z'iri jambo gusigura ari ko gusobanura igisigo, no gusigatura, ari ko kudondobekanya amagambo atumvikana.

IGICE CYA KANE: AMOKO Y'IBISIGO NYABAMI

Intego: Kugaragaza amoko y'ibisigo Nyabami.

Imfashanyigisho: igitabo cy'umunyeshuri n'icyumwarimu

1. Isubiramo

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma igisigo.

2. Amoko y'ibisigo nyabami

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri bagaragaza amoko y'ibisigo nyabami.

Ingero: Ibisigo nyabami birimo amoko atatu:

Ikobyoye: Ikobyoye (Ikungu) Ni ibisigo bigiye umujyoye umwe, bikagira interuro (Intangiriro) n'umusayuko. Ntibigira ibika bitandukanyeye, ahubwo byo bigiye umujyoye umwe. Aho bihuriye n'ibindi ni uko bigira indezi (amagambo asingiza abami). Ibyo bisigo birahurutuye kandi ntabwo ari birebire.

Urugero: “None Imana itumije Abeshi” cyasizwe na Mutsinzi agitura Kigeli wa Kane Rwabugiri amuhanurira abarokose se Rwogera ngo abarimbure (abagereka bo kwa Rugereka).

Ibyanzu: Ni ibisigo bigabanyijemo ibika bita ibyanzu, bigiye bitandukanywa n'inyikirizo. Mu byanzu iyo bavugaga amateka y'abami ntibayakurikiranyaga uko bagiye bima ingoma n'uko ibikorwa byabo byagiye bikurikirana.

Urugero: “Naje kubara inkuru” cya Sekarama ka Mpumba agitura Rwabugili mbere yo gutera i Ndorwa.

Impakanizi: Ni ibisigo usanga umusizi yaragendaga avuga amateka y'abami n'ibikorwa byabo abakurikiranya uko bagiye bima ingoma, agaheruka uwo atuye igisigo. Impakanizi igira ibice bitatu by'ingenzi aribyo: Interuro, Igihimba n'Umusayuko.

Urugero” Cya Nyakayonga ka Musare wa Karimunda.

3. Umwitozo

➤ Mwarimu abaza abanyeshuri amoko y'ibisigo Nyabami n'ingero kuri buri bwoko.

1. Vuga amoko y'ibisigo nyabami utange n'urugero kuri buri bwoko.

Ikobyoye: “None Imana itumije Abeshi”

Ibyanzu: “Naje kubara inkuru”

impakanizi: “Ukwibyara gutera ababyeyi ineza”

IGICE CYA GATANU: AMATEKA Y'IBISIGO NYABAMI.

Intego zihariye: kuvuga amateka y'ibisigo nyabami

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu.

1. Isubiramo

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma igisigo “ukwibyara gutera ababyeyi ineza”

2. Amateka y'ibisigo nyabami

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri bagaragaza amateka y'ibisigo nyabami.

Amateka: Ibisigo bikunze kwitwa Nyabami byatangiye ku ngoma ya Ruganzu Ndoli ni bwa byatangiye kwitwa gutyo. Mbere hari ibyitwaga ibinyeto (Kunyeta: Kurata, Gusingiza)

Mu binyeto, Kagame A. avugako umusizi yahangaga agasigo kagufi k'imirongo 10 cyangwa 20. Kakaba ari ak'umwami umwe umwe. Nyuma ku ngoma ya Ruganzu Ndoli nibwo Nyirarumaga yize uburyo bwo guhuriza mu gisigo cyimwe abami benshi cyangwa akavuga umwami umwe mu gisigo kirekire. Mu kubitangira yahuriye bya binyeto mu gisigo kimwe yise “Umunsi ameza imiryango yose”.

3. Umwitozo

Mwarimu abaza abanyeshuri kuvuga amateka y'ibisigo nyabami

1. Sobanura ibinyeto ni iki?

Ibinyeto ni udusingizo tugufi tw'imirongo 10 cyangwa 20 twasingizaga umwami umwe umwe mbere y'uko habaho ibisigo bikubiyemo abami benshi.

2. Ninde watangije ibisigo nyabami?

Nyirarumaga

3. Ni ikihe gisigo cya mbere mu bisigo nyabami?

Umunsi ameza imiryango yose”.

4. Ibisigo nyabami byatangiye ku ngoma y’uwuhe mwami?

Ku ngoma y’umwami Ruganzu Ndoli.

ICYUMWERU CYA GATATU

ICYIGWA: INGERI Z'UBUVANGANZO NYARWANDA

Intego zihariye: Kurondora ingeri zose z'ubuvanganzo

Kugaragaza uturango twa buri ngeri.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu.

IGICE CYA MBERE: UMWANDIKO “UMUGANI WA NYAMUTEGERAKAZAZEJO”

Intego: gusesengura umwandiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu.

Habayeho umugabo akitwa Nyamutegerakazazejo, agatura ahantu hitwa i Gihinga cya Ruzege. Uwo mugabo arakwihorerera ashaka umugore, babyarana umwana ariko avuka se yarapfuye.

Nyamutegerakazazejo yabonye umugore we afite inda, aramubwira ati: “Uzabyara umwana w’ umuhungu narapfuye; ntuzagire izina umwita, bazajye bamwita mwene Nyamutegerakazazejo. ” Umugore arikiriza.

Nuko bukeye, Nyamutegerakazazejo areba inka, ajya gukwa n’umugore we, ajyana n’intama n’amasaka, n’impu n’impuzu nyinshi. Mu nzira asanga ifuku yafashwe n’umutego; arayitegura, ayiha amasaka irahembuka. Ifuku iramubaza iti: “Wa mugabo we ko ungiriye neza, witwa nde?” Umugabo ayibwira izina rye. Ifuku iti: “Genda umugeni uzamubona. ”

Yigiye imbere abona inkuba yaguye mu mutego, na yo arayitegura. Inkuba iti: “Wa mugabo we ungiriye neza, nzayikwitura iki?” Inkuba imubaza izina rye, arayibwira; inkuba iti: “Genda umugeni uzamubona. ”

Arakomeza aragenda ahura n’imbeba, zimubaza izina rye, arazibwira. Imbeba ziti: “Dufungurire!” Aziha amasaka n’ impu n’impuzu. Arakomeza agera mu ishyamba, ahura n’ intare iti: “Mfungurira kandi unyibwire. ” Ayiha inka, arayibwira, ati: “Ndi Nyamutegerakazazejo ntuye i Gihinga cya Ruzege, ngiye gukwerere inda, ngakwa indi.

”Yigiye imbere ahura n’ isazi n’ ishwima abiha inka, birayishitura birahaga.

Akomeza urugendo, aza guhura n’ umugabo uvuye mu rugo rwe, nawe yari afite umugore utwite inda y’ uburiza, Nyamutegerakazazejo aramwibwira, amubwira n’ ikimugenza. Umugabo ati: “Nta mukobwa mfite, icyakora umugore wanjye aratwite. ” Undi ati: “Yewe! Iyo nda niyo nshaka, kuko n’ uwanjye atwite atarabyara, maze abo bana bacu tuzabashyingirana. ” Umugabo ati: “Ibyo na byo ! Nyihera inka, inda ndayiguhaye. ” Nyamutegerakazazejo arataha.

Nyamutegerakazazejo ageze imuhira, amara iminsi mike arapfa. Bitinze umugore wa Nyamutegerakazazejo arabyara, ntiyita umwana izina. Umwana aba umugabo; umwana aza kubaza nyina ati: “Data yitwaga nde?” Ari hehe?” Nyina aramusubiza ati: “So yarapfuye yitwaga Nyamutegerakazazejo.

Yari yaragiye inyuma y’ ishyamba, asiga agushakiye umugeni, avuye yo aherako arapfa. ” Umwana ati: “Nzajya kureba aho hantu data yajyanye inka yo kunkwerera. ”

Bukeye umwana arakugendera, ahura n’ ifuku. Ifuku ziti: “Witwa nde?” Ati: “Ndi mwene Nyamutegerakazazejo. ” Ifuku ziti: “Wa mugabo ugira neza?” Ifuku ziti: “Genda ariko umenye ko aho ugiye bazakurushya, uzemere uruhe. Nibakohereza guhinga, uzajyeyo uzahadusanga. ”

Yigiye imbere ahura n’ imbeba ziti: “Uri nde?” Arazibwira. Imbeba zitema ishyamba arahita; ziti: “Bazakurushya;” ziti: “Bazagushyira mu nzu baguhambirize imigozi, maze imigozi uzayice wisohokere; numara kuvamo inzu bazayitwika bagira ngo urimo maze uzayote, nibaza bazahagusanga. ”

Nuko imbeba ziramukurikira zimwerekana aho ajya, ahageze bati: “Uri nde?” Ati: “Ndi mwene Nyamutegerakazazejo wari utuye i Gihinga cya Ruzege, waje gukwa inda. ” Nuko bamushyira mu nzu yo mu rugo bamugenzerereza uko imbeba zari zamubwiye, na we akurikiza inama yazo.

Inzu koko barayitwika, mu gitondo babyutse basanga arota baratangara. Bayoberwa uko babigenza, kuko umukobwa se yari yaramukoye, bari baramushyingiye, ndetse yari amaze no kuhabyarira kane kose.

Nuko imvura irashoka, intare zivugira mu ishyamba, inka zari zarashize zirataha! Batumira umugore n’ abana uko ari bane. Babwira mwene Nyamutegerakazazejo bati: “Dore hariya hari

abagore barimo nyokobukwe; genda ubaramutse bose usibe kuramutsa nyokobukwe, kuko n' ubundi kizira. Numumenya ukamucaho utamuramukije, umukobwa we araba umugore wawe. ”

Isazi imujya mu gutwi iti: “Uwo ngwaho ntumuramutse. ” Umuhungu muzima aramutsa abagore bose, ageze kuri nyirabukwe aramumenya ntiyamuramutsa.

Ishwima na yo ibwira mwene Nyamutegerakazazejo iti: “Nibaza kukubaza inka so yasize akoye; inka ngwaho izaba ari iyawe. ”

Bazana abana umugore yari yarabyariye mu nzu yashatsemo, baborosa ikirago, bati: “Ngaho borosore ukuremo umugore wawe n' abana bawe. ” Imbeba iraza ica hejuru y' ikirago iriruka. Mwene Nyamutegerikizaza amenya ko ikirago kirimo abana be, araborosora ati: “Uyu mugore n' aba bana ni abanjye. ”

Nuko babuze uko bamugira bamushakira inzoga n' inka bamuha abamuherekeza ajyana umugore we n' abana be arataha.

Si jye wahera hahera umugani.

1. Ivumburamatsiko

- Mwarimu abaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku mwandiko.

Ibibazo + ibisubizo

Ninde wambwira imwe mu migani miremire azi?

Umugani Bakame n'Impyisi

Umugani Ngunda

Umugani wa Semuhanuka.

2. Gusoma

2.1 *gusoma bucece.*

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece batavuga.

Ibibazo + Ibisubizo

Nyamutegerakazazejo yari atuye he?

Gihinga Cya Ruzenge

Yajyanye iki iwabo w'umugore we?

Yajyanye inka, intama, amasaka, impu n'impuzu.

2. 2. Gusoma baranguruye

- Mwarimu asomera abanyeshuri umugani, abanyeshuri nabo bagasoma umwandiko wose umwe umwe.

2. 2. 1. Inyunguramagambo

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri gusobanura amagambo mashya ari mu mwandiko.

2. 2. 2. Ibibazo ku mwandiko.**IGICE CYA KABIRI: INGERI Z'UBUVANGANZO.**

Intego: kurondora ingeri z'ubuvangazo nyarwanda

Kugaragaza uturango twa buri ngeri

Imfashanyigisho: igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu

1. isubiramo

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko “ Nyamutegerakazazejo »

2. ingeri z'ubuvanganzo

- Mwarimu afatanyije nabanyeshuri bagaragaza ingeri z'ubuvanganzo nyarwanda

Ingeri z'ubuvanganzo:

Ubuuvanganzo nyarwanda burimo ibice bibiri aribyo: Ubuuvanganzo nyemvuga n'ubuvanganzo nyandiko.

Unuvanganzo nyemvugo: ubuvanganzo nyemvugo ni ibihangano byahanzwe n'abantu bakera abenshi bakaba batazwi neza, kuko bahimbaga batandika bakabifata mu mutwe. Ibyo bahimbaga babishyikirizaga abo mu gihe cyabo bakagenda babiraga abo basize bityo bityo bigahinduka uruhererekane. Ubuuvanganzo nyemvugo nabwo bwari bugabanyijemo

ibice bibiri: Ubuvinganzo nyemvugo Nyabami n'ubuvinganzo nyemvugo bwo muri rubanda.

Ingero z'ubuvinganzo nyemvugo nyabami

Ubwiru, ubucurabwenge, ibitekerezo by'ingabo, ibyivugo, indirimbo z'ingabo, ibisigo nyabami, amazina y'inka...

Ingero z'ubuvinganzo nyemvugo bwo muri rubanda.

Imigani miremire, imigani migufi, insigamigani, ibitutsi, ibisakuzo, ibihozo, amavumvu, amahigi, amasare, amagorane, imitongero....

Ubuvinganzo nyandiko: ubuvinganzo nyandiko bukomatanya inyandiko z'ubuvinganzo zabayeho kuva aho umunyarwanda yahereye yandika atanga ibitekerezo bye mu nyandiko. Ubu buvinganzo bwadutse ku mwaduko w'abakoroni.

Ingero: Inkuru ndende, inkuru ngufi, ubusizi bw'ubu, indirimbo, inyandiko z'ikinamico n'ibindi.

3. Umwitozo

1. Nyuma yo gusoma umwandiko, rondora ingeri z'ubuvinganzo nyarwanda ?

Hari ubuvinganzo Nyemvugo n'ubuvinganzo Nyandiko.

2. Vuga ibice bigize ubuvinganzo nyemvugo ?

Hari ubuvinganzo nyemvugo Nyabami n'ubuvinganzo nyemvuga bwo muri Rubanda.

3. Uyu mwandiko uri mu buhe bwoko bw'ingeri z'ubuvinganzo? Kubera iki ?

Uyu mwandiko uri mu bwoko bw'ubuvinganzo nyemvugo bwo muri rubanda, Kubera ko ari umugani muremure.

ICYUMWERU CYA KANE

ICYIGWA: IMIMARO Y'AMAGAMBO

Intego: kurondora imimaro y'amagambo mu nteriro

Gusesengura interuro yerekana imimaro y'amagambo ayigize.

Kugaragaza amoko ya Ruhamwa n'ay'ibyuzuzo.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu.

ICYIGISHO CYA MBERE: UMUGANI W'UMUHIGI, INTARE N'IGIKERI

Umuhigi yajyanye n'umwana we mu ishyamba guhiga, hanyuma bavumbura impongo, barayica. Ubwo batangira kuyibaga kugira ngo babone uko bayitwara. Hashize akanya, intare iba irahahingutse, ibwira uwomugabo, iti: "Wa mugabo we, uwo mwana namire iyo mpongo, namara kuyimira nawe umumire, nanjye nkumire."

Umugabo ubwoba buramutaha. Akibaza uko ari bubigenze, igikeri cyabyumviraga mu mwobo, kibwira uwo mugabo kimukanika, kiti: "Yewe wa mugabo we, uwo mwana namire iyo mpongo, namara kuyimira nawe umumire, hanyuma intare ikumire, nanjye nyimire."

Intare ibyumvise ishya ubwoba, amaguru si ukuyabangira ingata, ifumyamo, yiruka amasigamana; isubira mu ishyamba.

Umuhigi n'umwana bagororera igikeri ukuguru kose, bagishimira ineza kibagiriye. Hanyuma begura inyama zabo, bikorera umuhigo barataha.

1. Ivumburamatsiko

- Mwarimu abaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku mwandiko.

1. Umuntu ujya gushaka inyamaswa zo kwica mu ishyamba bamwita nde ?

Umuhigi

2. Umwami w'ishyamba ni nde ?

Intare

3. Ni ikihe gikoko gikunda kuba mu gishanga ?

Igikeri

2. Gusoma

2. 1. *gusoma bucece*

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece.

Ibibazo + ibisubizo

1. Umuhigi yajyanye na nde guhiga?

Yajyanye n'umwana we.

2. Umuhigi n'umwana we bagororeye Gikeli iki?

Ukuguru kose.

2. 2. Gusoma baranguruye

- Mwarimu asomera abanyeshuri, nyuma abanyeshuri bagasoma umwe umwe.

2. 2. 1 *Inyunguramagambo*

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri basobanura amagambo mashya.
 - **Kuyabangira ingata:** kwiruka cyane ubutarora inyuma, kwiruka amasigamana
 - **Gufumyamo:** kwiruka n'imbaraga kubera ubwoba
 - **Umuhigo:** icyo bishe bagiye guhiiga

2. 2. 2 *Ibibazo ku mwandiko*

ICYIGISHO CYA KABIRI: UMUMARO W'AMAGAMBO AGIZE INTERURO

Intego: kurondora imimaro y'amagambo mu nteruro

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu.

1. Isubiramo

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwangiko, bagakuramo interuro zuzuye.

1. Nyuma yo gusoma umwandiko, garagaza interuro zuzuye ziwurimo.

- Umuhigi n'umwana bagororera igikeri ukuguru kose.
- Umugabo ubwoba buramutaha.

Intare ibyumvise ishya ubwoba.

2. Umumaro w'amagambo agize interuro.

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri mu gusesengura interuro zatanzwe bagaragaza imimaro y'amagambo azigize.

Ingero:

1. Umuhigi n'umwana bagororera igikeri ukuguru kose

Umuhigi n'umwana: Ruhamwa

Bagororera igikeri ukuguru kose: Ruhamyia/Imvugaruhamwa.

2. Umugabo ubwoba buramutaha.

Umugabo: Ruhamwa

Ubwoba buramutaha: Ruhamyia/Imvugaruhamwa.

3. Intare ibyumvise ishya ubwoba

Intare: Ruhamwa

Ibyumvise ishya ubwoba: Ruhamyia/Imvugaruhamwa

3. Umwitozo

Mwarimu aha abanyeshuri interuro abanyeshuri bakazisesengura bagaragaza imimaro yaburi magambo agize interuro.

1. Gargaza amagambo agize interuro zikurikira n'umumaro wayo.

Iyi nzoga	yenze umuhanga
↓	↓
Ruhamwa	i mvugaruhamwa
Intare	ibyumvise ishya ubwoba
↓	↓
Ruhamwa	imvugaruhamwa

ICYUMWERU CYA GATANU

ICYIGWA: IMIGANI MIGUFI

Intego zihariye: gutahura imigani migufi mu mwandiko.

Gusesengura imigani migufi.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu.

ICYIGISHO CYA MBERE: UMWANDIKO

SEMUHANUKA NA MURAMU WE

Semuhanuka yagiraga muramu we, bagaturana. Umunsi umwe banywa inzoga, basezerana kuzajya batumirana no kuzajya bacirana babonye inyama.

Bukeye hatera inzara ikomeye. Semuhanuka abwira muramu we, ati: “Dore mfite inka y’ingumba, uyigushe tuyirye, tuzaheruka iyanjye.” Muramu we aremera babaga ya nka, barayisangira. Imaze gushira abwira Semuhanuka, ati: “Dore nanone twarembye. Nawe noneho iyawe ngumba tuyirye, ni wowe utahiwe.” Semuhanuka, ati: “Nzayigusha mu minsi itatu.”

Kumunsi wa kabiri, Semuhanuka abwira umugore we, ati “Ko ntashaka ko musaza wawe uriya andira inka, ngire nte ?” Umugore, ati: “None se ntugire uko ushaka! ariko jye simbona impamvu yo kumwima.” Umugabo, ati: “Nzayibaga, maze mwubikeho urusyo.”

Mu gitondo, ku munsi wa gatatu, igihe bose biteze gusya, Semuhanuka atuma kuri muramu we, ati: “Ntiza icumu ryawe n’umuheto wawe, mbivunagirire mu gicaniro, inka zanjye zibatahireho, niko bandaguriye.” Muramu we ati: “wa mugabo we unsuzuguye bimwe by’imbwa, sinshaka ko unshanira umuheto, uragacana uwawe na we.” ibyo ngibyo Semuhanuka yabigiriye kwiyenza kuri muramu we kugira ngo batongane. Koko kandi baratongana rubura gica.

Semuhanuka yari yabonye impamvu. Abaga inka ye, ayirya wenyine. Imaze gushira, muramu we nawe abaga iye nka, ari ukugira ngo yihimure. Nuko Semuhanuka abwira muramu we ati: “Ejo tuzashora.” Muramu we, ati: “Tuzashora ejo bundi.” Undi, ati: “ibyiza ni ugushora ejo, dore nawe inka zacu zarembye.” Muramu we aremera. Semuhanuka

ahengera igicuku kinishye, maze arinikiza. Zimaze guhumuza, avuza urwamo rwo gushora. Muramu we amwumvise, aramubwira ati: “Reka ntunsige, mbanze mpumuze izanjye. ” Undi, ati: “Tebuka ngiye kugusiga. ” Muramu we akama bwangu, ahumuje azikata inkoni, azikinga agenda, akurikira Semuhanuka. Igihe bamaze umwanya mu nzira, Semuhanuka abwira muramu we, ati: “Yoo, nimuyobore nibagiwe uruhago rwanjye rw’itabi, nsubiye inyuma kurwenda, ndasanga mutaruhira inka ya mbere. Kandi nimwuhira ntaraza, mwuhire neza simbagaye. ”

Icyago, Semuhanuka aza yiruka n’inyuma y’inzu ya muramu we, abwira umugore, ati: “Yewe ga nyirakanaka! cya cyago Semuhanuka noneho yashoye, kandi aheruka kubaga ntiyampa. Simuhima none, nzamuhima ubundi. None woherewe iwe ukuguru n’inkoro n’izindi zo mu nda, kandi woherewe yo n’inzoga muri cyagicuma cyanjye kirekire. Ntawima uwamuhaye, kandi tva inda imwe, kuko afite mushiki wanjye. Aho guhemuka ku nshiti wayeraho. Mpemukiye Semuhanuka, mushiki wanjye yangaya. Maze hatoya nituva kuhira ukabona aje munzu akankurikira, uze kubanza uzane inzoga muri ka gacuma k’akabundi. Nishira nkakureba nabi, ndaba nkurengura ngo uzane inyama n’umutsima. ”

Semuhanuka amaze kurikora, afumyamo asanga inka za mbere ariyo bakimara kuziterera. Wa mugore amaze kumva ibyo, agira ngo ni umugabo we umubwiye, kuko Semuhanuka yavuze rwose mu ijwi rya muramu we. Ubwo rero yihutira kurangiza iregeko. Inka ziranywa, zimaze guheta, barazikura. Hakaba ku manywa y’ihangu! Muramu wa Semuhanuka ntacyo yaganyaga kuko yari yizeye ko ari buhage wenyine, ntamenye ko ari busangire na Semuhanuka ku maherere. Bombi baracyura. Inka zitashye, Semuhanuka ajya kwa muramu we yanga kuhava. Muramu we yinjira mu nzu, undi amwoma mu nyuma. Igihe bombi bicaye, umugore azana inzoga y’urwagwa mu gicuma. Inzoga barayisangira. Imaze gushira, umugore azana indi y’ubuki mu mperezo. Hanyuma muramu wa Semuhanuka arebana igitsure n’uburakari bwinshi... Umugore nawe abonye yuko umugabo amurebye igitsure, azirikana y’amagambo: “Ninkureba nabi, ukomeze uzane. ” Umugore aterura inzoga y’ubuki mu gicuma, arabahereza. Umugabo we ayinywa atayinyoye, nawe Semuhanuka ater ishengo. Umugore abonye ko umugabo we agize ishavu, yibwira ko ashaka kurya. Ashyira inyama ku mbehe n’umutsima mu cyibo, maze abaha amazi yo gukaraba, arabagaburira. Nyamugabo abibonye atyo, ararakara cyane, abwira Semuhanuka, ati: “Genda shahu, hari icyo nshaka kwibariza. ” Ubwo bari bamaze kurya. Semuhanuka abaka agacumu ke agaterera ku rutugu, arasohoka, arataha ageze hanze aravuga, ati: “urabaze neza, umenye ntutere amahane. ”

Wa mugabo yambikana n'umugore we, ati: “mbarira ga wa mugore we w'umupfu: uzirikana ukuntu nanganye na Semuhanuka, dupfuye ko anyimye inyama, ejo bundi abaze ingumba ye akanutsa, maze nawe urarenga umugaburira intongo nziza ishyano n'agahano, kandi ugira no kumumpera inzoga! Ngize ngo ndakureba nabi, urashungwa! Ngiye kukwirukana na none ntacyo wari umvuye.”

Umugore na we, ati: “Mbere hose si wowe wagarukiye mu nzira ukantegeka utyo ?”

- Uranjwa, ntakintu nigeze nkubwira uyu munsu.
- Erega weho uracyabara, nta nizindi nyama wantegetse kohereza iwe, ubu nyiyaririye ku rubisi!
- Semuhanuka niwe wagarutse, ndibutse. Ahubwo ndiyahura, Semuhanuka ntiyajya kundira inka kandi twaranganye, ngo anywere n'inzoga.

Muri uwo mwanya Semuhanuka aragaruka, asanga bicika. Ahagarara ku irembo abwira muramu we, ati: “Reka ntiwakure umugore ni jye wabigize ngarutse.” Kuva ubwo byose birashira, barongera bunga ubumwe, ntibongera kwangana, basangira nk'abavandimwe. Uwo mugore nawe ntacyo umugabo yamutwaye. Ibyo byose byaturutse ku munge ya Semuhanuka.

- amenyo aketa urugo rw'undi ntakuka
- abavandimwe bararwana bakikiranura
- Uwambuwe n'uwo azi ntata ingata
- Impyisi y'iwanyu ikurya ikurundarunda.
- Nusanga abavandimwe bavumbitse akarenge, uvumbure akawe, kuko ubigana akawe kagashya.
- Umupfu w'undi ntawe umwima umubavu
- Uwisigira umuturanyi amara isimbo ahora ari mwiza. yigengeseye.
- Urwanze gushira ruhemuza intwari

1. Ivumburamatsiko

- Mwarimu abaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku mwandiko.

Ibibazo + Ibisubizo

Ni iki umuntu ashobora gupfa n'umuvandimwe we?

Ubuhemu.

Umugabo uvukana n'umugore wawe aba ari iki cyawe?

Muramu wanjye.

2. gusoma

2. 1 gusoma bucece

Ibibazo + ibisubizo

Ni iki Semuhanuka yapfuye na muramu we?

Bapfuye ubuhemu bw'uko bariye inka ye nyuma semuhanuka akanga kumuha kuye.

Ni iyihe nama umugore wa semuhanuka yahaye umugabo we?

Yamusabye guha inka kuri muramu we.

1. 2. gusoma baranguruye

- Mwarimu asomera abanyeshuri nyuma abanyeshuri bagasoma umwandiko umwe umwe.

1. 2. 1. Inyunguramagambo

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri basobanura amagambo mashya

Kulira ku rubisi: kuba wamaze kurya kare, kurya bakimara kubaga.

Isimbo: isoro ry'amavuta.

Kunutsa umuntu: kumwima ntumuhe na busa.

Guheta amazi kw'inka: kwongera kunywa.

2. 2. 2. Ibibazo ku mwandiko

ISUZUMABUMENYI

ICYIGISHO CYA KABIRI: IMIGANI MIGUFI

Intego Zihariye: Gusesengura imigani migufi

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu

1. Isubiramo

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko “semuhanuka n’umuhungu we” bakaragaza imigani migufi iri mu mwandiko.

Ibibazo + Ibisubizo.

1. Ni iyihe migani iri mu mwandiko?

Uwambuwe n’uwo azi ntata ingata

Impyisi y’iwanyu ikurya ikurundarunda.

2. Inshoza y’imigani migufi.

- Mwarimu afatanyije n’abanyeshuri gushaka inshoza y’imigani migufi.

Inshoza:

Imigani migufi ni interuro ngufi yifitemo ingingo ivuga ibintu ku buryo bufubutse, ubwiwe akabyumva ahereye kucyo uwuciye arenguriyeho yaba adasanze awuzi cyangwa atumvise icyo kintu bikamuyobera.

- Mwarimu afatanyije n’abanyeshuri bashaka izindi ngero z’imigani migufi.

Ingero:

1. Uwo utazaruta ntumwima umubyizi
2. Inyama utazarya ntuzirinda ibisiga
3. Ahabaye imanga ntihaba indagiyo
4. Akaboko kazaguha ukabonera mu iramukanya
5. Uruyuzi rujya kwera ibihaza rubanza ubututu

6. Ntawe utinda adahambira

3. Gusesengura imigani migufi

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri basesengura imigani migufi mu buryo yumvikanamo.

Ingero:

4. Umwitozo

- Mwarimu abaza abanyeshuri gutanga imigani migufi bakanayisesengura.
 1. Sesengura imigani migufi ikurikira uhereye ku buryo bubiri yumvikanamo.
 2. Himba umwandiko mugufi ukoreshe mo imigani migufi itanu.
 3. Tegura ikiganiro kigufi ubwira abanyeshuri ukoreshemu imigani migufi nibura itatu.

ICYIGISHO CYA GATATU: INYANGINGO N'IMIMARO YAZO.

Intego zihariye: Kugaragaza inyangingo n'umumaro wazo

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, Igitabo cy'umwarimu

IGICE CYA MBERE: Umwangiko “UMUGANI WA SABWENGE NA NYIRABWENGE”

UMUGANI WA SABWENGE NA NYIRABWENGE

Habayeho umugabo akagira umugore n'abana n'inka. Hanyuma aza kuza kugishisha inka ze mu ishyamba.

Igihe yari mu ishyamba haza kuza igisimba kiza kurya inka yari yasize mu rugo. Kikaza, kiti: “mbee Nyirabwenge, ntabwo wamfungurira”? Kiragenda kiryama amacukiro, inka zisigaye kirazirya na zo. Umugore akaba afite inda. Igisimba rero kimaze kurya inka zose, kimaze kurya abana bose kibarangije, iwabo hasigara Nyirabwenge.

Akajya avuga ati “ndarariwe cya gisimba kirandya”. icyiyone rero kiraza, kiti: “mbee Nyirabwenge ko wigunze ni ibiki?” Nawe, ati: “agahinda mfite se ngo ukamare? Ngutabaje ubundi wagenda uvuga ngo iki?” Nacyo, kiti: “nagenda mvuga ngo wa wa wa”. Ati: “puuu! Igendere”. Noneho haza inyamanza, iti: “mbee Nyirabwenge ko wigunze ni biki?” Ati: “agahinda mfite se ngo ukamare? Ngutabaje ubundi wagenda uvuga ngo iki?” Kati nagenda mvuga ngo: “Yee Sabwenge, Yee Sabwenge, imuhira iyo, agasimba wasize wahuye mu nka n'abana gashigarije Nyirabwenge imuhira iyo”.

Nyirabwenge abwira inyamanza, ati: “genda nuntumikira nzaguhemba, nusanga narapfuye kandi na bwo Imana izaguhemba”. Ubwo karagenda kageze iyo Sabwenge yagishishirije karagenda no ku rugo, kati: “Yee Sabwenge, Yee Sabwenge, Imuhira iyo, agasimba wasize wahuye mu nka n'abana gashigarije Nyirabwenge imuhira iyo”.

Abari aho, bati: “Shahu ntiwumva ako kanyoni?” Bagatera ibuye kagwa muni y'urugo karigarura karongeraga kagwa hejuru ku muvumu, kati: “Yee Sabwenge, Yee Sabwenge,

Imuhira iyo, Agasimba wasize wahuye mu nka n'abana Gashigarije Nyirabwenge imuhira iyo”.

Noneho Sabwenge, ati: “ibyho bintu numva sinzi uko nabivamo, nyamara kariya kanyoni kariho karamburira, ahari Imana ni yo imburira. Ndahambiriye ndagiye munsigarire mu nka”. Aragenda n'iwe imuhira asanga aho icukiro ryari riri, asanga aho ibiraro by'innyana byari biri harumye.

Nyirabwenge ariko ubwo nawe igisimba cyaramuriye. Noneho cyambaye inkanda ya Nyirabwenge kirempera kiricara. Sabwenge, ati: “mbee Nyirabwenge?” Kiti: “yeee!” Ati: “uraho?” Kiti: “Yego”. Ati: “mbese ko utajya ahagaragara?” Kiti: “Erega narabyaye, nabyaye abana babiri ndumva nta ngufu mfite”. Umugabo agerageza uko yashobora byo guhamba umubyeyi aragihereza azi ko ahereza umugore we. Ariko uko agihereza akagihereza kimira bitari uko Nyirabwenge yari asanzwe aya.

Ati: “mbese waje ahagaragara?” Kiti: “erega nta mbaraga mfite bitewe n'umunaniro”. Aritonda, arareba asanga ni igisimba noneho ahitamo kwigendera.

Cya gisimba gitangira kujya gikaranga ba bana ku rujyong'urukundo ngo: “simbakaranga ndabakuza”. Abo bana bari umukobwa n'umuhungu”. Noneho rero barakura, igikoko kikabahahira kirabarera.

Abana barakura, bamaze kugera nko mu kigero cy'imyaka cumi, kikajya kibaha ibicuma ngo bajye kuvoma, ariko kikabashyiramo ibiziriko maze kikajya gisigara gikurura cyibaza niba batagomba kuvamo. Abana bagera ku mugezi bagahurira yo n'abandi bana ba rubanda bati: “mbese mwa bana mwe muba hehe?” Bati: “tuba hariya”. Bati: “ese nyoko muramufite?” Bati: “turamufite”. Bati: “yooo! Murabizi se? Burya ni igisimba, mugitorokere mwigendere”.

Noneho wa muhungu yagera mu nzira akabwira mushiki we ati: “ese kiriya gisimba ubona ari mama, cyangwa ubona ari umuntu nka barya duhura n'abo duhurira ku mugezi?”

Uzaceceke twitorokere twigendere”. Umukoba akamusubiza ati: “ndabwira mama”. Undi ati: “oya ntundege umuriro nuzima nijoro ndagusigira ibyo nari kurya, ariko uceceke ntubwire mama. ”

Umukobwa aza kugenzura na we asanga uwo bita mama atameze nk'abandi bahurira ku mugezi. Noneho rero umuhungu aramuganza ati “tuzitorokere twigendere, ibi biziriko tuzabishyire muri kiriya giti kiri ku mugezi maze twiyirukire”.

Nuko baragenda bazirika ku giti bya biziriko kibazirika mu ijosi, maze bariruka baragenda. Bamaze kugenda bageze mu nzira, cya gisimba kikajya gikurura kikumva ko barimo. Abana na bo bariruka weee. Bahura n'abahinzi bati: “Data yari Nyangomayanyabami, Mama yari biberobyerimpunga Yokwicwa n'ubwangushyi yameze”

Bati: “nimwigendere”. Bakiruka bagahura n'abantu bakabona ari abana beza bambaye ubusa, ariko barezwe, biboneka ko barerewe mu ishyamba. Bati: “murava he mwa byiza mwe mukajya he?” Bati: “Data yari Nyangomayanyabami Mama yari biberobyerimpunga Bokwicwa n'ubwangushyi bameze”.

Bati: “nimwingendere”. Baragenda noneho cya gisimba na cyo cyakomeje gukurura, kirambiwe kijya ku mugezi gisanga abana bagiye. Kiti: “yooo! Ibyiza byanjye byancitse, ni njye wabakengesheje nagize ngo nzabarya bakuze none banshitse”. Gihera ko kirabakurikira. Abana na bo baragenda jugujugu, igisimba kirabakurikira. Aho kigeze, kiti: “nta byiza byanjye binyuze aha?” Bati: “barahanyuze” Abandi, bati: “ntabahanyuze”. Kugeza igihe ba bana basanze se ashokeye inka ku iriba, noneho, ati: “murava he mwa bana mwe mukajya hehe? Abana nabo, bati: “Data yari Nyangomayanyabami, Mama yari Biberobyerimpunga, bokicwa n'ubwangushyi bameze”

Ubwo se yumva ni we bavuga kandi ko na nyina ari we bavuga. Ahari ni Imana yari yarabavugiyemo kugira ngo bamenye na se kandi batari bamuzi. Nuko ahita abahisha mu isinde, cya gisimba na cyo kiba kiraje, kiti: “nta byiza byanjye binyuze aha ?” Ati: “dore barenze uriya musozi, nta n'ukuntu ushobora kubashyikira”. Ati: “ese nta wajya kugufungurira byibura ngo aguhe amazi?” Ubwo Se w'abana yari yakimenye, amenya ko n'abana ari ba bandi umugore yasize.

Baragenda bajyana na cya gisimba, bakaba batwitse intosho. Ati: “dore washonje cyane none asama cyane tukurebere ukuntu warya ugashira inzara” Nuko kirasama maze basukamo ya ntosho. Kiti: “yorororororo! Ca akano gahera maze ukuremo Nyirabwenge wawe nariye. Ca n'akandi ukuremo ibyawwe byose nariye maze jyewe undeke igipfagapfaga nigendere”.

Nuko abana bakira batyo, Se abakiza atyo, arababona. Na Nyirabwenge we n'ibintu bye byose abivana muri ka kano k'icyo gisimba.

1. Ivumburamatsiko

- Mwarimu abaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku mwandiko.

Ibibazo + Ibisubizo

Vuga amoko y'inyamaswa cyangwa inyoni uzi.

Ingwe, intare, inzovu, ikiyoni, umusambi, inyamanza...

2. Gusoma

2.1 *gusoma bucece*

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko.

Ibibazo + ibisubizo

Ni iki cyatumikiye Nyirabwenge?

Ni Inyamanza.

Ni kuki Nyirabwengw yatabaje?

Kubera ko yari yatewe n'inyamanswo.

2.2. Gusoma baranguruye

- Mwarimu asomera abanyeshuri umwandiko, nyuma abanyeshuri bagasoma umwandiko wose umwe umwe.

2.2.1. Inyunguramagambo

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri gusobanura amagambo mashya.

Kugishisha: Kujya gushaka urwuri rw'inka iyo aho ziri ubwatsi bwahashize.

Icukiro: Ni aho barunda umase y'inka

Isinde: ni icyo abashumba bitwikiraga imvura iguye gikoze mu birere.

2.2.2. Ibibazo n'ibisubizo.

1. Ni iki cyatumikiye Nyirabwenge?

Ni Inyamanza.

2. Ni kuki Nyirabwengw yatabaje?

Kubera ko yari yatewe n'inyamanswo

3. Umwitozo

Sobanura aya magambo dusanga mu mwandiko

Kugishisha:

Icukiro:

Isinde:

IGICE CYA KABIRI: INYANGINGO N'IMIMARO YAZO

Intego Zihariye: kugaragaza inyangingo n'imimaro yazo

Imfashanyigisho: igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu

1. Isubiramo

- Mwarimu asaba abanyeshuri kugaragaza interuro ziri mu mwandiko. No gusoma umwandiko.

Umukozi waanbye arahinga, aravooma, araateka, arasasa.

Araambara kaandi ariiyuhagira

Mboonye asiinziriye yiicaye

Mbwiira niiba uziiba ntuufatwe

Wiiba turi kumwe kugira ngo umfatishe.

Ndiibaza niiba yaaje cyaangwa yaarorereye

Agira ngo ntituzaamwiitura kuko ashaje tubyiruka

Amboonye aranyegeera asaanga ndakaanganye araamvugisha.

Umugore abarirwa imbyaaro ntaabarirwa amazu

Nagiiye iwe nsanga akiri muzima

Namutiye isuka ariko yari aandaanduye

Baamukubitiye ubusa biraambabaza

Kuva aho yageendeye ntaraagaruka

Yagiiye mu mahaanga aratiinda bukeeye aragaruka

Mfite ubuhuungiro nahuunga kabwa yaandembeje anyiba

Ushiima ko wariye so ubyiruye

Ndakoonje nicyoka gituma ntirira

Umpe inka nshaaka nzaayikwe umukoobwa nkuunda

Baamutumyeho kugira ngo bamutume araanga.

Umukwe yari umwana ni uko yaaje ameeze ameenyo ya ruguru

- Mwarimu asaba abanyeshuri kugaragaza interuro zuzuye ziri mu mwandiko.

Nyuma yo gusoma umwandiko garagaza interuro zuzuye zirimo.

Umukozi waanyje arahinga, aravooma, arateka, arasasa.

Araambara kaandi ariyuhagira

Mboonye asiinziriye yiicaye

Mbwiira niiba uziiba ntuufatwe

Wiiba turi kumwe kugira ngo umfatishe

2. Inyangingo n'imimaro yazo.

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri bagaraga inyangingo ziri mu nteruro, bakazisesengura bagaragaza imimaro yazo.

Ingero:

1. Umukozi wanjye arahinga, aravoma, arateka, arasasa.

Umukozi wanjye arahinga: inyangingo yihagije

Aravoma: inyangingo yihagije.

Arateka: inyangingo yihagije

Arasasa: inyangingo yihagije

2. Mbwiira niiba uziiba ntuufatwe

Mbwira: ingaragirwa

niba uziba: ingaragira ngaragirwa, mbonera

ntufatwe: ingaragira y'ingaruka.

3. Umwitozo

- Mwarimu abaza abanyeshuri kugaragaza interuro ziri mu mwandiko bakazisesengura berekana inyangizo n'imimaro yazo.

IBIBAZO

1. Nyuma yo gusoma umwandiko, garagaza nteruro zuzuye zivuye mu mwandiko.
2. Erekana inyangingo ziri muri izi nteruro
3. Erekana amoko y'inyangingo ziri mu mwandiko
4. Erekana imimaro y'inyangingo

ICYUMWERU CYA GATANDATU:

ICYIGWA: IBYIVUGO BY'IMYATO

Intego zihariye: gutahura uturango tw'ibyivo by'imyato

Gusobanura amagambo hakoreshejwe iyigankomoko, inkoranya n'igerenya.

Kugaragaza imiterere y'ingeri z'ibyivugo mu gihe cyahise n'icy'ubu.

ICYIGISHO CYA MBERE: ICYIVUGA CY'IMYATO.

Intego zihariye: gusoma no gusesengura icyivugo “Inkataza-kureka”

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu

INKATAZA-KUREKERA

Inkataza-kureka

Ya Rugombangogo

Ndi intwari yabyirukiye gutsinda

Singanirwa nshaka kurwana.

Ubwo duteye Abahunde

Nikoranya umuheto Muheto

Nywuhimbajemo intanage

Intambara nyirema

Igihugu cy'umuhinza nakivogereye

Umukinzi ampingutse imbere n'isuri

Umurego wera nywuforana ishema

Nywushinzemo ukuboko ntiwananirwa,

Nongeye kurega inkokora

Nkanga umurindi hasi, ndarekera
 Inkuba zesereza hejuru y'icondo
 Ikibatsi kiyicana mu rubega
 Intoki zifashe igifunga kirashya!
 Imisakura imucamo inkora
 Inkongi iravuga mu gihengeri
 Mu gihumbi cye inkurazo zihacana inkekwe,
 Inkuku yari afite ihinduka umuyonga
 Agera hasi yakongotse
 Umubiri we uhinduka amakara
 N'aho aguye arakobana.
 Ni ukubiswe n'iyi hejuru
 Abato batinya kumukora
 Bati: "ubwo yanyagiwe n'Inkotanyi cyane
 Nimumureke mwe kumukurura
 Ibisiga bimukembere aho!"
 Na byo bimurara inkera,
 Bimaze gusinda inkaba
 Byirirwa bisingiza uwantanagiye.

1. Ivumburamatsiko

- Mwarimu abaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku cyivugo.

Ni ayahe moko y'ibyivugo muzi?

Iningwa

Amahomvu

Ninde wavuga icyivugo kimwe azi?

Ndi rukamatamishogoro rwa ntamushobora iyo iwacu bataseye si nseka.

2. Gusoma

2.1. Gusoma bucece.

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma icyivugo bucece.

2.2. Gusoma baranguruye

- Mwarimu asomera abanyeshuri icyivuga, nyuma abanyeshuri bagasoma icyivugo cyose umwe umwe.

2.2.1. Inyunguramagambo.

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri basobanura amagambo mashya ari mu cyivugo.
 - **Kurekera:** - kurekura umwambi ukagenda
 - Kurasa
 - **Rugombangogo:** uwica ubukombe (umuntu ukomeye w'ingogo)
 - **Singanirwa:** Sinsubira inyuma, sinzuyaza
 - **Kwikorana umuheto:** Gutangira kugenda ufite umuheto, kuwutwrana ishema
 - **Nywuhimbajemo intanage:** Nawushyizemo imyambi nishimye cyane
 - **Nakivogereye:** Nakigezemo hagati nakigabije
 - **Umurego wera:** Umuheto mwiza
 - **Icondo:** iromba ry'ingabo
 - **Inkora:** inzira yaremwe mo n'ikintu cyahaciye
 - **Mugihumbi:** Mubitugu

- **Inkotanyi cyane:** Cyari igisingizo kindi cya Kigeli IV Rwabugili
- **Gukemba:** gutemagura ikintu uko cyakabaye

3. umwitozo

- Mwarimu abaza abanyeshuri gusobanura amagambo amwe namwe yakoreshejwe mu cyivugo.

Sobanura amagambo akurikira ari mu kivugo ukoresheje iyigankomoko, inkoranya n'igereranya.

Umurego wera: Umuheto mwiza

Icondo: iromba ry'ingabo

Inkora: inzira yaremwe mo n'ikintu cyahaciye

Mugihumbi: Mubitugu

Inkotanyi cyane: Cyari igisingizo kindi cya Kigeli IV Rwabugili

Gukemba: gutemagura ikintu

ICYIGISHO CYA KABIRI: UTURANGO TW'IBYIVUGO BY'IMYATO.

Intego zihariye: kurondora uturango tw'ibyivugo mu mwandiko.

Imfashanyigisho:

1. Isubiramo

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma icyivugo “Inkataza Kurekera”

2. Uturango tw'ibyivugo by'imyato

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri bagaragaza uturango tw'ibyivugo by'imyato.

Ingero: ibyivugo by'imyato bigaragazwa no:

Kuba birebire

Kuba bikubiyemo ibigwi n'ibirindiro.

Mu turango tw'ikeshamvugo hagaragaramo ikabya, insobeke, ihuza nyito n'imizimizo.

3. Umwitozo

- Mwarimu abaza abanyeshuri kugaragaza uturango turi mu cyivugo “Inkataza kureka”
 1. Nyuma yo gusoma iki kivugo, vuga uturango tw'ibyivugo by'imyato.
 2. Garagaza uturango tw'ikeshamvugo mu byivugo by'imyato.

ICYIGISHO CYA GATATU: IMITERERE Y'INGERI Z'IBYIVUGO

Intego zihariye: kugaragaza imiterere y'ingeri zitandukanye z'ibyvugo

Imfashanyigisho:

1. Isubiramo

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma ikivugo “Inkataza-kureka”

2. Imiterere y'ingeri z'ibyvuga.

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri bagaragaza imiterere y'ibyvugo mu gihe cyahise n'icy'ubu.

Ingero: Imiterere y'ingeri z'ibyvugo:

Ibyivugo byantangiye kugaragara ku ngoma ya Ruganzu Ndoli, cyakoro ntawahamya ko aribwo byaba byaradutse mu Rwanda. Nyuma byaje kuzima byongera kugaruka ku ngoma ya Cyirima Rujugiro maze bigira imiterere ihamye ku ngoma ya Gahindiro. Ibyivugo bikaba birimo ingeri ebyiri z'ingenzi: **Iningwa n'imyato**.

Imiterere y'iningwa: iningwa byari ibyvugo bigufi, bikaba byaratangiye ku ngoma ya Ruganzu Ndoli ahagana mu mwaka wa 1510. Uzwi mu bahanga mu byivugo by'iningwa ni Bisangwa bya Matabaro.

Imiterere y'imyato: Imyato byari ibyvugo birebire bigabanyijemo ibika byitwa imyato. abahanga bavuga ko byadutse ku ngoma ya Gahindiro, uwabyadukanye bwa mbere akaba ari umugabo w'intwari witwaga “Muvunyi wa mutemura”.

Insobeke y'ikivugo gikurikije amategeko yari iteye itya:

1. Izina risingiza
2. Ngenera (ya, rwa, wa, ...)
3. icyuzuzo (izina rya se cyangwa ry'ikitiriro)

4. Ndi
5. Ruhamwa (icyo ufitiye ubuhanga)
6. Ibikorwa wakoze.

Urugero:

Inkataza-kurekera¹

Ya² Rugombangogo³

Ndi⁴ intwari⁵ yabyirukiye gutsinda
Singanirwa nshaka kurwana.
Ubwo duteye Abahunde
Nikoranya umuheto Muheto....

} 6

3. Umwitozo

- Mwarimu abaza abanyeshuri imiterere y'ikivuga

Garagaza imiterere y'ingeri z'ibyvugo mu gihe cy'ubu.

ICYIGISHO CYA KANE: IBINYAZINA

Intego zihariye: Gutahura ibinyazina mu mwandiko

Kurondora amoko y'ibinyazina

Gusesengura no kwerekana amategeko y'igenamajwi akoreshwa mu binyazina.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu

IGICE CYA MBERE: UMWANDIKO “INKURU Y'UMUSHUMBA”

INKURU Y'UMUSHUMBA

Inkoni ya Gato ni umugushagusha irakomeye cyane, iyo nyikubise inka zo ku Ndiza uwo munsu ntizikamwa, n'amazi yo kunywa ntiziyareba, inka y'umukara izirimo yo n'iyi abahanga b'indirimo z'inka (amahamba) bayiririmbiye ntishobora gushira umwaga; byavuye bya MUREGANSURU yarayihendahenze iranga, kabwa kaa kaatso yaragerageje birananirana.

Mu minsi ya mbere biragora guhendahenda inka zitarakumenya niyo mpamvu ingaju za Masabo zanyeye umutahira mushya n'ubwo ari umugabo w'igihambati. Inka y'urubereri izirimo iherutse kumuterura imurenza urugo rw'umukungu, umusore w'umugande wari uhanyuze yikoreye insina y'intokatoke aramutabara. icyo gihe hari mu kwezi kwa Kamena abasore b'iruhande baje mu biruhuko no gutembera mu mugwi wa Kigali.

Umunsu wa gatanu ndawukunda cyane, kuko ni inshuro y'igihumbi bambwira ko ari mwiza kuruta iyindi. Mugihe cy'ikiganiro nzabisobanura neza ku buryo burambuye, gusa muzampe amazi yo kunywa ntazapfa urw'imbwa yanjye yapfuye izize kutanywa amazi.

Ubwatsi bwawe nabonye bumeze neza, ubanza ibishyimbo byabo byaratumye batabwangiza. Uwange nawuteye mu urubingo ngo nzarugurisha n'abatunzi kuko izanjye nazigurishije.

1. Ivumburamatsiko

- Mwarimba abaza abanyeshuri utubazo tunganisha ku mwandiko.

1. **Umuntu uragira inka bamwita nde ?**

Umushumba.

2. **Umuntu iyo akubwira ibyabaye bavuga ko ariho akora iki ?**

Ariho abara inkuru.

2. **Gusoma**

2. 1. **Gusoma bucece**

Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko.

Utubazo + udusubizo

Ni bande bavugwa muri iyi nkuru?

Ni gato na Mureganshuro

2. 2. **Gusoma baranguruye**

- Mwarimu asomera abanyeshuri inkuru nyuma abanyeshuri bagasoma umwe umwe.

2. 2. 1. **Inyunguramagambo**

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri basobanura amagambo mashya ari mu mwandiko.

Umugushagusha: ubwoko bw'igiti cyo mu ishyamba kigira inkoni zikomera.

Intokatoki: ubwoko bw'insina

Ingaju: izina ry'ishyamba ry'inka.

IGICE CYA KABIRI: IBINYAZINA NGENERA

Intego zihariya: kugaragaza ibinyazina ngenera biri mu mwandiko

Gusesengura ibinyazina ngenera ugaragaza amategeko y'igenamajwi.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu

1. Isubiramo

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko “Inkuru y'umushumba”

2. Ibinyazina ngenera

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri bagaragaza ibinyazina ngenera biri mu mwandiko bakanabisesengura bagaragaza amategeko y'igenamajwi.

Ingero: Ibinyazina ngenera: gihuza ijombo rikigenga n'irindi bifitanye amasano anyuranye.

Urugero: inkoni ya Gato

Ukwezi kwa kamena

Urugo rw'umukungu

Gusesengura ikinyazina ngenera.

Ibinyazina ngenera bigizwe n'uturemajambo tubiri aritwo: Interurojambo n'igicumbi.

Interurojambo: ikinyazina ngenera kigira interurojambo rusange z'ikinyazina.

Ibicumbi: ibicumbi by'ikinyazina ngenera ni –a-H na –ô.

Imikoreshereze

1. Imikoreshereze –a-H gikora muri rusange, -ô kigakora imbere y'imbundo n'indangahantu n'imigereka imwe y'ahantu idateruwe n'inyajwi

Urugero: Inkoni ya Gâtwa

Ya-H-Gatwâ

Ya gâtwâ ya gâtwa

2. Iyo gikurikiwe n'indomo, iyo ndomo ifata isaku nyejuru.

Urugero: Inkâ y' □ mukara.

3. Iyo inyibutsanteko yacyo igizwe n'inyantego ebyiri kandi kigakurikirwa n'ijambo ridafite indomo. Inyajwi yacyo iba ndende.

Urugero: Byavu Byaa mureganshuro

4. Ingenera ifite inyibutsanteko igizwe n'inyantego imwe iba ndende iyo ikurikiwe n'amagambo **Mbere**, **nyuma** cyangwa **nde**.

Urugero: waa mbere

Yaa nyuma

5. Iyo ingenera ikurikiye ijambo ribaza nde, inyajwi yayo iba ndende, isaku ya nde ikimuka.

Urugero: waâ nde

3. Umwitozo

- Mwarimu aha abanyeshuri interuro bagakuramo ibinyazina ngenera bakanabisesengura bagaragaza amategeko y'igenamajwi.

Garagaza ibinyazina ngenera biri muri izi nteruro unabisesengure ugaragaza amategeko y'igenamajwi.

1. Umunyeshuri yafashe inkoni ya Gato
2. Nagiye I Kigali mu kwezi kwa kamena
3. Urugo rw'umukungu ntihaburamo amata.
4. Kagambage yaguze inzu y'umutamenwa.

IGICE CYA GATATU: IKINYAZINA NGENGA

Intego zihariye: kugaragaza no gusesengura ibinyazina ngenga

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu

1. Isubiramo

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko “Inkuru y’umushumba”

2. Ibinyazina ngenga

- Mwarimu afatanyije n’abanyeshuri bagaragaza ibinyazina ngenga biri mu mwandiko bakanabisesengura.

Ingero: Ibinyazina ngenga cyerekeza inyito yacyo kuri nyakuvuga, nyakubwirwa na nyakuvugwa, kigasobanura ibyo ari byo. Iyo cyerekeye kuri nyakuvugwa kiboneka mu nteko zose.

Ingero: inka ze yarazigurishije

Umwana we ararwaye.

3. Gusesengura ibinyazina ngenga

Ibinyazina ngenga bigira uturamajambo tubiri aritwo: Interurajambo n’igicumbi.

Interurajambo: isanisha ry’ikinyazina ngenga rigirwa n’indangangenga. Muri ngenga ya mbere y’ubumwe hari **gi-**. Akeshi iyi ndangangenga igira impindurantego **ngi-**. Indangangenga ya ngenga ya kabiri y’ubumwe ni **u-**. Iya ngenga ya mbere y’ubwinshi ni **tu-**. Iya ngenga ya kabiri y’ubwinshi ni **mu-**. Muri ngenga ya gatatu hari inteko z’amagambo.

Ibicumbi: ikinyazina ngenga gifite ibicumbi bine, ari byo: -e, -ê, -o, na -ô.

Ingero:

jye ndaje → gi-e → gye → jye

Mwe murarwaye → mu-e → mwe

Jyeewê → jye-u-ê → jyeewê

Wowê uzakira → u-o-wê → Wowê

Ibyo ni byô nkunda → bi-ô → byô

4. Umwitozo

- Mwarimu aha abanyeshuri interuro bakagaragaza ibinyazina ngenga birimo bakanabisesengura bagaragaza amategeko y'igenamajwi.

Garagasa ibinyazina ngenga biri mi nteruro zikurikira unabisesengure.

1. Umugabo we afite inka yabyaye.
2. Kanjogera n'umuhungu we Musinga bategetse u Rwanda
3. Ibyo ni byô nshaka.
4. Jye nkunda gusenga

ICYUMWERU CYA KARINDWI

ICYIGWA: INKURU NDENDE.

Intego zihariye: kuvuga muri make kubuzima bw'umuhanzi

Gosobanura mu mvugo no mu nyandiko ibitabo n'inyandiko yisomeye.

Gutahura ibiranga inkuru ndende

Gutandukanya inkuru ndende n'inkuru ngufi.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu

ICYIGISHO CYA MBERE: INKURU NDENDE “IYO MBIMENYA”

IYO MBIMENYA

Kabanyana yinjiye mu mashuri yisumbuye azi ikimujoyanye. Ntiyashidikanyaga ko yagize amahirwe yagumiye abana benshi b'urungano rwe, kubera ko imyanya yo mu amashuri nk'ayo yari make ugereraniye n'abanyeshuri babaga barangije amatoya. Kuba yari umuhanga rero ntibyari bihagije kuko abahanga banshi bahagararaga inyuma y'umwaka wa gatandatu.

Ageze mu nterina, dore ko icyo gihe abanyeshuri bose bo mumashuri yisumbuye bigaga ikigo kibacumbikiye, Kabanyana yarangije umwaka wa mbere n'uwa kabiri n'uwa gatatu, ndetse n'uwa kane ntihagira ikimutega. Akigera muwa gatanu nibwo ibintu bihindutse, atangira kugira ibibazo mu mibare. Ntiyakubaganaga mu masomo, ndetse yifuzaga gukurikira rwose, ariko iteka akaba ararota.

Igihembwe cya mbere cy'uwo mwaka kimurangirira nabi, Kabanyana utararengaga uwa cumi, aragenda akurikirwa na babiri gusa. Arataha nk'abandi agiye mu kiruhuko, ariko agenda yibereye mu bitekerezo bye bitagira ingano. Bari bagiye kuzamusezerera atarangije amashuri ngo azagire icyo yimarira akimarire n'urwamubyaye. Ari nyina ari na se nta bwoba bari bamuteye. Bari abaturage bitungiwe n'amata y'isuka, iby'uko umwana yatsinze ntacyo biyumviragamo. Ariko se bari kubura no kumubaza umwana yagize? Ibyo aribyo byose yagombaga kubabwiza ukuri, kuko yangaga kuzabatungura umunsi bazaba

bamusezereye, nubwo yari yarangije kwiyemeza ko mugihembwe cya kabiri azakora iyo bwabaga maze akareba ko amanota ye yakwisubiraho.

Amaze gufata uwo mugambi, ibyo amanota no kwiga abivamo, atangira gutekereza turumuna twe dutatu yari akumbuye byo gupfa. Kabanyana yari imfura ya se na nyina, agahungu kamukurikiraga kari karishwe n'iseru, yari akazi n'ubwo kari karapfuye ari muto cyane. Yabaga akibuka iyo nyina yabaga yakamuhaye ngo akarere, akibuka ko katamurushyaga ureke barumuna be bamujubya adashoboye no kubiruka inyuma. Kabanyana yari akamuga. Yacumbagiraga. Akaguru ke k'ibumoso kari karanyunyujwe n'imbasa.

Uko yicaye mu modoka ararambwa maze areba iyo ngirwa kaguru. Arakitegereza, areba iyo cyago cyamubujije gusa n'abandi bakobwa maze arimyoza. Kabanyana uko yibukaga iby'ako kaguru, ke yagiraga agahinda kenshi cyane. Nta muni numwe yari yarashoboye kwiyemera uko yagendaga, ngo yakire ibyo byago byamugwiririyeye akimara kumenya gutera udutambwe twa mbere. Nyamara se mu Rwanda, muri Afurika no ku Isi yose abamugaye bagira umubare? icyo gitekerezo cyamuzagamo maze akavuge, ati: “kuki yabaye jye ntaba undi wundi?”

Kabanyana yarimyoje ahita araranganya amoso ngo arebe ko nta wamwumvise, mugenzi we bari bicaranye aramubaza:

- Ni ibiki ko wimyoza?

Ntiyari kumubwira ko ababajwe n'akaguru ke katazapfa gasubiranye ngo abone ingendo nk'iy'abandi. Amubaza amureba

- Ni umupira wanjye nibagi ku ishuri, imbeho y'iwacu sinzayikira.

Barakomeza bagenda batavugana, ariko kandi abandi banyeshuri guterura tagisi barimo. Kabanyana yongera kwisubirira mubitekerezo bye. Yibuka ko aho yuzuriye imyaka yo gutangira kwiga nyina yamujyanye kumwandikisha mu ishuri riri hafi y'iwabo. Kuva ubwo ntiyari yigeze agira ikibazo ku gucumbagira kwe. Ndetse n'abana babaturanyi ntacyo babyibazagaho. Yego iyo bakinaga yagendaga agenda acumbagurika ariko ntibimubuze guseka no kwishima.

Reka rero azagere ku ishuri nyina amushyeye, abone abana bahuye bose barahagara bakareba uko atera isekuru. Ahubwo bamwe ntibatinye kuvuga cyane ngo “ni agacumba

disi!” Ayo magambo ntabwo yateraga Kabanyana agahinda ahubwo yahuzaga amaso n’abamwitegereza akumva amwaye. Amwariye iki? Yari atangiye inzira ndende y’ibizazane yagiye aterwa no kutagenda yemye nk’abandi. Nyina yamaze kumwandikisha amusiga aho arataha, maze abanyeshuri si ukumuhata ibibazo. Ibibazo bingana n’ikigero cyabo. Warumwe n’iki? Mbese ni inka yakwishe? Kuki batakuvuye? Ubwo se ushobora kwiruka? Iyo imvura iguye ubigenza ute? Uzaze iwacu data azakuvure asanzwe avura imvune. Ubwo ikimwaro cyari cyashize, bose akabasubiza. Ndetse abo amatsiko menshi akabereka ako kaguru, bakagakoraho, bakagaterura, bakareba utuno twako twanyunyutse...

Bageze aho baramumenyera, bagakina, kandi nawe akanga guhigwa. Mu myitozo ngororamubiri ibyo adashoboye akabyihorera na mwarimu ntabimuhore. Yabaye aho maze mu ishuri agashimisha abarimu bose. Yari umuhanga bitangaje yahoraga yibera uwa mbere, akitonda, maze abamwigisha bakabimukundira. Ishuri yigagamo ryose yahoraga atangaho urugero, kugeza arangiza uwa gatandatu ari bwo atanguye ayisumbuye.

Yongeye kwibuka umunsi yinjiye mu kigo se amuherekeje maze bikamugendekera nk’uko yatangiye amashuri abanza. Abanyeshuri bose yasanze mu kigo ntawe utarahuruye ngo aze kureba uwo munyeshuri mushya. Ubwo nibwo bwa mbere yumvise bavuga ngo “ukuntu kari keza”. icyakora umubikira wayoboraga icyo kigo yumva vuba agasaku kadasanzwe arasohoka arabatwama maze yinjiza Kabanyana na se mu biro bye. Se atanga amafaranga y’ishuri, amurika utwenda duke n’utundi dukoresho nuko umubikira abwira Kabanyana ngo amuherekeze amugeze ku muryango agaruke aje kumwereka aho ashyira agasanduku ke.

Bageze ku muryango munini winjira mu kigo Kabanyana adashaka gusezera kuri se. ukuntu nyamara yari yarategereje uwo munsi n’ibyishimo byinshi. Yumvaga yabireka byose maze bakisubiranira mu rugo. Se ni we wibutse mbere ko umubikira yamubujije kurenga umuryango maze aramubwira

- Uragarukira hano

Kabanyana asubiza ababaye

- Ni byo sinsuzugura umunsi wa mbere.

Se amusubiza amucyaha

- Numara kumenyera ntuzasuzugure. Ubwo yari yamuhereje ikiganza, Kabanyana arambikamo udutoki twe amarira amushoka ku matama. Ibyo ngibyo abaje ubwa mbere bose barabigiraga akaba ariyo mpamvu umubikira yabasabaga kugarukira bugufi, kandi bagaruka bakinjira mu biro bye, akabahumuriza, akabahoza.

Umubikira yamwakiranye impuhwe nyinshi, aramwicaza maze aramubaza.

- Iwanyu ni kure kungana iki?
- Nabonye ari kure cyane, twatanze twese hamwe amafaranga Magana atatu.
- Yewe, ni kure koko.
- Nta mukuru wawe ufite mu mashuri yisumbuye?
- Oya, iwacu ni jye mukuru.
- Nabonye abanyeshuri baguhururiye mu kanya, wabitekerejeho iki?

Aho gusubiza sinzi aho amarira yaturutse maze umwana si ukurira, yibutse inkwenene ya bamwe mu mwana washize, yibuka abandi bamubabariraga, atekereza ko yasohoka bya kongera bikaba uko, maze yumva yabwira umubikira akamureka agakurikira se, ibyo amashuri akabyihorera.

Umubikira yakomeje ku mwinginga amuhoza

- Ihangane nyabusa simbikubarije kukubabaza, kandi siwowe wa mbere umeze utya iki kigo cyakiriye. Yumvise ko atari we wa mbere umutima urururuka bukeya maze asubiza umubikira
- Nabonye abandi banseka ndababara.
- Wagize agahinda nibyo, ariko buriya nibyo akanya gato. Abanyeshuri niko bamera, ejo uzasanga ntaewe ukitaye ku bumuga bwawe. Ndaguha urugero niboneye ubwanjye. Nusohoka urabona umukobwa mukuru ucumbagira. Ari mu ishuri rirangiza. Akiza bamwakiriye nk'uko bakugenje, icyakora we aba intwari, bamwegera ntiyubike umutwe. Yamaze igihembwe kimwe, mu kiruhuko tumujyana I Gatagara, bamukorera ibyuma bimufasha. Yakomeje kwiga nk'abandi, ubu mu kigo cyose bamutoreye kubabera intumwa.

Amarira ya Kabanyana yari amaze gukama, maze abwira umubikira

- Nanjye nzamenyerwa
- Nawe mu kiruhuko tuzakujyana I Gatagara, barebe ukuntu bagufasha, naho ubundi ibyo kuvuga ngo “baranseka” ukwiye kubyivanamo. Twese ntawiremye kandi nta ntungane zibaho. Ibyo ntubizi se?
- Ndabizi.

Ubwo umubikira amujyana mu kizu kinini cyuzuye ibitanda, byinshi bishashe. Amwerekaga icye, ahamagara umunyeshuri ngo amwereke uko azajya agisasa, maze arababwira

- Nimurangiza umwereke aho yiyuhagirira maze umumenyereze. Mushobora no gutembera gato ariko ntumutinde mudakererwa kujya ku meza.

Umubikira arasohoka, abakobwa barasigarana. Ku mutima Kabanyana yaribwiraga, ati “sinsohoka niba ari ukunseka igihe kiracyahari”.

Gukomeza kwibuka ibyo kugenda areba aho bageze. Ngo anyuze amaso mu kirahure imbere y’umushoferi abona ari hafi yo kugera iwabo. Umuhanda wari usanzwe umurambira kubi wari ubaye mugufi cyane. Akoma agatima kuri ya manota ye yongera kwibaza ukuntu rubanda rwahekenyeraga iwabo none bakaba bagiye kuzamukoba bamaze kumusezerera. Yongeye kwiyemeza imigambi mishya bityo ntazasekeshe abamubyaye.

Kabanyana nta mukuru w’iwabo yamenyeraga ku ishuri usibye iyo se yagushaga udufaranga akanyaruka akamusura. Muri icyo gihembwe ntawe yari yarigeze abona. Ntiyari yaramenye rero niba nyina yasize atwite yarabyaye. Yifuzaga ko yasanga yararuhutse maze akareba ako gahinja katari noneho kuzabona umwanya wo kumurushya akarera. Yashakaga ko nyina yabyara agahungu maze nawe akagira musaza we usimbura uwari warishwe n’iseru kandi yaramukundaga. Yumvaga akagendo avuye muri tagisi katari burangire ngo ajye guhobera nyina yari akaumbuye birenze urugero. Si amakabyankuru Kabanyana yakundaga uwo mubyeyi we, akamukunda baganira, amubuza kuzagenda yasamyemurira mu baturanyi babagiriraga ishyari. Yakundaga kumuganyira amubwira ukuntu bakeba be bamwangaga, ndetse n’ abagabo babo. Baganiraga birambuye by’umukobwa na nyina. Kabanyana yumvaga amafaranga ya mbere azayagura isambu akabimura, agatuzaza nyina kure y’ishyari n’amazimwe ya bene wabo. Ngo atekereze atyo, amanota yari yabwiwe

mu gitondo amwishushanya imbere. Ibyo yari yarifuje byose byari bigiye kubirinduka maze akaguma kwibera agacumba ka se na nyina, na bo bari kuzahora bamucyurira igihe yabatesheje kidateze kugaruka. Yibutse igitsure cya se, atekereje amarira ya nyina agira ubwoba bwinshi.

Ubwo tagisi yari igeze aho Kabanyana yagombaga kuviramo, arayihagarika, bamufasha kumanuka bamuhereza igikapu cye, agitereka hasi, akuramo amafaranga arishyura. I Gatagara bari baramuhaye ibyuma bifata akaguru, akagira n'inkoni yo kwicumba, ntiyashoboraga kwitwaza igikapu. Se yarabimenyaga maze umunsi wo gutaha akaza kumutegereza. Tagisi imaze kugenda araranganya amaso ntiyagira uwo abona. Ku mutima, ati “kabishywe ataje sinari ncyuye amanita meza”. Amara akanya amutegereje ariko ageze aho aramuziguruka niko guhamagara umwana ni ko guhamagara umwana mu bari baragiye inka aramwinginga aramutwaza baramanuka. Mu nzira ariko yibajije impamvu yatumye se ataza kumusanganira. Ese mama htiyari yamenye ko baruhutse? Ko yari yaramwoherereje se urwandiko? Yari arwaye se? Ibyo ari byo byose Kabanya yasaga n'uwibwira ko Atari busange ari amahoro mu rugo. Bwari ubwa mbere adasanga se ku muhanda.

□

Yageze imuhira ahasanga utwana turumuna twe. Atubajije aho iwabo bagiye, tumubwiro ko se yajyanye n'abandi bahetse nyina. Nta bindi bisobanuro, yahise yumva ko nyina are ku nda. Byamwanze mu nda ariko ashaka kumenya niba nawe atibeshya; nibwo abajije abana.

- Bavuye hano giha ki?
- Bagiye mu gitondo kare. Ejo mama yaranbwiye ngo njye kubwira nyogokuru aze amubwire. Bararanye mugikari. Mu gitondo nabonye ameze nk'urwaye. Ahari umwana yamuryaga. Batubwiye ngo tujye gukinira kwa sogokuru maze hashize akanya tubona bamanutse bamuhetse. Sogokuru yatubwiye ko bagiye kwa muganga.
- Kuva ubwo se kugeza na n'ubu ntabwo baragaruka?
- Ntabwo baraza.

Ntiyirirwa yinjira mu nzu, ahubwo abwira umwana abika igikapu, aramanuka ngo ajye gusuhuza sekuru. Ageze munsi y'urugo iwabo abona barumuna be bamukurikiye,

arabacyaha ngo boye guta urugo bose. Abakuru babiri basubirayo, amanukana n'agatiya. Sekuru yari mu rugo agegena imiheha mu biziranyenzi.

- Mbese nyabusa uraje?

Bararamukanya.

- Ndaje turuhutse none
- Uruguyemo dore usanze nyoko na nyogokuru badahari. Abana bakubwiye?
- Bambwiye ngo mama bamuhetse bamujyana kwa muganga.
- Se bamujyanye aho bamugejeje yo? Batwaye iki ko batwaye uwarembye? Umuntu agira ikintu yandikirwa n'Imana. Dore nyoko uriya, iyi mbyaro ni iya iya gatandatu ntabaze izagiye zivamo. Ntiyigeze yiyambaza muganga. Ariko uriya ati “urajyayo byanze bikunze”. Birabe ibyuya ntibibe amaraso mba ndoga Bakunzi wampaye inka. Numvise ngo iyo nda yayirayeho, Nyirakanani ntiyaraye muri uru rugo. Bazindukanye iya rubika none magingo aya ntibaraza. Ntambaraga mfite mba nagiye kureba, nawe kandi ntiwagerayo. Ntacyo twishoboreye twese keretse gutegereza abahetsi bakagaruka. Tambuka urebe icyansi kiri kuruhimbi uvuruge amata utsirike isari ahari barashyira baze.

Kabanyana yumvaga umutima ubirindutse. Yari yaturutse ku ishuri yifuza guhita aramutsa nyina, none dore yari asanze adahari. Ibiri amambu n'iyo asanga Atari muri ibyo bizazane. Yari ahangayitse, n'inzara ntayo yumvaga. Ashaka kwanga amata asanga ntaho byabonetse ariko asanga Atari buyavuruge ngo ayanoze maze abaza sekuru

- Nta mubanzi ngo abe ariwo ninywera?
- Yewe, nazikanye nyogokuru wawe ari iyo ntabwo yabonye uko anshakira ibyansi, nabwiye muruumna wawe ngo ayabuganize kuyo zakamwe ejo.
- Ntacyo biywaye reka ngere mu rugo ndebe ko abana babonye icyo kurya, nshyire n'inkono ku ziko ndagaruka.

Kabanyana arazamuka agenda afite agahinda kenshi. Ari nako asaba Imana ngo inkongoro yo kubura nyina akiri muto Iyimucishe kuruhande. Icyakora sekuru we ntiyari uwo kumukomeza umutima. Yabajije barumuna be icyo bariye bamubwira ko mu nkono

harimo udushyimbo duke tugeretseho imyumbati bakaba batumazemo. Aragenda adaha ibishyimbo mu mutiba, bamufasha kubitora nuko barateka. Umunsi wari umaze gukura. Yahagaze ku irembo ahirengeye ngo arebe ko yabona abantu bafite ingobyi bakaba abari bahetse nyina. Mu gihe ahagaze aho, umutima uramuwira uti “urakora ibya rwana kandi uri mukuru”. Arigaya ngo ajye gusubira munzu abona se na se wabo bageze mu irembo kwa sekuru. Arishima yinjira mu rugo, ategereza inkuru nziza se ari bumuzanire.

Yari yakomeje gutegereza na mpera. Niba ari ubwira bwamuteraga kubona se yatinze, niba sekuru yari yabonye barushye bishwe n’inyota akabatumiriza akagwa, niba kandi bari bakimubwira ingendo bagize, ibyo ari byo byose yari yarambiwe. Yumvaga kandi atamanuka ngo asubire kwa sekuru ataye inkono ku ziko. Arihangana arategereza. Se yageze aho araza. Kabanyana ngo amukubite amaso asanga ari umuntu wihebye. Amaze kumuramutsa, yicara ku gatebe kari mumuryango aramubaza:

- Kabanyana, wageze hano gihe ki?
- Nahageze mu ma saa munani.

Atari yagira icyo amubaza kerekeye nyina nibwo amubwiye

- Ntabwo ubanza nyoko ataramuka.

Kabanyana umutima ushaka kumuca ma kanwa.

- Na n’ubu musize atarabyara?
- Kubyara ko yabyaye ariko turinze tuvayo ntazi iyo ari. Banza indebere muri icyo cyumba cyo haruguru agacuma gateretse mu nkangara ihari, unzanire nibobereze ibihaha ndumva umutima ugurumana. Kabanyana aratangira areba aho amubwiye, azana agacuma aramuhereza ntiyasomaho. Se yamaze kumira rimwe afatira agacuma mu ntoki abwira Kabanyana:
- Ubundi kubyara kwa nyoko byari bisanzwe ari nk’ubufindo. Najyaga ahantu naza ati “tambuka urebe umwana”. Kenshi yabyaye wenyine. Yewe n’ubwo yampamagaje Mukakarisa, nyogokuru wawe adahari, twaraje dusanga amaze kumukubita hasi. Reka rero umunsi akubyara. Nari niryamiye niviriye mu ikawa nkangurwa n’agasaku kawe.

Kabanyana yumvaga arambiwe. Yashakaga ko amubwira bwangu uko byagendekeye nyina mugitondo. Se yavugaga atumbiriye mu kirere nk'urota. Byaragaragaraga ko mu mutwe we hasibanagamo ibitekerezo bimutera kwiheba. Ntiyari akibashije kwihangana bya kigabo kugira ngo akomeze umwana wamurebanaga igihunga. Nt gushidikanya iryo joro ryari ryije ridasa n'ayandi yaribanjirije. Iwabo wa Kabanyana hari hatashye umwijima ahari wagombaga bamwe kubatwara umubyeyi ari ibibondo bitifitiye epfo na ruguru, naho se akabura umufasha bari babanye nk'abavandimwe batazi intonganya icyo ari cyo. Abana bato babiri nibo bajujuraga, ariko ugasanga Atari nkuko basanzwe bakiri mukuru wabo iyo yabaga yaruhutse. Abandi bose bari bajumariwe. Kabanyana yibutse ko se yamubwiye ko hari nyina ataramuka, atekereje ko ashobora gupfa badaherukana maze yumva umusatsi umworosotseho. Mu mutima we yisunze Nyagasani urusha byose ububasha, yiyumvisha ko muri ako kanya ntawundi afitemo ukwizera ko yamuragirira nyina, akamukomeza maze byibuze bakazabanza gusezeranaho.

Mbega intimba ishengura umutima, ikawushegesha ikawushinyagurira ntawe wayihereza ngo akwakire. Uwashoboraga kumuhoza ni se, ko integer zari zamushizemo rugikubita? Yatekereje kure yibaza umutwaro wa barumuna be nyina abavuyemo boshye inkoko ivanywe mu mishi yayo. Yari kuzabasha kubabundukira akabarinda ibyonnyi bihora birungarunga? Mukanya kanzinya yibutse amanita yabonye mugitondo. Ayo maburagasani yari kuzamugeza he? Aho ntibari bagiye kuzabura intama n'ibyuma bagapfapfana? Dore nta n'ikindi yari abashije kwikorera. Ntiyari ashoboye guhinga, ntiyari ashoboye kwiruka hirya no hino ashaka isyabazamura. No kuba akarema ni umusaraba!

Kabanyana yabonye ko bakomeje guceceka abaza se:

- Akane se ko kameze neza?

Se ntiyamusubiza icyo amubajije, ahubwo amutangirira uko nyina yakozwe n'inda.

- Ejo ku gicaminsu niho numvise atuma umwana kuri nyirabukwe. Narabiketse mbaha urubuga nigira mu kabari. Ariko ngenda mvuze aho ngiye. Nakomeje gutegereza ko bantumaho umwana ndaheba. Nari tindishije ngo nsange barangije ibyabo, ngeze aho mbona bagiye kumfungiraho. Nageze hano nsanga ntacyahindutse. Arara atyo ageza mu gitondo yanegekaye, atakivuga ngo rive mu kanwa. Nshaka abahetsi, turamukinagirana no ku ivuriro. Twamugejeje, umukobwa uje kutwakira, ati “nimuzane urupapuro yipimishirijeho”. Nyoko yari afite akuka gake nibwo amusubije,

ati “ntarwo. Singiye kubeshya sinigeze nipimisha”. Umukobwa, ati “ntabwo tukwakira rero”. Nyko yari amaze gusheshwa, ati “nimundeke nipfire n’ubundi ndi bugufi”. Mbana aribaza ageze aho, ati “mube muretse nze”. Yinjira mu nzu agarukana n’umubikira w’umuzungu maze si ukudutonganya ye. icyakora aramwakira dusigara aho. Yamaze kumusuzuma araguka, aza afite umujinya nibwo ambwiye, ati “mugabo, mugira isoni nke. Tubabwira ko umugore utwite agomba gusuzumwa tukareba ko umwana ameze neza mu nda, tugasuzuma niba umugore adafite indwara tukamuvura, tukamuha inkingo zimufitiye akamaro we n’umwana we. None dore mwe ntacyo mwakoze. Umwana aritambitse ntashobora kuvuka uko bisanzwe. Umugore wawe agomba kubagwa. Yego muganga ntashobora gukora ibitangaza ngo ahindukize umwana ariko iyo abibonye atyo abaga umubyeyi hakiri kare agifite imbaraga kandi ntavunikire ubusa. Dore n’aho yafatiwe ntimwihutiye kumuzana arara ijoro ryose ababara Atari buna byare neza”.

Nanjye mpfa kwiregura bidafashije:

- Mameya rwose mbabarira. Iyi mbyaro ni iya gatandatu. Abandi bose yababyariye mu rugo. Nari kubwirwa n’iki ko Atari bubyare neza uko bisanzwe?
- Erega buri nda ivuka uko yishakiye. Uwo babaga ntabwo aba ari ikigoryi, ejo yabyara neza nk’abandi, ndetse n’ubyara neza ntacyo arusha abandi, ejo bamubaga. Hari iyindi gihamya? Dore twatumye kuri muganga araje amubage. Ariko mumenye ko mwamutindanye, umwana yananiwe cyane, na nyina kandi ni uko. Si ukubakura umutima ariko, mwizere Imana.

Amaze kuvuga atyo arongera azimirira mu byumba byabo, dusigara aho dutegereje. Saa sita yikubitamo. Nka saa saba niho wa mubikira yagarutse.

- Muracyari hano?
- Tuti: “iii”
- Umugore wawe yagize ingorane. Mu gihe muganga yari amugeze iruhande. Ibise byari bimaze gukara birenze urugero maze umura urashwanyuka. Amahirwe ni uko muganga bari kumwe akamubaga bwangu. Umwana ameze neza. Nyina arangije kudodwa, twamwongereye amaraso ariko aracyasinziye. Ni mutahe hasigare umurwaza gusa. Kandi musenge cyane.

Avuze, ati “musenge cyane” twese twumvise ari nk’aho yavuze, ati “ni aha Nyagasani”. Mubaza ko anyemerera.

- Mushobora kunyereka icyo nabyaye
- Ni umuhungu ngwino umurebe, ariko abandi musigare.

Ndatambuka anjyana ku gitanda cyari ukwacyo ahitaruye ndeba umwana w’igisore dusa, mama akajisho kuri nyina mpita muheba. Ahari aho duhanze amaso si ho Imana ireba. Ndagaruka turikubura turataha.

- Ko nabonye nygokuru mwazanye ni inde wamusigayeho?
- Ni nyoko wanyu, umwe utuye muni ya misiyoni. Twanyuzeyo adahari, aho aziye umwana amubwiye tubona adusanze. Twiriranywe.

Kabanyana yubika umutwe, ageze aho ahaguruka ntacyo avuze ajya mu gikoni. Ahagarara akanya mu nkomanizo yihanaguza igipfunsi amarira yamuzenganga mu maso ahamagara karumuna ke kari gacanye.

- Dorote, ibyo bishyimbo ntabwo birabira?
- Byabize kare
- Jya usohoka wikomeza kwibabira uwo umuriro dore ucanye inkwi zikomeye.
- Ndabona bwije.
- Have nkwakire ahubwo.

Yamaze akanya gato yicaye ku gatebe kari mu gikoni, yumva se aramuhamagaye:

- Ngwino utonore iki gitoki mukirye ntimugiye kuburara gihari. Nari nagiteretse ngo nzagihembe nyoko. icya ngombwa ni ubuzima nakira ntazabura ibindi aya.

Kabanyana arasohoka ashaka Isafuriya atonora ya ngenge barateka bararya bajya kuryama.

Ijoro ryose ntabwo yasinziye, yaraye atekereza umubyeyi we wari hagati y’urupfu no gukira. Yababajwe no kubona nyina atarumvise kare akamaro ko kujya kwipimisha kwa muganga. Yongeye kubabara atekereje imbaga y’ababyeyi bazira ubujiji. Yibuka amagambo se yabwiwe n’umubikira. “iyo umugore wawe yipimisha tuba twabonye

kare ko umwana yitambitse, igihe cyagera muganga muganga akamubaga hakiri kare we n'umwana bagifite ingufu ntababarire ubusa Atari bubyare neza". Yatekereje nyina waraye ku nkeke y'ububabare, n'ubwo ijoro ribara uwariraye, maze yongera gushengurwa n'agahinda. Agatotsi gake kenda kumwiba bwenda gucya arota ateruye agahinja karimo gusamba arashiguka ntiyongera kuryama, arabyka ahita akaraba ngo ajye kureba kubitaro uko baramutse. Yamaze kwitegura, abwira se.

- Ngiye ku bitaro.
- Iki gicuku none wahuhura n'akari kazima waretse hagacya.
- Bwakeye kare ni uko ukiri munzu.
- Ngaho genda ariko witonde, epfo iyo ku iriba hari ibyatsi binyerera.
- Ndagenda gahoro.

Kabanyana arakugendeye. Mu nzira yagerageje kwifuturira inzozo yarose biramuyobera. Ko se yari yamwijeje ko umwana ameze neza, kuki yari yarose ateruye uruhinja rusamba? Igitekerezo kimuza mu bwenge ko yaba yaroteye nyina nabi akirukana vuba, ahasigaye agerageza kugenda atongeye kubigarukaho. Ageze ku bitaro, ngo arabukwe aho ababyeyi binjirira yumva umutima urashigutse, yibaza uko ari busang umubyeyi we akirembye, yumva arushijeho kugira ubwoba. Arinjira, akigera mu cyumba ababyeyi baruhukiramo, abona nyina wabo yiyegamije murumuna we. Arakomeza arabegera, nyina wabo amwirukana ataramugera iruhande. Ntiyamwumva agenda abasanga, nta gushidikanya nyina yarasambaga. Sinzi aho ubwoba bwarigitiye, Kabanyana yitegereza umubyeyi we maze arangurura ijwi:

- Mawe buretse kugenda ntakuramukije dore hashize amezi n'amezi tutabonana ndagukumbuye byo gupfa. Ihangane mubyeyi wavunitse utubwira turi abakobwa, wabona umuhungu ntugire amahirwe yo kumutuma, none ukaba ushaka kugenda utaramburiye amaso ku nshungu wibarutse. Mawe gira ibambe ubumbure amaso nshushanye indoor yawe y'imbabazi maze ubone wigendere. Oya mubyeyi ngirira impuhwe umbwire ijambo rya nyuma. Kubona koko naravuye ku ishuri nifuza kuguhobera none nkaba nkubonye urembera. Mbabarira mbabarira weee... Mbabarira ugende ngusezeranyije ko n'ubwo ndi akamuga nzakora uko nshoboye

maze abo tuvukana ntibandarare ntibandavure. Ariko se nawe ihangane ugarure akuka ngusezereho.

Ubwo ababyeyi bari kubindi bitanda barimo gutsikimba barira byacitse, abagira amarira kure barimo bimyoza. Impinja agasaku zakagize karekare, icyumba cyijiwe n'ishavu.

Kabanyana akirangiza kuvuga nyina aranogoka. Ninawabo amuhombeka amaso, amurambika kugitanda aramworosa, ajya kuzana umuforomokazi ngo abategeke icyo bagomba gukora. Ahageze Kabanyana niko kumubwira:

- Uyu mubyeyi utabarutse yari mama. N'ubwo yanze ko musezeraho, yambereye imfura yanze ko nzabarirwa urupfu rumushushubikanyije rukamutesha ibitenga bituzuye. Mbarira nawe uri umubyeyi ntutegeke ko bamujyana mu buruhukiro njya numva ngo habamo n'imbeba. Ndakwisabiye ugirire ko nawe ufite abana nkatwe ariko yenda wowe barifashije, umukuru si akamuga nkanjye...

[...] NIYITEGAKA Mukarugira Yuriyana, Iyo Mbimenya.

1. Ivumburamatsiko

➤ Mwarimu abaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku nkuru ndende

1. Umuntu yicuza byagenze bite?

Iyo yakoze abonye ingaruka mbi z'ibyo yakoze.

2. Iyo umuntu akoze ikintu kibi bikamugiraho ingaruka ashobora kubivuga mu yihe mvugo igaragaza kwicuza?

Iyo mbimenya.

2. Gusoma

2.1. Gusoma bucece.

➤ Mwarimu asaba abanyeshuri kusoma inkuru ndende.

Ni nde uvugwa mu iyi nkuru?

Kabanyana

Ababyeyi be bari batunzwe n'iki?

Bari batunzwe n'amata y'isuka.

2.2. Gusoma baranguruye

➤ Mwarimu asomera abanyeshuri, nyuma abanyeshuri bagasoma umwe umwe inkuru.

2.2.1. Inyunguramagambo

➤ Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri basobanura amagambo ari mu nkuru ndende.

Kuba hagati y'urupfu n'umupfumu: kuba ubuzima bugeze mu marembera

Aranogoka: ashiramo umwuka

2. 2. 2. **Ibibazo ku nkuru.**

Ni iki cyatumye kabanyana arara adasinziye?

Kuberako umubyeyi we yari ari hagati y'urupfu n'umupfumu

Iyi nkuru ndende yanditswe na nde ?

Na Niyitegeka Mukarugira Yuliyana.

3. **Ubuzima bw'umuhanzi.**

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri bagaragaza ubuzima bw'umuhanzi w'iyi nkuru ndende.

Ubuzima: Niyitegeka Mukarugira Uliyana, yavukiye mu cyahoze ari komoni Mushubati (Gitarama) Ubu akaba ari mukarere ka Muhanga intara y'amajyepfo mu mwaka wa 1956. Bimwe mu bindi bihangano bye byakunzwe na benshi twavuga nk'ibitabo:

Giramata

Urwibutso

Wishavura...

4. **Umwitozo**

- Mwarimu abaza abanyeshuri kuvuga ubuzimwa bw'umuhanzi.

Vuga muri make ubuzima bw'umuhanzi w'iyi nkuru ndende.

Niyitegeka Mukarugira Uliyana, yavukiye mu cyahoze ari komoni Mushubati (Gitarama) Ubu akaba ari mukarere ka Muhanga intara y'amajyepfo mu mwaka wa 1956. Bimwe mu bindi bihangano bye byakunzwe na benshi twavuga nk'ibitabo:

ICYIGISHO CYA KABIRI: IBIRANGA INKURU NDENDE N'INKURU NGUFI

Intego zihariye: kugaragaza ibiranga inkuru ndende n'ingufi

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu

1. Isubiramo

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma inkuru ndende.

2. Ibiranga inkuru ndende n'inkuru ngufi.

- Mwarimu afatanyije n'abanyije n'abanyeshuri bagaragaza ibiranga by'inkuru ndende n'inkuru ngufi.

Inkuru ndende: inkuru ndende irangwa na:

- Ibarankuru
- Abakinankuru (abantu cyangwa inyamaswa)
- Kuba hari ikivugwa
- Kuba hari ahantu n'igihe bibera
- Kuba ari ndende
- Kuba hari ukuntu ibikorwa bikurikirana kandi bitera amatsiko ubisomo
- Kuba ifite insanganyamatsiko nyinshi.
- Inkure ndende igira impapuro ziri hejuru ya 20.

Inkuru ngufi: inkuru ngufi irangwa na:

- Iba ari ngufi ugereranyije n'inkuru ndende
- Igira abakinankuru bake
- Iba yubakiye ku nsanganyamatsiko imwe rukumbi

- Inkuru ngufi ntirenga impapuro 20.

3. Umwitozo

1. Garagaza itandukaniro ry'inkuru ndende n'inkuru ngufi?
2. Vuga muri make ibindi bitabo n'inyandiko wasomye?

ICYUMWERU CYA MUNANI

ICYIGWA: ITONDAGURANSHINGA

Intego zihariye: kurondora amako y'inshinga

Gusobanura uturanga twayo.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu

Icyigisho cya mbere: umwandiko: “Kanseri y'inkondo y'umura”

KANSERI Y'INKONDO Y'UMURA

Mu Rwanda hamaze iminsi havugwa gukingira kanseri y'Inkondo y'umura, abana b'abakobwa bafite imyaka hagati ya 12 na 15. Hari byinshi abana ndetse n'abakuru bagiye bibaza kuri iyo kanseri ndetse n'urukingo rwayo.

Muri iyi nyandiko murabona ibisobanuro kuri iyo ndwara impamvu hakingirwa abakobwa bato kandi batarakora imibonano mpuzabitsina mu Rwanda, ibimenyetso byayo ndetse n'uko yakwirindwa ku batazahabwa urwo rukingo.

Kanseri y'inkondo y'umura ni iki?

Inkondo y'umura n'igice cy'umura cya (nyababyeyi) gihera hepfo ugana mu nda ibyara. Kanseri y'inkondo y'umura ikaba yiganje cyane kw'isi aho iza ku mwanya wa 2 mu zindi kanseri ndetse ikaba ingana na 80% ya za kanseri zose mu bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere.

Iyi kanseri kandi ihitana abagore bagera kuri 275. 000 buri mwaka. Iyo ndwara igaragara cyane mu bagore bageze mu kigero kiri hagati y'imyaka 48 na 55 ariko ikaba yanafata abatarageza iyo myaka mu gihe bahuye na virus iyitera.

Ibitera kanseri y'inkondo y'umura

- Gukora imibonano hakiri kare kubera ko imyanya ndangabitsina iba itarakomera neza mbere y'imyaka 18,
- Gukora imibonano mpuzabitsina n'abantu benshi batandukanye

- Gutwita hakiri kare kandi kenshi
- Gukora akazi k'Uburaya
- Kwandura agakoko kitwa “Human Papilloma Virus de type 2”

Bishoboka bite ko Kanseri y'inkondo y'umura yandurira mu mibonano mpuzabitsina kandi abagabo batayirwara?

Ubusanzwe iyi virus ya “Human Papilloma Virus de type 2” isanzwe itera indwara nyinshi zandurira mu mibonano mpuzabitsina ku bantu bose yaba abagabo cyangwa abagore.

Bikaba rero bishoboka ko umugabo yakura ako gakoko kuwo bakoranye imibonano mpuzabitsina akayishyira undi mugore nyuma y'aho binyuze mu mibonano mpuzabitsina na none. Gusa uwo mugabo we ntazarwara iyo kanseri kuko atagira inkondo y'umura.

Ibimenyetso byayo

- Kuva amaraso mu gitsina, kubabara cyane mu nda, kubabara mu gihe umugore arimo gukora imibonano mpuzabitsinda ndetse n'ururenda, . .
- Muganga akora ibindi bizamini kugirango yemeze ko ubwo burwayi aribwo koko.

Uko wakwirinda kanseri y'inkondo y'umura

- Kwirinda ibikurura iyo cancer nkuko twabibonye haruguru cyane cyane kwirinda gukora imibonano mpuzabitsinda hakiri kare (muni y'imyaka 18) kandi ukirinda gukorana imibonano n'abantu benshi.
- Gufata urukingo by'umwihariko mu Rwanda hakingirwa abana b'abakobwa bakiri bato. urwo rukingo rukingira abana b'abakobwa kwandura agakoko ka “human papilloma virus” twabonye ko ariyo itera kanseri y'inkondo y'umura.

Byumvikane neza ko urwo rukingo rudakingira SIDA cyangwa izindi ndwara zakwandurira mu mibonano mpuzabitsina.

Ntirubuza no gutwita cyangwa se kubyara nkuko hari bamwe babitekereza.

- Ikindi ni uko abadamu bose bafite hagati y'imyaka 35 na 45 bahamagarirwa kujya

kwa muganga kwipimisha iyo ndwara kugirango basanze bafite ibimenyetso bahite batangira kwitabwaho hakiri kare. Iyo ndwara iyo yitaweho hakiri kare iravurwa igakira.

Uko ivurwa

- Iyo kanseri itarafata ahantu hanini, kwa muganga bakoresha uburyo bwo kubaga bagakuraho ahafashwe. Ariko iyo cancer yatinze kuvurwa hanyuma igafata ahantu hanini, biba ngombwa ko babaga bagakuramo nyababyeyi yose.
- Ubundi buryo bukoreshwa bwitwa radiotherapie ndetse na chimiotherapie.

Nibyiza kwirinda ndetse no kujya kwa muganga hakiri kare kuko iyo itinze kuvurwa amahirwe yo kubana nayo aba ari make cyane.

Twakwibutsa ko urukingo rwitwa Gardasil rwatangiye gutangwa mu Rwanda ku bana b'abakobwa bose bafite hagati y'imyaka 12 na 15 ku buntu.

Dr. Nyemazi

1. **Ivumburamatsiko**

- Mwarimu abaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku mwandiko.

Ni iyihe ndwara imaze iminsi ikingirwa mu Rwanda?

Kanseri y'inkondo y'umura.

2. **Gusoma**

2. 1. **Gusoma bucece**

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece.

Kanseyi y'inkondo y'umura yica abagore bagera kuri bangahe buri mwaka?

Abagore bagera ku 270. 000

Kanseri y'inkondo y'umura ifata abagore bari hagati y'imyaka ingahe?

Abagore bari hagati y'imyaka 48 na 55.

2. 2. **Gusoma baranguruye**

- Mwarimu asomera abanyeshuri aranguruye, nyuma abanyeshuri bagasoma baranguruye.

2. 2. 1. Inyunguramagambo

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri basobanura amagambo mashya ari mu mwandiko

Inkondo y'umura: igice cy'umura cya nyababyeyi gihera hepfo ugana mu nda ibyara.

2. 2. 2. Ibibazo ku mwandiko.

Ni iki gitera kanseri y'inkondo y'umura?

Gukora imibonano hakiri kare kubera ko imyanya ndangabitsina iba itarakomera neza mbere y'imyaka 18,

Gukora imibonano mpuzabitsina n'abantu benshi batandukanye

- Gutwita hakiri kare kandi kenshi
- Gukora akazi k'Uburaya
- Kwandura agakoko kitwa “Human Papilloma Virus de type 2”

Ni ibihe bimenyetso bya kanseri y'inkondo y'umura?

Kuva amaraso mu gitsina, kubabara cyane mu nda, kubabara mu gihe umugore arimo gukora imibonano mpuzabitsinda ndetse n'ururenda, . .

Kanseri y'inkondo y'umura ivurwa ite?

Iyo kanseri itarafata ahantu hanini, kwa muganga bakoresha uburyo bwo kubaga bagakuraho ahafashwe. Ariko iyo cancer yatinze kuvurwa hanyuma igafata ahantu hanini, biba ngombwa ko babaga bagakuramo nyababyeyi yose.

- Ubundi buryo bukoreshwa bwitwa radiotherapie ndetse na chimiotherapie.

Nibyiza kwirinda ndetse no kujya kwa muganga hakiri kare kuko iyo itinze kuvurwa amahirwe yo kubana nayo aba ari make cyane.

Twakwibutsa ko urukingo rwitwa Gardasil rwatangiyeye gutangwa mu Rwanda ku bana b'abakobwa bose bafite hagati y'imyaka 12 na 15 ku buntu.

ICYIGISHO CYA KABIRI: AMOKO Y'INSHINGA

Intego zihariye: kugaragaza amoko y'inshinga ari mu mwandiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu

1. Isubiramo

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko.

2. Amoko y'inshinga

- Mwarimu afatanya n'abanyeshuri kugaragaza amoko y'inshinga.

Inshoza: Inshinga ni ijamba rigaragaza igikorwa cya Ruhamwa mu nteruro. Inshinga zirimo amoko abiri ariyo: inshinga isanzwe n'inshinga idasanzwe.

Ingero: inshinga isanzwe: Ndufaka inzu

Inshinga idasanzwe: Mfite umwana

Ati ndanze

3. Umwitozo

- Mwarimu abaza abanyeshuri gushaka inshinga ziri mu mwandiko no kugaragaza amoko yazo.

Shaka inshinga nibura eshanu ziri mu mwandiko ugaragaze n'amoko yazo.

ICYIGISHO CYA GATATU: INSHINGA IDASANZWE

Intego zihariye: gutahura uturango twinshinga zidasanzwe.

Gutandukanya inshinga isanzwe n'idasanzwe

Gusesengura inshinga zidasanzwe.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu

1. Isubiramo

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko “Kanseri y'inkondo y'umura”

2. Inshinga idasanzwe

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri bagaragaza inshinga zidasanzwe ziri mu mwandiko, bakazisesengura bakanagaragaza itandukaniro ryazo n'inshinga isanzwe.

Ingero: inshinga idasanzwe iri mu bwoko bubiri aribwo ingirwa nshinga n'inshinga nkene cyangwa mburabuzi.

Inshinga nkene: ni inshinga igira tumwe mu turemajambo tw'inshinga cyangwa ikagira kamwe. Bene iyi nshinga kandi ntarindi jambo rishobora kuyikomokaho uretse ikinyanshinga.

Urugero: **Kago amfitiye amafaranga. Amfitiye: amfit-ir-ye**

Wa mwana hari uwo unduziye? Unduziye: unduz-ir-ye

Unziye amabanga. Unziye: u-n-:z-ir-ye

Ingirwanshinga: ni inshinga igira intego y'indagihe isanzwe y'ikirango gusa.

Urugero: Yezu ati “Nimureke abana bato bansange” ati: a-ti-ø

I yi nka iryamyeye ite? Ite: i-ti-e

Nimugira mutya murabishoboro. : Mutya: mu-ti-a

3. Umwitozo

➤ **Mwarimu aha abanyeshuri interuro bagakuramo inshinga zidasanzwe bakanazisesengura.**

1. Umwana umfiteye amakaye ntaraza.
2. Mujye mugira mutyo.
3. Aravuga ati ndaje.
4. Umulisa anziye amabanga yanjye yose.

IGIHEMBWE CYA KABIRI

ICYUMWERU CYA MBERE

ICYIGWA: IKINYARWANDA N'IMVUGO Z'UTURERE

ICYIGISHO CYA MBERE: INSHOZA Y'IKINYARWANDA N'IMVUGO Z'UTURERE

Intego zihariye: Gusobanura inshoza y'imvugo z'uturere no kuzirondora

Kwerekana uturere zivugwamo.

Imfashanyigisho:

1. Ivumburamatsiko

- Mwarimu abaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku Kinyarwanda n'imvugo z'uturere.

Ni uruhe rurimi ruvugwa n'abanyarwanda?

Ni ikinyarwanda.

Abanyarwanda bose bavuga ikinyarwanda kimwe ?

Oya.

2. Ikinyarwanda n'imvugo z'uturere

Nkuko ikinyarwanda ari ururimi ruvugwa n'abanyarwanda, hari izindi mvugo zitandukanya arizo ikirera kikaba ari imvugo ivugwa mu cyahoze ari intara ya Ruhengeri ndetse n'ikigoye kikaba ari imvugo igaragara mu cyahoze ari intara ya Gisenyi.

ICYIGISHO CYA KABIRI: IKINYARWANDA N'INSHAMI ZACYO.

Intego zihariye: gutandukanya ikinyarwanda n'inshami zacyo

Kwerekana uturere zivugwamo.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu

1. Ivumburamatsiko

- Mwarimu abaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku Kinyarwanda n'inshami zacyo

Ese uturere twose tw'urwanda ruvuga ikinyarwanda kimwe? Kubera iki?

Oya. Kuberako bitewe n'uturere aho duhererye bagenda batandukanya imvugo y'ikinyarwanda.

2. Ikinyarwanda n'inshami zacyo

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri bagaragaza inshami z'ikinyarwanda.

Ikinyarwanda ni ururimi rumwe ruhuriweho n'abanyarwanda ariko haba inshami zigishamikiyeho arizo: Izo ni nk' urukiga (oruciga) ruvugwa hafi mu gice cy'amajyaruguru y'igihugu, igisozo, igihunde, amashi n'igihavu bivugwa mu bice byo mu burengerazuba by'igihugu, urucuzi ruboneka mu majyepfo y'igihugu n'ikirashi kiboneka mu burasirazuba bw'igihugu.

3. Umwitozo

- Mwarimu abaza abanyeshuri gutandukanya ikinyarwanda n'inshami z'acyo ndetse n'uturere zivugwamo;

Ni izihe nshami z'ikinyarwanda n'uturere zivugwamo?

ICYUMWERU CYA KABIRI

ICYIGWA: INYANDIKO Z'UBUTEGETSI

Intego zihariye: gutandukanya inyandiko z'ubutegetsi

Guhanga inyandiko z'ubutegetsi

Imfashanyigisho:

Icyigisho cya mbere: gusoma ibaruwa y'ubutegetsi.

IBARUWA ISABA AKAZI

BAGABO Kilisitofe

Rwamagana, kuwa 22 Kanama 2011

Umwarimu mu rwunge rw'amashuri

APPEGA/Gahengeri

Telephone: 0758550488

Bwana muyobozi w'ikigo k'igihugu gishinzwe guteza imbere uburezi (REB)

Agasanduku k'ipasota 3817 Kigali

Binyujijwe ku muyobozi w'u rwunge rw'

amashuri APPEGA/Gahengeri

(umukono na kashi)

Impamvu : Gusaba akazi

Bwana muyobozi,

Nejejwe cyane no kubandikira mbasaba kuba naboneka ku rutonde rw'abarimu bazahugura abandi muri gahunda ya Leta yo guteza imbere ururimi rw'icyongereza mu mashuri yo mu Rwanda.

Mu by'ukuri, bwana muyobozi, nigisha icyongereza mu kiciro cya kabiri cy'amashuri yisumbuye, ishami ry'indimi n'ubuvanganzo mu rwunge rw'amashuri APPEGA/Gahengeri, nkaba mfite impamyabumenyi ihanitse mu buvugangazo mu cyongereza bukomatanyije n'uburezi. Ku mugereka w'iyi baruwa, murasanga ho umwirondoro na kopi y'impamyabumenyi iriho n'umukono wa Noteri.

Mu gihe ngitegereje igisubizo cyanyu cyiza, Bwana muyobozi, mbye mbashimiye.

BAGABO Kilisitofe

(umukono)

BIMENYESHEJWE:

Umuyobozi w'urwunge rw'amashuri APPEGA/Gaheneri

Umuyobozi ushinze uburezi mu Karere ka Rwamagana

1. Ivumburamatsiko

- Mwarimu abaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku ibaruwa z'ubutegetsi

Ubutumwa umuntu yoherereza undi mu nyandiko babwita iki?

Ibaruwa.

Ni ayahe moko y'ibaruwa muzi?

Ibaruwa isanzwe, ibaruwa isaba akazi.

2. Gusoma

2. 1. Gusoma bucece

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma ibaruwa bucece.

Ibibazo + ibisubizo

Impamvu y'iyi baruwa ni iyihe ?

Gusaba akazi.

Ni nde wanditse iyi baruwa ?

Bagabo Kirisotofe.

2. 2. Gusoma baranguruye.

- Mwarimu asomera abanyeshuri bose ibaruwa nyuma abanyeshuri nabo bagasoma baranguruye umwe umwe.

Ibibazo n'ibisubizo

- Mwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bitandukanye ku ibaruwa.

Iyi baruwa yandikiwe nde ?

Ubuyobozi bushinzwe guteza imbere uburezi (REB)

Ni iki gitandukanya iyi baruwa n'izo dukunda kwandikira inshuti zacu ?

Iyi baruwa ifite Impamvu ikagira n'abo bimenyeshejwe.

ICYIGISHO CYA KABIRI: INYANDIKO Z'UBUTEGETSI N'ITANDUKANIRA ZAZO.

Intego zihariye: gutandukanya inyandiko z'ubutegetsi.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu

1. Isumiramo

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma ibaruwa y'ubutegetsi.

2. Inyandiko z'ubutegetsi n'itandukaniro ryazo.

Mu nyandiko z'ubutegetsi harimo ibaruwa isaba akazi n'umwirondoro w'usaba. Itandukaniro ryazo ni uko ibaruwa isaba ikurikizaa amategeko kandi nta rurondogoro ruyibamo, umwirondoro ni inyandiko igaragaza amakuru yose y'ingenzi y'usaba akazi.

3. Guhanga inyandiko z'ubutegetsi.

- Mwarimu aha abanyeshuri insanganyamatsiko zitandukanye maze agasaba abanyeshuri kwandika ibaruwa y'ubutegetsi'

4. Umwitozo

- Mwarimu asaba abanyeshuri kwandika ibaruwa z'ubutegetsi zitandukanye.
 1. Andikira umuyobozi wa banki y'abaturage ya Muhima usaba inguzanyo.
 2. Andikira umunyamabanga nshingwa bikorwa w'umurenge wanyu umusaba akazi.

ICYIGISHO CYA GATATU: INSANO/IKINYANSHINGA

Intego zihariye: Gutahura insano mu nteruro

Gusesengura insano

Gutahura inshoza y'insano.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu

IGICE CYA MBERE: UMWANDIKO «IBIGWI BY'INYAMA N'IBISHYIMBO»

IBIGWI BY'INYAMA N'IBISHYIMBO

Inyama iti: “Have Nyirambohera urimba uri imboga mbi!

Igishyimbo kiti: “have ni wowe mboga mbi, Wowe mburane Wowe mboneka rimwe! Jye iyo ntaraboneka Nkinga ingabo y'ikibabi Bakandya umushogoro! Naba andi nabonetse Nkagurirwa intebo Nkavomerwa na nyiri intege, Ngacanirizwa ntovu, nkazamura intebyi mu kibariro cy'igicuku ngasobanura amabano Mu arembo y'amabuno!” Inyama iti: “Nanjye ndi Rwanamiza mu nkono Rwa bungira yikebe! Inyamibwa y'inyama zombi Ya Rukurungira inogo Kurya nogeye ku mbehe Sindatirwa inganga Rwema ndi Ingorabasyi! (GAFUKU, B. , 1929)

1. Ivumburamatsiko

- Mwarimu abaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku mwandiko

Ni ibihe biryo dukunda kurya mu rugo?

Ibishyimbo, igitoki, umuceri, amashaza, ibijumba, ...

Iyo habaye iminsi mikuru ni ikihe kiribwa kitajya kibura?

Inyama

2. Gusoma

2. 1. Gusoma bucece

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko.

Umwandiko wanditswe na nde?

Na Gafuku.

2. 2. Gusoma baranguruye

- Mwarimu asomera banyeshuri aranguruye nyuma abanyeshuri bagasoma umwe umwe.

2. 2. 1. Inyunguramagambo

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri basobanura amagambo mashya.

Ikibariro cy'igicuku: bigeze mu gicuku.

Amabano: amacumu (iyitirira bashaka kuvuga imisuzi)

IGICE CYA KABIRI: INSANO/ IKINYANSHINGA

1. Isubiramo.

Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko “Ibigwi by’Inyama n’Ibishyimbo”

2. Insano/ikinyanshinga

- Mwarimu afatanyije n’abanyeshuri bagaragaza insano z’iri mu nteruro zimwe ziri mu mwandiko.

Ingero:

Uhiga umugabo ntiyamira (Umugani)

Nzanira afutse

Nta wukena ashaka

3. Gusesengura insano

- Mwarimu afatanyije n’abanyeshuri basesengura insano.

Ingero: Uhiga: u-u-higa

Afutse: a-a-fuk-k-ye

4. Inshoza y’insano

- Nyuma yo gusesengura insane, mwarimu afatanyije n’abanyeshuri bagaragaza inshoza y’insano.

Inshoza: insano/ikinyanshinga ni ijambo rishingiye ku nyibutsanteko y’ikinyazina, ku muzi cyangwa ku ntima no ku musozo w’inshinga.

5. umwitozo

- Mwarimu aha abanyeshuri interuro bagashakamo insane bakanazisesengura, ndetse n’inshoza y’insano.

1. Insano ni iki?
2. **Garagaza insano ziri muri izi nteruro ziri mumwandiko unazisesengura.**

ICYUMWERU CYA GATATU

ICYIGWA: IKINAMICO

Intego zihariye: gukina ahuza imvugo n'ingiro kandi ashyiramo isesekaza.

Guhanga ikinamico.

Imfashanyigisho:

ICYIGISHO CYA MBERE: IKINAMICO «UBUKWE BWA KINYARWANDA»

IMISANGO Y'UBUKWE BWA KINYARWANDA

Gusaba ni umuhango w'umuco nyarwanda ukorwa iyo umusore ashakisha uwo bazarushinga akabifashwamo na se cyangwa se wabo.

Uyu muhango w'ubukwe cyane cyane imisango y'ubukwe mu gihe cyo gusaba ni ikinamico gakondo umuntu yatangaho urugero. Aha rero tugiye kureba umuhango w'ubukwe bwo gusaba umugeni ari naryo pfundo ry'uwo muhango.

Mu muco wa Kinyarwanda ujya gusaba abanza kurangisha umugeni, yamara kumubona no kumushima imico n'ubwiza, cyangwa amushimiwe n'undi, agashaka umuranga. N'iyi asaba mu baturanyi ashaka umuranga; ni we umuvugira bagiye mu byo gusaba. Batara ibitoki cyangwa bakenga amarwa.

Inzoga zamara gushya, umuranga akajya iwabo w'umukobwa akabwira se, ati: "Naka yantumye ngo arashaka kuza guhakwa. "; na bo, bati: "Uramubwire azaze ". Umuranga akagenda akabwira iwabo w'umuhungu ati: "banyemereye".

Iyo inzoga z'imisango ziraye ziri buze, se w'umukobwa atumira inshuti na basaza ba nyina w'umukobwa. Abasaba bazana inzoga mu kibindi cy'isugi, mbese kidahongotse, n'isuka n'isando. Bamara gusoma bose, uwo bohereje gusaba agatonda imisango, ati: "Turabasaba umugeni w'ineza, tuzabaheka mu itabaro, tuzababera abana na mwe mutubere ababyeyi". Abandi, bati: "Murakagira Imana". Ababyeyi b'umukobwa, bati: "Komeza uhakwe, tuzabona uzana inzoga zo gutebutsa, ubwo washimye umugeni, turamuguhaye". Ahandi, se w'umukobwa abaza abazanye inzoga, ati: "Iyi nzoga ni iy'iki?" Bati: "Nyiranaka". Se w'umukobwa, ati: "Mwaramwereje?" Bati: "Cyane".

Ubundi usaba akavuga ati:” Nje guhakwa murampake neza, mundeme amaboko n’amaguru, mumpe ubuhake nanjye nyoboke mpakwe“. Abandi, bati: “Ko wazanye inka, izindi ushaka ni iziki? “. Undi, ati: “Ni ko bigenda ushaka guhakwa atura inka ngo azabone n’izindi”. Bakigiza nkana, bati: “Yarasabwe”.

Bakabijyamo impaka. Nyuma se w’umukobwa ati: “Ndamubahaye“. Abakwe bati: “Tugukuriye ubwatsi“. Bati: “Ariko icyo tutaguhaye ni inzoga”. Umwe mu basangwa ati: “Muramumuhaye kandi yaranze kumpeka ndwaye!” Cyangwa, ati: “Yandumangirije inka “. Bakaburana byo kwigiza nkana. Abandi bagakiza bati: “Aragutsinze (umuranga) “.

Ahandi usaba araza ati: “Yemwe bagabo bari aha nimuceceke mfite ijambo ryanzanye. Nuko bagahora, agatonda imisango abwira se w’umukobwa, ati: “Umva, N... yantumye ngo muva inda imwe, ngo nta cyo mwapfuye, nta nabi, ngo umuhe umugeni w’ineza, ngiyi n’inka tubakwereye”. Undi ati: “Koko nta nabi yanjye na we” ati: “Bagabo bari aha mutanze umugeni? “Bati: “Turamutanze, koko nta nabi N... yatugiriye”. Bati: “wowe se?” Ati: “Ndamutanze “. Nuko bakabwira umuranga bati: “Ugende ubwire N... uti: “Inzira ni nziza”, uti: “kereka udashaka guhakwa”. Nuko umuranga akabashimira ati: “Murakagira Imana, muratubere ababyeyi na twe tuzababera abana “.

Ahandi bashaka inzoga ebyiri, bakazijyana nimugoroba. Hagenda se w’umuhungu cyangwa se wabo. Umuranga akazijya inyuma bakagenda. Bagera mu bikingi by’amarembo, bati: “Mwiriwe yemwe bene urugo?” Abo mu rugo bagatuma umwana akajya kureba, akagaruka akababwira, ati: “Ni inzoga“. Bakandurura ibyandagaye, nuko inzoga zikaza bakabatura, bakabaha intebe. Umuranga akicara hafi y’inkingi iteganye n’iy’urubumbiro, se w’umukobwa cyangwa undi ukwiye kugira ijambo muri urwo rugo, akicara iruhande rw’inkingi y’urubumbiro, bakanywa inzoga. Nuko umuranga agaterura ati: “Nimugire umwami mwa bagabo mwe, mbere hose twarabanye, so abana na data, none narakuraguriye, N... nyir’urugo, n’iy’uruyuzi, n’iy’uburo; namara kuyisohozza nkazayikuraho gukira; none nje kukwaka iyo mbuto. Nyir’urugo ati:” Niba ari jye wereje, ndakwemereye nzayiguha”. Yamara kuvuga iryo jambo, impundu zikavuga, bakivuga, bakabyina, bakishima. Bagahera ubwo bakajya bajyana inzoga amapfukire n’ibindi. Bagasaba umwaka umwe cyangwa ibiri, itatu, ine, uko babishaka n’uko kandi bifite.

Ubundi usaba ati:” N... yantumye ngo mwaraturanye, mwarabanye muva inda imwe, mwarahakanywe, ngo ntiyakurumangirije inka ntiyakwimye impamba, ntiyakwimye itabi,

ntiyakureze ibwami watahaye, ntiyanze kuguheka mu itabaro, ngo agusabye umugeni “. Maze kandi ngo niba utekereza ko yakurumangirije inka, akakwima impamba, akakwima itabi, akakurega ibwami, akanga kuguheka mu itabaro, ngo umubwire. Undi ati: “Mwaje kunsaba umugeni mwarantumyeho ejo, none sinabona uko ntuma kuri se wabo na basaza be na ba nyirarume, byashoboka bite se ?” Undi ati: “Widuhima ejo twagutumyeho; dore basaza be bari hano abahari nibamuduhe, muzasigare mubaza abadahari icyaha twakoze, muzabe mumutwima ariko tugire icyo tujya kubwira N. . . ” Undi ati:” Aha hari abana bato batazi ibyaha, turamubahaye, ariko rero abandi badahari nibaza, ahari bazamubima “. Usaba ati: “n’iryo ni ryiza, dukuye ubwatsi“. Nyir’urugo ati:” Nimugende tubakuriye amahwa mu nzira, tuzabaririza, nitugira icyaha tumenya, tuzabima umugeni, nitutagira icyaha tubamenyaho tuzabashyingira“. Nuko bakabaherekeza bagataha.

Abandi, uwo basaba umugeni aravugaga ati: “Ko dufite abakobwa benshi, murasaba nde?” Bakamuvugaga izina. Nyir’urugo akigizaga nkana ati: “Uwo naramutanze!” Maze akavugaga izina ry’umwana w’inshuke, bagakomeza kubijyamo impaka kugeza igihe ababwiye ati: “Nguwo ndamubahaye, ariko mumenye ko ndi umushumba, si uwanjye jyenye, afite bene we“. Nuko se w’umukobwa akongera, ati: “Namubaha bwose, mumenye ko icyo ntabahaye ari inka “.

Ikindi bavugaga basaba umugeni, bamara kubona ibyicaro, bakanywa inzoga, nuko umugabo mukuru ati:” Cece...” Bose bagaceceka. Ati: “Umva N...namwe bagabo muri hano: ururimi ni urwanjye n’amaguru ni ayanjye, ariko ijamba ni iry’uwantumye Sekarama. Yantumye ngo: muri bene nyirakivandimwe, ngo iwabo n’iwanyu ntibigeze guhemukirana haba bari mu itabaro, haba bari ku kirari. Umwana asaba, ni umwana uva iwabo akajya iwabo na none; ibyawe na we ni urujya n’uruzi nk’umuyira w’intozi; mubere Mazeyose nk’igicunshu kuko bakinywamo umuti, kandi bakacyisukuzi. ”

Iyo hagize uvugaga irindi jambo ngo aramurogoye, kugira ngo amuhoze, yongera kuvugaga ati: “Cece..., ndagutira umwambaro singutira ururimi. Iyo amaze kuvugaga atyo, abagore n’abakobwa bari aho bavuzaga impundu. Usabwa na we agasubiza ati:” Ibyo turabyumvise, ni byiza koko nta nabi yanjye na Sekarama, nta kintu nzi twapfuye, icyakora ku bwanjye muhaye umugeni, ariko ndi umushumba, abo ndagiriye nibemera nkanjye, tuzagushyingira. Icyakora ntanze umugeni icyo ntaguhaye ni inka“. Bagakura ubwatsi, impundu zikavugaga. Nyir’urugo akongera ati: “Bagabo bari hano mutanze umugeni?” Bati: “Turamutanze, ariko icyo tutabahaye ni inka, bazabakwere”

1. Ivumburamatsiko

- Mwarimu abaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku ikinamico.

Ni ibihe birori mwaba mwaratashye ?

Ubukwe, ibitaramo, . .

Ni iyihe mihango iba mu bukwe bwo gushyingirwa ?

Gusaba no gukwa, imisango, imbyino...

2. gusoma

2. 1. gusoma bucece

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma bucece ikinamico.

Ni ryari bajyaga gusaba?

Iyo umuhungu yabaga ashaka uwo basarwubakana.

Ni bande bajyanaga inzoga zo gusaba?

Se w'umuhungu cyangwa se wabo

2. 2. Gusoma baranguruye

- Mwarimu asomera abanyeshuri ikinamico yose nyuma abanyeshuri bagasoma umwe umwe.

2. 2. 1. Inyunguramagambo

- Mwarimu afatanya n'abanyeshuri gusobanura amagambo masha.

Imisango: ni uruhererekane rw'amagambo hagati y'umukwe mukuru n'umusangwa mu muhango yo gusaba no gukwa

Umuranga: ni umuntu warangaga umugeni

Gukura ubwatsi: gushimira uwakugiriye neza (aguhaye inka, cyangwa umugeni)

2. 2. 2. Kumva ikinamico

Ibibazo + Ibisubizo

Mu muco nyarwanda mbere yo gusaba wabazaga gushaka iki ?

Umuranga

Abasaza bazanaga inzogo mu kibindi cyimeze gite?

Mu kibindi cy'isugi.

Uretse inzoga ni ibihe bindi bitwazaga?

Bitwazaga isuka n'isando.

ICYIGISHO CYA KABIRI: UTURANGO TW'IKINAMICO NO GUHANGA IKINAMICO.

Intego zihariye: guhanga ikinamico no kugaragaza uturango tw'ikinamico.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu

1. Isubiramo

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma ikinamico “Ubukwe bwa Kinyarwanda”

2. Uturango twikeshamvugo

- Mwaramu afatanyije n'abanyeshuri bagaragaza uturango tw'ikeshamvugo tw'ikinamico.

Ingero: ikinamico ni ubuhanzi abantu bakunda kwitabira kuko bukunda gukoreshwa mu nyigisho no mu myidagaduro. Tumwe mu turango tw'ikinamico ni: imvugo ya nkana, imvugano, inyobozi, inyishyu, umwivugisho, agakinon'ururondogoro.

3. Gukina ikinamico

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri barema amatsinda nyuma bagakina ikinamico “Ubukwe bwa Kinyarwanda” bahuza imvuga n'ingiro kandi bagashyiramo isesekaza.

4. Guhanga ikinamico

- Mwarimu aha abanyeshuri insanganyamatsiko mu matsinda nyuma bagahanga ikinamico bita ku turango tw'ikeshamvugo.

5. Umwitozo

- Mwarimu aha abanyeshuri insanganyamatsiko zitandukanye maze bagahanga ikinamico.

1. Hanga ikinamico ijyanye n'ubumwe n'ubwiyunge.

2. Hanga ikinamico ku kuboneza urubyaro ukangurira abanyarwanda kuyitabira.
3. Ni utuhe turango tw'ikeshamvugo turi mu ikinamico “Ubukwe bwa Kinyarwanda.”

ICYUMWERU CYA KANE:

ICYIGWA: UMUCO N'AMATEKA Y'URWANDA.

Intego: kugaragaza ibiranga umuco nyarwanda mu migenzo n' imyitwarire no mu mibereho.

Gutahura ingeri z'umuco mu mateka y'u Rwanda

Gusobanura imihindukire y'umuco.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu

IGICYIGISHO CYA MBERE: UMWANDIKO KU MUCO N'AMATEKA Y'U RWANDA.

AMATEKA Y'URWA GASABO

Ijambo “Rwanda” ryaba rituruka ku nshinga ya kera “kwanda” bivuga gukwira hirya no hino. Izina “Rwanda” riranga ahantu urisanga mu ntara ya Busoga iri mu burasirazuba bwa Uganda, kimwe no muri Ankore.

Mu gihugu cyacu rero hakaba Rwanda rwa Binaga ho mu Rweya (Mutara), Rwanda rwa Gasabo (banahita Rwanda rwa Ndanyoye) iri muri Komini Gikomero, hari na Rwanda rwa Kamonyi (Komini Taba), ndetse hari na Rwanda yo mu bya Kalemi (Zayire) mu burengerazuba bw'ikiyaga cya Tanganyika.

bivugwa ko Abanyiginya bagitangira kwigarurira ibihugu, umusozi batsinze wose wazaga usanga Rwanda (rwa Gasabo). Aho kuri Rwanda ngo niho babyariye (biciye) imfizi ya Gihanga y'Ubwami Rugira, n'insumba yayo Ingizi. Ngiyo rero “Rwanda rugari rwa Gasabo”, ngo bavuga gutyo umutima w'Umunyiginya ugatengurwa n'ibyishimo. Ndetse bakongeraho ngo “Rwanda rwa Gasabo, urwo mvuga mvumera iwacu”. Mbese ni mu ngobyi y'ubwami bw'Abanyiginya.

Ruganzu I Bwimba kugera kuri Mibambwe I Sekarongoro I Mutabazi I

Umwami wa mbere wimye i Gasabo uzwi mu bitekerezo ni Ruganzu I Bwimba; icyo gihe Gisaka yari ikomeye kurusha u Rwanda. Umwami w'i Gisaka yari Kimenyi Musaya warongoye Robwa, mushiki wa Ruganzu wa I Bwimba. Ruganzu I Bwimba yishwe n'ingabo z'i Gisaka. Bavuga ko bimaze kuba ngo uwo Robwa yaba yarisekuye ku nkota kugira ngo umwana atwite atazavamo umwami w'i Gisaka. Uwo Ruganzu I Bwimba na mushiki we Robwa babarirwa mu batabazi bitangiye ingoma nyiginya.

Ku ngoma y'uwakurikiyeho, ariwe Cyirima I Rugwe, u Rwanda rwiyongereyeho u Buriza n'u Bwanacyambwe. Ku ngoma ya Kigeri I Mukobanya (hari abemeza ko uwo Mukobanya na murumuna we Sekarongoro bari ibikomangoma by'i Bugesera, bakaba rero bari Abahondogo) niho habaye igitero cya I cy'Abanyoro (baturutse mu bunyoro ho muri Uganda; bari bakomeye kandi bangije u Rwanda bikabije) bayobowe n'umwami wabo Cwa

I. icyo gihe byari mu by'1520, akaba ari nabwo Mibambwe I Sekarongoro yakomerekejwe n'umwambi mu gahanga, bamuhimba igisingizo cya "Mutabazi".

Igitero cya II cy'Abanyoro n'itsindwa rya Nduga

Mu myaka yakurikiye urwimo rwe, Mibambwe I Sekarongoro I Mutabazi I yihatiye kwigarurira Nduga (ubundi yari atuye Gasabo, nyuma ajya mu Bumbogo). Nduga y'Ababanda iranga imubera ibamba. Ku Mugina wa Jenda, mu Kona ka Mashyoza n'i Kigorora (hose ni ku mayaga), mu rugamba rumwe hagwa Abacengezi b'u Rwanda batabarika. Bavuga ko uwo Mibambwe I yakoranyije ingabo agatera i Nduga hakamunanira neza. Arongerera agabayoy abatabazi b'abacengeri: Gatambira ka Mibambwe I nyine aza ariwe, agwa mu Rugondo rwa Tambwe, ho mu Nduga.

Ibyo aribyo byose Mashira nawe yohereje ibitero mu Rwanda byambuka Nyabarongo. Hari n'icyari kigabwe n'umuhungu we witwaga Ngoga, kigera mu Muhanda wa Nzovi, hasi ya Nyamweru (muri Komini Shyorongi). Uwo Ngoga ngo yaharanduye ikimana (ikivumu cy'umuterekero) cyo gutsinda Nduga Mibambwe yari yarahateye.

Mashira amaze kunanirana, Mibambwe I Sekarongoro arazibukira iby'imirwano aba abishyize iruhande, maze ingoma y'Ababanda irasugira. Nibwo rero Mibambwe I yigiriye imigambi yo kugirana imimaro (amasezerano yo kutarwana) na Mashira; biremezwa Mashira aba umwami wa Nduga. Nyuma yaho imishyikirano yarakomeye, ndetse haziraho no gushyingirana. Nuko Mashira arongora Nyirantorwa, umukobwa wa Mibambwe I, Mibambwe uwo nawe ari we "Semutakirwa Semutambanashakwe, umwami w'i Mbirima na Mutovu" (ho muri Komini Musasa), arongora "Bwiza bwa Mashira budashira irora n'irongorwa" : ngo yari mwiza atagira uko asa; naho Gahindiro ka Mibambwe I arongora Nyankeri ya Mashira (twibuke ko habayeho ba Gahindiro batatu bakomoka kuri ba Mibambwe I, II, III). Nyuma y'ubwo busabane buvanzemo politiki, ni ho hadutse igitero cya kabiri cy'Abanyoro. Mibambwe I yagerageje kwitabaza Bugesera, Gisaka na Nduga ibyo bihugu byanga kumutabara. Nuko Mibambwe abonye yugarijwe n'Abanyoro kandi u Rwanda rwe rumaze gusibama, ahitamo guhunga, ahungana n'ingabo n'abaturage ndetse n'amatungo, berekeza mu Bushi (mu bya Bukavu y'ubu). Mu mirwamo arahagwa Forongo mwene Mibambwe I, maze abarirwa mu batabazi. Abanyoro batera n'i Gisaka, ariko ntibyakohera; batera u Bugesera umwami Sengano arahagwa. Bakurikirana Mibambwe I ariko bagenda intage ari nako bacunga iminyago. Udusigisigi twabo dutura mu majyepfo y'i Nduga, ahahindutse

Indara (Indarirane z'Abanyoro, ndetse aho hari n'inzu ubu yitwa "Abanyoro" ibakomokaho). Mibambwe I n'Abanyarwanda be bumvise ko Cwa I, umwami w'Abanyoro yapfuye, barahunguka. Mu ihunguka Mibambwe I yagiye asubira mu mararo ye y'igihe yahungaga: ava i Remera rya Kabagari (Komini Masango), anyura i Gitwe agera i Nyamagana (Komini Tambwe). Arakomeza ajya kwagira sebukwe akaba n'umukwe we Mashira wari utuye i Nyanza icyo gihe. Mashira rero yaje gusanganira sebukwe, ntacyo yikeka: arazimana. Igihe bigeze hagati, baramufata, Mibambwe I aramwica, amutsinda ahongaho i Nyanza. Ibyo kwa Mashira birarimbuka, i Nduga itsindwa itsinzwe noneho. Nuko bene Mashira barahashirira, n'ubwo ubungubu hakiri abamwiyitirira.

Ibyatumye Nduga itsindwa

Ukwirara hamwe n'ikizere ngo kiraza amasinde. Mu by'ukuri bivanze n'ubupfayongo. Dore nawe, Mashira ntiyari abuze ingabo zikomeye kandi nyinshi, ariko we yahugiye mu byo kubana neza no gushyingirana, mu gihe Mibambwe I hamwe n'Abatutsi n'Abahutu b'abagaragu babo (ngo abenci bari Abasinga) bo bari bagamije politiki, iyi idatinya kwica amasezerano, umubano no gutsemba isano.

Ubugambanyi bwa Munyanya. Munyanya yavaga indimwe na Mashira mwa se wabo; yifatanyije na Mibambwe I mu kwica Mashira.

Inkurikizi z'itsindwa rya Nduga. Itsindwa rya Nduga ni intambwe ikomeye cyane mu mateka y'u Rwanda. Ibyo byatumye u Rwanda rubona aho ruhera hagaragara, rutera utundi duhugu. Nduga yari isanganywe ubutegetsu bufutuye, bukomeye.

Abanyanduga bakomeje gushyamirana n'abanyiginya. Uburangare ntibwabaye ubwa bose. Mu bitongerero by'imihango bagerageje kunga Nduga n'abayigaruriye bavuga ngo: "tuza... nk'inono y'Abasindi na Kibanda". Ni ukuvuga ngo: worohe nk'ifu y'inono ihuza Abasindi (ni ukuvuga Abanyiginya) na Kibanda y'Ababanda. Mu by'ukuri ngo no mu by'1930, Ababanda bo mu Nduga bari bagicyurirana n'Abanyiginya. Naho inshyuro z'Abanyiginya ari hamwe n'Abasinga zigaragarira mu bisigo byo ku ngoma ya Cyirima II Rujugira bibwirwa Muhabura, umusizi w'umubanda.

Hari Ababanda benci batotejwe, maze bamwe mu batarapfuye barahunga bagana mu Buriza, mu majyaruguru y'u Rwanda n'ahandi. Hari abimukanye amazina y'aho baturutse: Marangara (muri Komini Nyamutera) Jenda (muri Komini Nkuri); hari na Jenda bimukanye

mu Bunyambiriri (Gikongoro).

Nduga yabaye umutima w'u Rwanda rw'Abanyiginya: abami barahikunze baharema imirwa myinshi, nyuma ibitero byinci byakwiriye impande zose z'u Rwanda rw'icyo gihe, byitwaga ko bigabwe n'Abanyenduga, baba Abatutsi baba Abahutu.

Abanyanduga banze kwibagirwa Mashira wabo: baramuterekereye, bararimba bamushyira mu mubare w'imandwa, naho Abatutsi n'abagaragu babo bagumya kumusebya, bagabanya agaciro ke. Nyamara ngo yaba yari igihangange gishishikajwe no kwagura igihugu no kugitegeka neza.

U Bwanacyambwe bwigaruriwe n'Abagesera Abazirankende: Mibambwe I amaze guhunga Abanyoro no kwica Mashira yatuye mu Nduga. U Bwanacyambwe bwari bwarometswe ku Gisaka mu gihe cy'abami bane bo mu Rwanda: Yuhi II Gahima, Ndahiro II Cyamatara, Ruganzu II Ndori, Mutara Semugeshi. Icyo gihe cyose, urubibi rw'i Gisaka rwari umugezi wa Nyabugogo n'uruzi rwa Nyabarongo mu majyaruguru y'u Bwanacyambwe. Byageza n'aho umwami w'i Gisaka, Kimenyi II Shumbusho, aza gutura ku murwa wa Kigali. Abami b'u Rwanda babonye ko badafite amaboko yo kurwanya Gisaka, barekera iyo kugeza kuri Kigeri II Nyamuheshera (mu by'1770).

1. Ivumburamatsiko

- Mwarimu abaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku muco n'amateka y'u Rwanda.

Mbere u Rwanda rwitwagwa ngo iki?

U rwa Gasabo.

Ni iki kiranga umuco nyarwanda?

Umuco nyarwanda warangwaga n'ubwumvikane.

2. Gusoma

2. 1. *Gusoma bucece*

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma bucece.

Ijambo Rwanda Rituruka ku yihe nshinga?

Kwanda.

Ni uwuhe mwami wimye bwa mbere i Gasabo?

Ni Ruganzu I Bwimba.

2. 2. Gusoma baranguruye

- Mwarimu asomera abanyeshuri aranguruye nyuma abanyeshuri nabo bagasoma umwe umwe.

2. 2. 1. Inyunguramagambo

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri basobanura amagambo mashya.

Rwanda: biva ku nshinga kwanda bivuga kwagura.

2. 2. 2. Kumva umwandiko

Ni uwuhe mwami wa mbere wimye I gasabo?

Ruganzu I Bwimba

Ni abahe bami bavugwa muri uyu mwandiko?

Ruganzu, Sekarongoro, Cyirima, ...

ICYIGISHO CYA KABIRI: INGERI Z'UMUCO MU MATEKA Y'U RWANDA

Intego zihariye: gutahura ingeri z'umuco mu mateka y'u Rwanda

Imfashanyigisho:

1. Isubiramo

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko

2. Ingeri z'umuco mu mateka y'u Rwanda.

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri bagaragaza ingeri z'umuco mu mateka y'u Rwanda.

Ingero: mu mateka y'u Rwanda ingeri z'umuco zari zishingiye kuri ibi bikurikira:

- Imiterere y'umuryango nyarwanda
- Ubumenyi ngiro
- Ururimi n'ubuvanganzo
- Kwiyitaho ku mubiri
- Ibibatunze
- Imyambarire
- Ukwemera
- Imikino n'imyidagaduro
- Imigenzo n'imiziririzo.

3. Umwitozo

- Mwarimu abaza abanyeshuri kugaragaza ingeri z'umuco mu mateka y'u Rwanda.

Garagaza ingeri z'umuco mu mateka y'u Rwanda

ICYIGISHO CYA GATATU: IMIHINDAGURIKIRE Y'UMUCO

Intego zihariye: gusobanura imihindagurikire y'umuco.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu

1. Isubiramo

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandikiko ku muco n'amateka y'u Rwanda

2. Imihindagurikire y'umuco

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri bagaragaza imihindagurikire y'umuco

Ingero

Nkuko tubizi umuco urahindagurika bitewe n'itsinda ry'abantu, ni ukuvuga ko ibikorwa biranga umuco biba bikurikije igishushanyo mbonera cy'ujuje ibyangombwa bigaragara ko ari shingiro kandi cyafatwa nk'icyitegererezo, kuba umuco ugengwa n'amategeko ntibivuze ko umuco udashobora guhinduka. Bimwe mubigaragaza ko umuco uhinduka ni uko umuco Atari kamere, umuco ari nyamuryango, umuco urigwa kandi umuco uratugwirira.

3. Umwitozo

- Mwarimu abaza abanyeshuri kugaragaza imihindagurikire y'umuco.

Sobanura imihindagurikire y'umuco mu Rwanda.

ICYIGISHO CYA KANE: UBURYO BW'INSHINGA ITONDAGUYE

Intego zihariye: kugaragaza uburyo inshinga itondaguyemo.

Kuvuga uturango twa buri buryo inshinga itondaguyemo.

Igice cya mbere: umwandiko : “Intango iterura ababiri”

INTANGO ITERURA ABABIRI

[...] Naguhawe n'imfura,

Ngo ube imfuruka yagutse

N'abahunga imvura ikubye

Bikingemo urubura.

Uratete utere n'ejobundi

Uwusesure umudendezo

Upfa kudateshuka ku ntanzi

Imana ikwitiye ntakiruta.

Guteta si ukuvuza ubutwenge

Ni ugutemba imbere y'inkingi

Imana ikwegamije ibishaka

Igire iheru niba ubishaka

Uheze iyo mpinga ukivuzza impundu,

Nuhetura ugaruke hino

Intango yacu tuyiyegayeze.

Ubuzi ko kuntebe y'urukundo

Mpora mpatetse nkigutegereje.
Uramenye ejo udatuma bagutanga
Bakagutunguza bya birezi
Abazi ubwenge bita uburozi.
Ejo ntihazagire n'abagushuka
Ngo bagushitureho n'amashami,
Uri umushibuka natoranyije
Kuko watoshye ku giti cyiza
Ntugateshuke ku rukundo
Kuko urukumbuzi rudohotse
Guhora twicaranye nk'impanga
Byenda byava mo impaka nyinshi,
Ariko uwabyirutse azabe impambi
Abiseka cyane akaba n'imparirwa
Kuko aba yicaye afite impamba
Abeza bita ingingo ngenga.

[...] RUGAMBA, S. , *Amibukiro*: p. 70-72

1. Ivumburamatsiko

- Mwarimun abaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku mwandiko.

Ikibindi kinini baterekagamo amarwa kitwaga ngo iki?

Intango.

2. Gusoma

1. 1. Gusoma bucece

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece.

1. 2. Gusoma baranguruye

- Mwarimu asomera abanyeshuri umwandiko baranguruye nyuma abanyeshuri umwe umwe.

1. 2. 1. Inyunguramagambo

Intango: ikibindi kinini bashyiragamo inzoga.

Impamba: ifunguro umuntu yitwaza ari ku rugendo

1. 2. 2. Kumva umwandiko

Ni nde wanditse uyu mwandiko?

Rugamba Sipiriyani

Yatakaga nde?

Yarataga umukunzi we.

IGICE CYA KABIRI: UBURYO BW'INSHINGA ITONDAGUYE.

Intego zihariye: kugaragaza uburyo inshinga itondaguyemo.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu

1. Isubiramo

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko “Intango iteruye ababiri”

2. Uburyo bw'inshinga itondaguye

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri bagaragaza uburyo bw'inshinga itondaguye buri mu mwandiko no kuvuga uturango twa buri nshinga itondaguye.

Ingero: inshingo itondagurwa mu muryo bunyuranye aribwo: ikirango, integeko, ikikombero, inyifurizo, inziganyo n'insano.

Indango:

Ikirango: ni uburyo buvuga igikorwa cyangwa imimerere by'ihame

Urugero: imbatura ivura ibisebe (ikirango gisanzwe)

Mpa ibyo nteka. (ikirango gisobanura)

Ibiti nasa birakomeye (ikirango gisobanura)

Mbonye bafite impapuro (ikirango cyunga)

Integeko: ni uburyo bakoreshamo inshinga ivuga itegeko, ryaba rivuye kuri nyakuvuga cyangwa kuri nyakuvugwa.

Urugero: niinkore kugirango nshimwe

Tara ibi bitoki.

Atare ibi bitoki

Ikigombero: kivuga igikorwa kigendera ku kindi kikagira inshoza y'inkurikizi cyangwa y'ikifuza.

Urugero: uzasya mvome

Kabyare uheke.

Inyifurizo: ivuga icyo umuntu yiyifuriza, icyo yifuriza nyakubwirwa cyangwa nyakuvugwa.

Urugero: woo kabyara we

Kagire inka

Inziganyo: ivuga ukuntu igikorwa cyangwa imimerere bishingira ku kindi kintu kugirango bishoboke.

Urugero: nibaza ndataha

Nzaguhemba nibizatungana.

Insano: ijambo rishingiye ku nyibutsanteko, ijambo ry'ikinyazina ku muzi cyangwa ku ntima no ku musozo w'inshinga. Isobanura ijambo kandi ikisanisha naryo.

Urugero: so wowe ubishinzwe

Uwiba ahetse aba abwiriza uwo ahetse.

3. Umwitozo

- Mwarimu aha abanyeshuri interuro bagakuramo inshinga, bakagaragaza uburyo zitondaguyemo n'aturango twazo.

ICYUMWERU CYA GATANU

ICYIGWA: INDIRIMBO

Intego zihariye: gutahura uturango tw'ikeshamvugo mu ndirimbo

Kubwira abandi ibyo yafashe mu mutwe adategwa kandi agaragaza isesekaza.

Imfashanyigisho:

ICYIGISHO CYA MBERE: INDIRIMBO “NTUMPEHO”

NTUMPEHO

Ni mucyo twambare, twambarire

Kuba imena.

Jyewe ubu nahisemo, nzatwaza ngana imbere.

Nushaka unkurikire, mu runana

Rw'imihigo,

Turishinge turahire, yuko

Tuzahora

Dukunda ibyiza: Ubutabera n'amahoro

Urukundo n'ubupfura; ubukire

Bwanga ibyo ndabugaya

Ntumpeho

1. Nuteranya abuzuye,

Ubwo uratata nturi imfura.

Niba uhora utanya amoko

Ngo abantu bamashane,

Nusumbanya n'uturere

Uribagire wifashe,

Ntumpeho.

2. Niba utunzwe na ruswa

Ukura mu baturage,

Niba useka uwabuze hirya,

Akabura no hino,

Niba uneguza amazuru

Ukazura umugara,

Ntumpeho

3. Niba ishyari rikuzonga

Ugatera urubwa ukize,

Ugashengurwa n'agahinda

Iyo ubonye abahiriwe,

Urwo rutoke uhonda urundi

Rubuze mo ubupfura

Ntumpeho.

4. Niba unebwa ntukore

Ngo uzatungwa no gusaba,

Niba unyereza ibyo ushinzwe,

Ngo ubwo urirwanaho,

Urateshuka inzira y'intore.

Ubwo uri umunyoni mubi,

Ntumpeho.

5. Niba ushinzwe imbaga,

Ukikundira mo bamwe,

Uwakugabiye ntumukunda

Uramugambanira.

Uraca uduco kandi ashaka

Ko ureba udasumbanya,

Ntumpeho.

6. Niba uri umukobwa

Ukishinga abagushuka,

Niba se uri umuhungu

Ugashirira mu maraha,

Urasenya urwo wari gushinga

Ugashengera utambaye,

Ntumpeho.

7. Umuco mwiza wa kureze,

Ntugatume udindira.

Muby'abandi jya utora ibyiza,

Ibifutamyeye ujugunye.

Niba urabukwa iby'abandi

Ugata n'urwo wambaye

Ntumpeho.

1. Ivumburamatsiko

- Mwarimu abaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku ndirimbo.

Iyo udashaka ko umuntu aguha ku byo afite umubwira ngo iki?

Ntumpeho

2. Gusoma

2. 1. Gusoma bucece.

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma indirimbo bucece.

Ni iki umuhanzi yahisemo?

Gutwaza agana imbere.

Ni iki umuhanzi yamagana bwa mbere?

Guteranya

2. 2. Gusoma baranguruye.

Mwarimu asomera abanyeshuri indirimbo nyuma abanyeshuri bagasoma umwe umwe.

2. 2. 1. *inyunguramagambo*

- Mwarimu afatanyije a'abanyeshuri basobanura amagambo mashya ari mu ndirimbo.

Ruswa: ni ikintu uha umuntu kugirango aguhe icyo wari ufitiye uburenganzi nta kiguzi.

Ishyari: ni imitekerereze mibi umuntu agirira mugenzi we ivuye ku ntambwe yateye.

2. 2. 2. *Kumva indirimbo*

Ni ibihe bintu umuhanzi yamaganira kure?

Ishyari, ruswa, urwango, gutanya abakundana, gusesagura...

Ni iye nama ukuye muri iyi ndirimbo ?

Kutagirira mugenzi wawe ishyari

Kwanga ruswa no kudasesagura.

ICYIGISHO CYA KABIRI: UTURANGO TW 'IKESHAMVUGO NO GUFATA MU MUTWE INDIRIMBO.

Intego zihariye: gutahura uturango tw'ikeshamvugo mu ndirimbo

Kubwira abandi ibyo yafashe mu mutwe adategwa.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu

1. Isubiramo

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma indirimbo “Ntumpeho”

2. Uturango tw'ikeshamvugo.

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri bagaragaza uturango tw'ikeshamvugo turi mu ndirimbo.

Ingero: uturango tw'ikeshamvugo tw'indirimo harimo: irondora n' ireshyeshya mikarago.

3. Gufata mu mutwe indirimbo

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri baririmba indirimbo imikarago ku mikarago nyuma abanyeshuri bakayiririmba yose umwe umwe adategwa kandi agerageza gushyiramo isesekaza.

4. Umwitozo

- Mwarimu asaba abanyeshuri kuririmba indirimbo yose badategwa no kugaragaza uturango tw'ikeshamvugo turi mu ndirimbo.

Ni utuhe turango tw'ikeshamvugo turi mu ndirimbo Ntumpeho?

ICYIGISHO CYA GATATU: IBINYAZINA MBAZIRIZA NA MPAMAGAZI

Intego zihariye: gutahura ibinyazina mu mwandiko

Kurondora amoko y'ibinyazina

Kwerekana amategeko y'igenamajwi akoreshwa mu binyazina.

Imfashanyigisho:

IGICE CYA MBERE: UMWANDIKO “INAMA ZA NYIRAMUBYEYI”

INAMA ZA NYIRAMUBYEYI

Nyiramubyeyi ni nyina wa Kayitare. Abonye umwana we yimukiye mu mwaka wa gatandatu, yakundaga kumugira inama cyane. Igihe yari asubiye ku ishuri yaramubwiye, ati: “mwana wanjye rero, icyo nshaka n’uko watsinda, kuko uwo uzaheka ntumwisha urume. Icyo utazi kandi ubona ko kikugoye, uge ukibaza.”

Mu nama ze nyinshi yakundaga gutanga, yaba aganira n’umuhungu we, cyangwa se n’abandi, yakundaga gukoresha imvugo ijimije. Niko yabigenjereje umukobwa w’umuturanyi we amaze kuva mu ishuri atarangije kwiga ubwo yari amaze gutwara inda. Barahuye aramubwira, ati: “Ntaacyo bitwaye irabanza icyo nakoze igaheruka, ubonye inama z’ababyeyi bawe warezeho? Ntureba icyo uvanyemo se?” Umukobwa aramusubiza, ati: “wivunika uvuga menshi wa mubyeyi we, ibyo ubona byambayeho bikwiriye kubera abandi isomo!”

Hashize iminsi itari mike, ajya gusura wa mukobwa yakundaga kuganiriza cyane, ageze yo asanga nyina yicaye ku muryango w’igikoni, niko kumubaza, ati: “ko Umwana wanyu nta we mbona aho yaba abarizwa mu bwatsi bw’ino ahangaha?”

Undi nawe n’agahinda kenshi, ati: “yoo, ese ubwo ntuzi ibyamubayeho? Abo ujya wumva bagirwaho ingaruka n’imyitwarire mibi nk’iye nibyo byamubayeho, yagerageje gukuramo inda none byamuguye nabi. Dore amaze iminsi itatu mu bitaro.” Yemwe bakobwa bokowe! Iyo isi iza kuba nziza, ibi byose ntibiba byarabaye. Mwa babyeyi mwe, isi irashaje.

Mwa basore n’inkumi mwe, nimwe Rwanda rw’ubu n’ejo, nimwe kandi ruteze amaso. None mwa mfura mwe, ndifuzako ejo h’urwatubyaye haba heza mubigizemo uruhare mukomera kundangagaciro z’umwari ubereye urwanda, ndetse namwe mwa basore mwe, musorekere gukomeza inkingi rwegamiye, bityo niba mwiga muri mu ishuri, muzirikane ko ari mwe mufite ejo heza h’igihugu cyacu.

1. Ivumburamatsiko

- Mwarimu abaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku mwandiko.

Ni nde ugira inama abana?

Ni ababyeyi babo ?

2. Gusoma

2. 1. Gusoma bucece

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko

Nyiramubyeyi yari nyina wa nde?

Wa Kayitare

2. 2. Gusoma baranguruye

- Mwarimu asomera abanyeshuri nyuma abanyeshuri bagasoma umwe umwe.

2. 2. 1. Inyunguramagambo

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri basobanura amagambo mashya ari mu mwandiko

Ijimije: itumvikana.

2. 2. 2. Kumva umwandiko

Ni izihe nama Nyiramubyeyi yagiriye umwana we?

Mwana wanjye rero, icyo nshaka n'uko watsinda, kuko uwo uzaheka ntumwisha urume. Icyo utazi kandi ubona ko kikugoye, uge ukibaza. ”

Mu nama nyinshi Nyiramubyeyi yatangaga yakundaga gukoresha iyihe mvugo?

Yakoreshaga imvugo ijimije

IGICE CYA KABIRI: IBINYAZINA MBAZIRIZA NA MPAMAGAZI

1. Isubiramo

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wa “Inama za Nyiramubyeyi”

2. Ibinyazina mbaziriza no kubisesengura.

- Mwarimu afatanya n’abanyeshuri kugaragaza ibinyazina mbanziriza biri mu mwandiko bakanabisesengura.

Ingero: ikinyazina mbaziriza gisimbura ijamba ribereye icyuzuzo inshinga iri mu nsobanuzi.

Urugero: icyô nshaka ni udutsinda. Icyô: ki-ô

Uwô uzaheka ntumwisha urume. Uwo: u-u-o

3. Ibinyazina mpaamagazi no kubisesengura.

Ikinyazina mpaamagazi gituma igihamagarwa cyumva ko bashaka ko cyiza cyangwa ko kibanga amatwi bakakibwira.

Urugero: waa mugabo we. Waa: u-aa

Mwaa biti mwe nzabatema mbabaze. Mwaa: mu-aa.

4. Umwitozo

- Mwarimu aha abanyeshuri interuro bagashakamo ibinyazina bakanabisesengura.

Shaka ibinyazina biri muri izi nteruro unabisesengure.

1. Mwaa banyeshuri mwe ni muze dukine.
2. Uwô nashakaga araje.
3. Icyô umutima ushaka amata aguranwa itabi.
4. Waa mukinnyi we ndakwemera.

ICYUMWERU CYA GATANDATU.

ICYIGWA: AMATANGAZO.

Intego zihariye: gutara ubwoko bw'umwandiko

Kwerekana ibiranga itangazo

Kwandika itangazo

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu

ICYIGISHO CYA MBERE: UMWANDIKO « ITANGAZO RYO KURANDURA IVANGURA RIKORERWA ABAGORE »

ITANGAZO RYO KURANDURA IVANGURA RIKORERWA ABAGORE

Mu Kuboza 1993 inama rusange y'umuryangonw'abibumbye yemeye ishyirwaho mu bikorwa y'amasezerano yo kurwanya ivangura rikorerwa abagore nka kimwe mu bisubizo byo kurandura ivangura. Aya masezerano ashyigikira ko iyubahirizwa rusange ry'amahame agenga uburenganzira bw'umugore rishingira ku burunganire, ku mutekano, ubwisanzure, ubunyangamugayo n'agaciro k'ikiremwanuntu; ibi bikaba biri no mu yandi masezerano mpuzamahanga yabanjirije aya (CEDAW, UDHR)...

Aya masezerano yemera ko ihohoterwa iryo ari ryo ryose rikorerwa umugore ari ukubangamira ubwisanzure n'uburenganzira bw'ibanze bw'umugore; ibi bikaba ari inzitizi ku burunganire, amahoro n'iterambere.

Kwamagana ivangura rikorerwa abagore

Amasezerano mpuzamahanga yamagana ivangura rikorerwa abagore ashyira ahagaragara ibyo Leta zagombye kwibandaho mu gushimangira iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'umugore, hashyirwa imbere uburunganire bw'umugore n'umugabo hamwe n'uburenganzira umugore agenewe. Bimwe muri ibi bikorwa ni ibi bikurikira:

Gushora abagore mu buraya, kubacuruza no kubakoresha kugahato

Leta zigomba kurwanya icuruzwa, ikoresha ku gahato n'ishorwa mu buraya ry'abagore. (ingingo ya 6)

Ubuzima rusange n'ubwa politiki

Abagore bagomba kugira uburenganzira bwo gutora, kuyobora mu nzego za Leta, kugira uruhare mu byemezo bifatwa n'ubuyobozi, no kugira uruhare mu miryango itegamiye kuri Leta no mu

Uburezi

Abagore bafite uburenganzira bungana n'ubw'abagabo ku burezi (ingingo ya 10)

Ubuzima

Leta zigomba gukuraho ivangura ryose rikorerwa abagore mu buvuzi kugira ngo ibikorwa by'ubuvuzi bibagereho harimo n'iby kuringaniza imbyaro. (ingingo ya 12)

Amategeko

Leta zigomba guha abagabo n'abagore uburenganzira bungana imbere y'amategako ndetse ndetse no kurengerwa n'amategeko kimwe n'abagabo mu bindi bukorwa bisanzwe. (ingingo ya 15)

Gushyingiranwa

Abagore bagomba kuringanira n'abagabo mu bojyanye no gushyingiranwa no mumibanire mu muryango. Aha hakubiyemo uburenganzira bungana nk'ababyeyi ndetse no mugihe cyo gushyingiranwa (ingingo ya 16)

Aya masezerano agizwe n'ingingo eshatu zisobanura ihohoterwa rikorerwa abagore, zerekana uburenganzira n'ubwisanzure umugore agenewe nk'uko byakunze kugarukwaho mo masezerano mpuzamahanga menshi, ndetse zikanatanga bimwe mubyo Leta zakwifashisha nk'ibisubizo mu kurwanya ivangura rikorerwa abagore.

Never Again- Rwanda

1. Ivumburamatsiko

- Mwarimu abaza abanyeshuri utubazo tunganisha ku mwandiko cyangwa itangazo ryo mu kinyamakuru runaka.

Iyo umuntu yataye ibyangobwa ashobora gukora iki ngo abibone ?

Ashobora gutanga itangazo ku nsakazamajwi.

2. Gusoma**2. 1. Gusoma bucece**

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma bucece itangazo

Iri tangazo riravuga kuki?

Ku kurwanya ihohoterwa rikorerwa abagore.

2. 2. Gusoma baranguruye

- Mwarimu asomera abanyeshuri itangazo nyuma abanyeshuri bagasoma umwe umwe.

2. 2. 1. Inyunguramagambo

Kurandura: guca burundu.

Uburaya: umwuga w'ubusambanyi.

2. 2. 2. Kumva itangazo

Ni ibiki leta zigomba kurwanya mu kurandura ihohoterwa rikorewa abagore?

Guca akarengane ako ariko kose gakorerwa umugore

Kwamagana ibikorwa bibi bikorerwa abagore

3. Ibiranga itangazo

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri bagaragaza ibiranga itangazo.

Muri rusange hakurikijwe ubwoko bw'itangazo, Itangazo rirangwa nibi bikurikira: nyiramukurura, umurasi, nyakugenerwa, ikirango, igitangazamakuru, indatwa, umwandiko nyamukuru, umukono n'inyunganizi.

4. Kwandika itangazo.

- Mwarimu aha abanyeshuri insanganyamatsiko zitandukanye maze bakazandikaho itangazo.

5. Umwitozo

- Mwarimu aha abanyeshuri ibibazo ku biranga itangazo ndetse bakanandika itangazo.

Ni ibihe bintu biranga itangazo muri rusange?

Andika itangazo rikangurira urubyiruko kwipimisha agakoko gatera SIDA.

ICYIGISHO CYA KABIRI: UTUREMAJAMBO TW'INSHINGA ITONDAGUYE.

Intego zihariye: kwerekana uturemajambo tw'inshinga itondaguye

Kuvuga imimaro y'uturemajambo tw'inshinga.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu

IGICE CYA MBERE: UMWANDIKO “IGISIGO CYA SEKARAMA KA MPUMBA”

SEKARAMA ASABA SEBAGANGALI UMWAMBARO

Igisigo cya Sekarama ka Mpumba

Gahorane Imana Sebagangali!

Nsobanura n'ibitabu byanjye Nkenyera bikanga:

Sinzi guhanjura, byangoye!

Dore uwo nkenyeye urantana nk'izishoka,

Ndawufata ukaba ishingwe,

Nawukoza intoki ngo nywukindikize,

Ukanga ukantamaza!

Ndawushyira ku kitako ntunkundire,

Nagerageza ibyo kuwifubika,

Nkabona utabutse handi hatatu!

Nywambaye nk'abana

Bamwe batagira ubambika, ndakakwambura!

Alika nta we unseka naragowe:

Amagorwa sinayizaniye arasanze mu bagabo!

None ndasumbilijwe, mvuna nkibyuka:

Umbonere uwa none noye guhora nsekwa n'abaturanyi,

Ngo ndusha rubanda gutira!

Na wa muturanyi Kimonyo yansezereye nkibyuka,

Ati: “Sinkwishingiye si jye shobuja,
 Niba Sebagangali atagushaka
 Urigumire mu kirago cyawe!”
 Rero Mpinga y’ubuhoro sinkiwuzindukana
 Ngo ndushye nywurengana impinga:
 Ndatambuka ugahinduka imishumi,
 Nanga kwiha ibiseko nkisutamira mu nzu!
 None Sebagangali nyambika noye kwambukirwa:
 Ndi mukuru nkaba umwambali wo kwa so, kwa Yuhi!
 Windeba undenza ingohe,
 Kandi uhora uhabwa umushahara!
 Yawumpaye ali umwe ndahakana!
 Nti: “Sebagangali wumpe uko wawutuwe,
 Ntugutera ubukene!
 Ntulibube utubije imvuba yawe!”

Iyo Wiriwe Nta Rungu Pp79-80 Alexis Kagame

1. Ivumburamatsiko

- Mwarimu abaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku mwandiko.

Ni iki abana bakunda gusaba ababyeyi iyo bari kwitegura iminsi mikuru runaka?

Imyambaro, gutembera, kujya gusura bene wabo, . .

2. Gusoma umwandiko

2. 1. Gusoma bucece

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece.

Icyi gisigo ni icyande?

Sekarama ka Mpumba.

2. 2. Gusoma baranguruye

- Mwarimu asomera abanyeshuri umwandiko, nyuma abanyeshuri bagasoma umwe umwe.

2. 2. 1. Inyunguramagambo

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri basobanura amagambo mashya ari mu mwandiko

Ibitabu: umwenda ucitse.

Gusutama: kwicara ntushyitse ikibuno hasi.

2. 2. 2. Kumva umwandiko

Sekarama yasabaga iki ?

Yasabaga umwambaro

Yasabaga nde ?

Sebagangari

IGICE CYA KABIRI: UTUREMAJAMBO TW'INSHINGA ITONGAGUYE

1. Isubiramo

- Mwarimun asaba abanyeshuri gusoma umwandiko «Sekarama asaba Sebagangari umwambaro»

2. Uturemajambo tw'inshinga itondaguye

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri bagaragaza uturemajambo tw'inshinga itondaguye ndetse n'umumaro watwo.

Ingero. Nsobanura n'ibitabu byanjye.

Intego mbonera y'inshinga itondaguye ni: indanganteko, umuzi n'umusozo

Nsobanura:n-soban-ur-a

n-: indanganteko

-soban-: umuzi

-ur-: ingereka ngirura

-a:umusozo.

3. Umwitozo

- Mwarimu aha abanyeshuri interuro zirima inshinga maze bakagaragaza uturenajembo twayo.

1. Karoli arasoroma icyayi
2. Mvuye kuvoma
3. Murye, munywe byose ni mwe biteganyirijwe.
4. Nkisutamira mu nzu

ICYUMWERU CYA KARINDWI

ICYIGWA: AMATEGEKO Y'IGENAMAJWI.

Intego zihariye: gusesengura inshinga

Kugaragaza amategeko y'igenamajwi akora mu nshinga.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu

1. Isumiramo

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko “Sekarama asaba Sebagangari umwambaro”

Gutanga ingero z'inshinga itandaguye.

Urugero: Karisa ararya ibijumba

Ndakina umupira nimugoroba.

2. Gusesengura inshinga n'amategeko y'igenamajwi akoreshwa.

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri basesengura inshinga bakagaragaza n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe.

Ingero:

Kayirenze: ka-yi-reng-ye; $g+y+=z$

Yakoze: a-a-kor-ye; a y/-j

Yunamuye: i-u-nam-ur-ye; i y/-j: $r+y=y$;

3. Umwitozo

- Mwarimu aha abanyeshuri inshinga zitandukanye bakazisesengura bagaragaza n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe.

Sesengura inshinga ziri mu mwandiko wa Sekarama asaba Sebagangari umwambaro ugaragaze n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe.

ICYUMWERU CYA MUNANI

ICYIGWA: UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE

Intego zihariye: kugaragaza uburyo bwo guharanira uburinganira n'ubwuzuzanye

Kugaragaza akamaro k'uburinganire n'ubwuzuzanye mu iterambere.

Imfashanyigishi: Igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu

ICYIGISHO CYA MBERE: UMWANDIKO “UBURINGANIRE N’UBWUZUZANYE”

UBURINGANIRE N’UBWUZUZANYE

“Ihohoterwa rikorewe abagore ni ukurenga ku mahame y’uburinganire mu burenganzira no kubahwa kw’agaciro ka muntu.”

CEDAW

Amasezerano mpuzamahanga yemeza ko abantu bose nk’ibiremwa bashesya kandi bafite uburenganzira n’ubwisanzure bungana n’ubwo hari abagikomeje kubyirengagiza bagatsikamira ubw’abandi. Umuryango w’abibumbye n’indi miryangompuzamahanga yaje gusanga abagore n’abana bibasirwa cyane n’ihohoterwa ry’uburenganzira bw’ikiremhamuntu akaba ari no kubw’iyo mpamvu hashyizweho amasezerano adasazwe arengera uburenganzira bwabo.

Komisiyo y’imibereho y’abagore, [*the commission on the status of women (csw)*] ni rumwe mu nzego mpuzamahanga z’ibanze zishyiraho za politike zijyanye n’ubwuzuzanye (gender) ndetse n’iterambere ryabogore. Uru rwego rwemerewe kugira inama nkuru y’umuryango w’abibumbye ishinze ubukungu z’uburyo uburenganzira bw’abagore bwatezwa imbere munzego z’uburezi, iza politike n’izindi hamwe nuburyo ibibazo by’ingutu biterwa n’ihungabanywa ryuburenganzira bw’umugore byakemurwa.

Buri mwaka abahagarariye leta baburira New York ku kicaro gikuru cy’umuryango w’abibumbye kugirango barebere hamwe intabwe iterambere ry’ubwuzuzanye (gender) rimaze kugeraho, ibibazo birimo, ingamba na politikebyafasha mu guteza imbere ubwuzuzanye (gender) n’iterambere ry’umugore muri rusange.

Iyi komisiyo (ECOSOC) ifite ishingano yo gushimangira ihame ry’uko abagabo n’abagore bafite uburenganzira bungana yashyizweho muri Gashyantare 1946 nk’imwe mu dushami tugize komisiyo y’uburenganzira bw’ikiremhamuntu. Mu mpera z’uwo mwaka ni bwo iyo komisiyo yahinduriwe imirimo ihabwa inshingano zo kwita kuburenganzira bw’abagore gusa no guteza imbere uburenganzira bwabo; ibi byabaye nyuma y’uko abagore bari munzego z’ubuyobozi basanze aringobwa ko abagore bagira komisiyo yihariye ibagenewe.

Ni nabwo yahinduriwe izina yitwa komisiyo ku mibero y'abagore, “The Commission of Status of Women” (CSW)

Uburenganzira kuri politike ni imwe mushingano z'ibanze z'iyikomisiyo. Mu 1946 ibihugu 25 muri 51 byari bigize umuryango w'abibumbye icyo gihe nibyo byemereye abagore uburenganzira bungana n'ubw'abagabo mu gutora, gusa ibi ntibyubahirijwe uko bikwiriye. Ni ku bw'iyi mpamvu mu 1952 iyikomisiyo yashyize ahagaragara inyandiko ku masezerano y'uburenganzira bwabagore kuri politiki.

Iyi nyandiko ivuga ko abagore bafite uburenganzira bwo kwitabira amatora ayo ariyo yose, gutorwa, no guharanira urwego runaka rw'ubuyobozi kimwe n'abagabo.

Kuva iyo komisiyo yashyirwaho, yahise itangiza ibikorwa byo gusohora karwego mpuzamahanga inyandiko zitandukanye zigamije kubungabunga no guharanira iyubahirizwa ry'uburenganzirabw'umugore. N'ubwo hari hasazwe izindi nyandiko zivuga kuburenganzira bw'ikiremwa muntu, izi nyandiko ku burenganzira bw'umugore zaje ari nk'inyunganizi kugirango inzego zikunze kugaragaramo ihungabanywa ry'uburenganzira bw'umugore zikosorwe.

Never Again- Rwanda

1. Ivumburamatsiko

- Mwarimu abaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku mwandiko.

Guhohotera umugore biremewe mu Rwanda?

Oya?

Ese hari imirimo igenewe abagore cyangwa abagabo gusa?

Oya?

2. Gusoma

2. 1. Gusoma bucece

- Mwarimu asba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko

Guhohotera abagore ni iki?

Ukurenga ku mahame y'uburinganire mu burenganzira no kubahwa kw'agaciro ka muntu.
”

2. 2. Gusoma baranguruye

- Mwarimu asomera abanyeshuri umwandiko nyuma abanyeshuri bagasoma umwe umwe.

2. 2. 1. Inyunguramagambo

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri basobanura amagambo mashya ari mu mwandiko

Uburinganire: ukungana mu mategeko k'umugabo n'umugore

Ubwuzuzanye: ubufatanye

2. 2. 2. Kumva umwandiko

Amasezerano mpuzamahanga yemeza iki ?

Yemeza ko abantu bose nk'ibiremwa bashesya kandi bafite uburenganzira n'ubwisanzure bungana

Vuga uburenganzira abagore bagomba kugira mu rwego rwa politiki ?

Uburenganzira bwo gutora no gutorwa.

3. Akamaro k'uburinganire mu iterambere

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri bagaragaza akamaro k'uburinganire mu iterambere.

Ingero: Uburinganire bufite akamaro kanini mu iterambere, twavugamo:

Kujya mu nzego zifata ibyemezo.

Iterambere ry'umuryango

Kujijuka kw'abari n'abategarugori.

Uburezi bufite ireme

Iterambere ry'igihugu.

4. Umwitozo

- Mwarimu abaza ibibazo ku mumaro w'uburinganire mu iterambere.

Ni akahe kamaro k'umuringanire mu iterambere ry'uturere mutuyemo?

ICYIGISHO CYA KABIRI: IBINYAZINA NDAFUTURA N'IKINYAZINA KIBAZA.

Intego zihariye: gutahura ibinyazina mu mwandiko

Kurondora amoko y'ibinyazina

Gusesengura ibinyazina

Kwerekana amategeko y'igenamajwi.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu

1. Ivumburamatsiko

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko ukurikira.

Interuro nyarwanda

Ingona ziryamba bamwe abandi bambuka

Uri umuntu wundi ndakumenye

Abandi bana bagira amahirwe

Abandi Imana yabahaye peterori, ibaha zahabu na diyama

Ni ikihe gihugu kindi cyamera nk'u Rwanda?

Ufite amafaranga angaha ngo ungurize?

Iyi modoka se yo iragana he?

Ni izihe ngamba ngo duce umuco wo kudahana?

Wangira iyihe nama ngo nzatsinde neza ikizamini gisoza amashuri yisumbuye

- Mwarimu asaba abanyeshuri gutahura ibinyazina biri muri aka kandiko

Ingero: uri umuntu wundi ndakumenye

Iyi modoka se yo iragana he?

Ufite amafaranga angahe ngo ungurize?

2. Gusesengura ibinyazina ndafutura n'ikinyazina kibaza.

- Mwarimu afatanyije nabanyeshuri basesengura ibinyazina ndafutura ndetse n'ikinyazina kibaza

Ikinyazinda ndafutura: gifite inyito 2 zigenzi: ubwa mbere kivuga ikintu gitandukanye n'icyo bamaze kuvuga, ubwa kabiri kikavuga ikiyongereye ku kindi cyangwa ku bindi.

Uri umuntu wundi ndakumenye. Wundi: u-u-ndi

Ni ikihe gihugu kindi cyamera nk'u Rwanda. Kindi: ki-ndi

Ikinyazina kibaza: giherekeza cyangwa kigasimbura ijamba ushaka kumenyera ibisobanuro, ku cyo rivuga, ku cyo ari cyo, ku ngano yacyo cyangwa ku karere kirimo.

Ingero: Ni ikihe gihugu kindi cyamera nk'u Rwanda. Ikihe: i-ki-he

Iyi modoka se yo iragana he? He: -he.

Ni izihe ngamba ngo duce umuco wo kudahana? Izihe: i-zi-he

3. Umwitozo

Mwarimu abaza abanyeshuri gushaka ibinyazina biri mu mwandiko bakanabisesengura.

Erekana ibinyazina byose biri mu mwandiko unabisesengure.

ICYIGISHO CYA GATATU: IBITEKEREZO BY'INGABO

Intego zihariye: kuvuga ibiranga igitekerezo cy'ingabo

Gutahura ingingo z'umuco n'amateka ziri mu gitekerezo cy'ingabo

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu

IGICE CYA MBERE: IGITEKEREZO CY'INGABO

IMVANO Y'IZINA “INGANGURARUGO”

Izina “*Ingangurarugo*” ryakomotse ku matwara y'abana babyirukanye na Sezisoni nawe akiri umwana muto. Ubwo abana b'abatutsi n'ab'abahutu babaga mu rugo rwa nyirakuru Nyiramavugo Nyiramongi baramukeje ngo abahake. Bageraga nko kuri mirongo itatu, barimo Bisangwa bya Rugombituri wareranwe na Sezisoni kwa Rwogera, bakabamo na Mugugu wa Shumbusho. Abo bombi nibo baje kugira ubutoni bw'akadasohoka kuri Rwabugili, rubanda bakurizaho kubyita urutwe rwa Bisangwa na Mugugu, aribyo kuvuga uburinganire mu butoni cyangwa urukundo rureshyeshya ababiri.

Nuko Sezisoni ahimbazwa n'abo bana arabahaka, abahakisha inka z'ibyondo. Bakaziragira mu buryo bwabo, bakazibyagiza, bakajya kumasha uruti n'intembe, bakarasa imbeba n'inyoni n'ibindi. Uko bamasha uko abahungu b'ibwami babitegareza bakabatangarira. Ni bwo rimwe uwitwa Sakufi yabyatuye mu gitaramo abogereza Rwogera, araterura, ati: “hariya hari abana babana na Sezisoni ariko bazi kurasa bitari nk'iby'abandi bana, bandi, aho bazakurira, bitege!” Rwogera arabyumva aribika mu mutima.

Biba aho, abana bajya kwa Rwogera bakumva abakuru birahira Rwogera nab a shebuja. Rimwe Bisangwa abaza Sezisoni, ati: “mbese ko abandi birahira, ba shebuja ngo babahaye inka, twebwe ko turi abahange bawe tuzakwirahira ryari?” Abakuru bumvise iyo mvugo, bati: “muzamwirahira yabonye inka zo kubagabira.” Rwogera n'abahungu baraseka. Abana bageze kwa Nyiramavugo, babaza Sezisoni bati: “ko bavuga ngo tuzakwirahira watugabiye, inka uzatugabira zizava hehe?” Undi, ati: “nzazisaba abatware ba data nzibahe.”

Ubwo ajyana nabo kwa Nyilimigabo. Agezeyo aramubwira, ati: “nzanwe no kugusaba inka zo kwihera abagaragu banjye.” Nyilimigabo amuha inyana z’ubushyo. Sezisoni azigabiye abo bagaragu be ntizabakwira. Abwira abazibuze, ati: “na mwe nzabasabira Rwogera izanyu.” Abana barashega, bati: “jya kuzimusaba uyu munsu natwe uutugabire.” Sezisoni ajya kwa se, ati: “nje kugusaba inka zo kwihera abagaragu kuko izo Nyilimigabo yampaye zitabakwiye.”

Rwogera asubiza Sezisoni, ati: “sinabonye ufite inka nyinshi! Wabagabiye mu zawe se?” Ubwo yamubwiraga zazindi z’ibyondo abana babumbaga. Sezisoni arahora agenda arakaya n’abahange be. Ageze imuhira arega Rwogera kuri nyirakuru Nyiramavugo, ati: “ubonye Rwogera ngo musabe inka zo kwihera abagaragu, maze ambwire ngo nimbagabire iz’ibyondo?” Nyiramavugo, ati: “reka aho mwana wanjye nzakwihera izawe ubagabire.”

Hagati aho Rwogera ajya ku karubanda asanga abahungu aho bakina: bamwe batera inguta abandi basimbuka inkiramende, abandi nabo barasana impuru. Abibonye bimwibutsa ba bana babana na Sezisoni arabahamagaza. Baraza n’uduheto twabo. Abategeka gufura. Bose bafora neza barabishimwa. Bashingira uruti baramasha. Baruhamya bese bitangaza abakuru. Batera imyambi, na bwo barabishimirwa. Bigeze mu mashoka, Rwogera ajya iwe mu rugo ahamagaza inzoga aha abahungu, abana babazanira ikigage baranywa. Mu gihe bakinywa, abana bahangama Rwogera, bati: “tubwire igihe uzahera Sezisoni inka azatugabire natwe tujye tumwirahira.” Rwogera arabihorera.

Abahungu, bati: “mbese ko bakubaza ntusubize biragenda bite?” Undi, ati: “nabonye ari abakogoto bararebe uwo batera bamunyage!” Abana barita mu gutwi barahora. Barashyira barataha. Bageze kwa Murorunkwere nyina wa Sezisoni baramubaza, bati: “ko Rwogera atubwiye ngo turebe aho inka ziri tuhatere tuzinyage, none ntaho waturangira?” Murorunkwere, ati: “nimujye I Ndorwa niho haba inka nyinshi.” Baravugana, bati: “kandi ga koko muraze tujyeyo.”

Barigendera bajya kurasa imbeba. Bugorobye barahindura. Mu mahindura, umwe muri bo arababwira, ati: “basha! Muraze dutere intarama za Rwogera tuzinyage tutagombye kujya I Ndorwa!” Imigambi barayinoza. Sezisoni abwira Nyiramavugo, ati: “ngiye gutera Rwogera munyage inka nabonye iwe!” Umugabekazi yumvise ayo magambo aramusetse, ati: “genda umutere.” Ubwo atuma kuri Rwogera, ati: “witegure Sezisoni araguteye n’ingabo ze.” Babigira ibitwenge by’amadago.

Mugihe bakibirimo, iza Sezisoni ziba zigeze ku karubanda ibyivugo zibivaho. Imyambi zirayirekera. Ibwami, bati: “karabaye!” abana biroha mu ntarama barazishorera. Abashumba barajumarirwa birabayobora, ibwami biba urujijo n’ibisetso, bati: “izi nangurarugo tuzicyitse dute?” Rwohera agiye kubarakarira, abahungu bati: “wirakara niwowe warayw ubabwiye ngo aho bazabona inka bazazinyage!” Arabatumiza n’inka banyaze arababaza ati “kunyagira inka hari umwenda mbabamo cyangwa se mwarampatse?” Barahora. Arababwira, ati: “cyo nimurekere aho nigure.” Abaha inka zibakwiriye, barataha, izasagutse azirekera Sezisoni. Noneho abari aho, bati: “ni ingabo nk’izindi muzishakire izina!” Bamwe, bati “ntarindi ritari “Ingangurarugo” kuko ntawundi wahangaye kugangura urugo rw’ ibwami (kurutera intugunda).” Nuko izina rifata ubwo rirahama. Aho Rwabugiri amariye kwima ingoma, indi mitwe y’ingabo baremye ikaza isanga uw’ingangura rugo babyirukanye, baba batyo umutwe w’umurangangoma ya Rwabugiri.

1. Ivumburamatsiko

- Mwarimu abaza ibibazo biganisha ku gitekerezo cy’ingabo.

Ibiribwa rusange bitunga abaturage babyita iki?

Babyota ingangurarugo.

2. Gusoma

2. 1. Gusoma bucece

- Mwarimu asaba gusoma igitekerezo cy’ingabo

Ni abahe bantu bavugwa muri iki gisigo ?

Sezisoni, Nyiramavugo, Rwohera, ...

2. 2. Gusoma baranguruye.

- Mwarimu asomera abanyeshuri igitekerezo cy’ingabo nyuma abanyeshuri bagasoma baranguruye umwe umwe.

2. 2. 1. Inyunguramagambo

- Mwarimu afatanyije n’abanyeshuri basobanura amagambo mashya ari mu mwandiko.

2. 2. 2. Kumva igitekerezo

Izina Ingangurarugo ryakomotse he ?

Ryakomotse ku matwara y'abana babyirukanye na Sezisoni nawe akiri umwana muto.

Abana bageze kwa Nyiramavugo babajije iki Sezisoni ?

Baramubajije bati « ko bavuga ngo tuzakwirahira watugabiye, inka uzatugabira zizava hehe? »

IGICE CYA KABIRI: IBIRANGA IGITEKEREZO CY'INGABO N'INGINGO Z'UMUCO N'AMATEKA ZIRI MU GITEKEREZO CY'INGABO.

1. Isubiramo

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma igitekerezo.

2. Ibiranga igitecyerezo cy'ingabo.

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri bagaragaraza ibiranga ibitekerezo by'ingabo.

Ingero: igitekerezo cy'ingabo ni ubuvanganzo buvuga uko urugamba rwagenze. Igiterekerezo cy'ingabo cyikaba kigaragazwa n'uduka twuje ikeshamvugo tudahindagurwa n'abakivuga, ibyivugo by'ingabo yavuze yirahira ku ntumbi, igice kivuga uko urugamba rwagenze mu magambo ya gihanga mbere yakoresheje.

3. Ingingo z'umuco n'amateka mu gitekerezo cy'ingabo.

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri bagaragaraza ingingo z'umuco n'amateka ziba mu gitekerezo cy'ingabo.

Ingero: ingingo z'umuco n'amateka byagaragaraga mu bitekerezo by'ingabo ni uruherekane rw'imvugo hagati y'abavuzi b'amakumu n'abatekereza b'i bwami, ingobo zagaragayeho ubutwari zaragabirwaga inka z'ubumanzi, ababaye ibigwari bagacibwa inka z'imirindi.

4. Umwitozo

- Mwarimu abaza abanyeshuri kugaragaza ibiranga itegitekerezo n'ingingo z'umuco n'amateka bibi mu gitekerezo cy'ingabo “Inkomoko y'izina Ingangurarugo”

IGIHEMBWE CYA GATATU

ICYUMWERU CYA MBERE

Icyigwa: SIDA

ICYIGISHO CYA MBERE: UMWANDIKO KURI SIDA.

Intego zihariye: kugaragaza uburyo bwo kwirinda Sida

Kugaragaza ingaruka za Sida ku muryango, ku gihungu no ku isi yose.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu

ICYIVUGO CY'UMWANZI- SIDA

SIDA ni uruhurirane rw'indwara zifata umuntu kubera ubugabanuke bw'abasirikari b'umubiri bwatewe n'uko aba yanduye agakoko kitwa (HIV). Aka gakoko rero niko kagera mu mubiri kagahangana n'abasirikare bawo kakabaca intege, umubiri ukazahara ntube ugishoboye kurwanya izindi ndwara.

Ako gakoko nta muti kagira nta n'urukingo, ntawe gatinya yaba mukuru yaba umwana, yaba umuzungu cyangwa umwirabura, isi yose karayihangayikishije; ariko by'umwihariko kakaba kiganje mu rubyiruko. SIDA yica nabi, yica urubozo, ntibabarira, itera ubukene mu miryango n'ibindi bibi byose nta na kimwe yasize inyuma. Hamaze kuboneka imiti igabanya ubukana ariko si iyivura. N'ubwo ari umwanzi w'abatuye isi muri rusange n'abanyarwanda by'umwihariko, tumaze kumenya ubugome bwayo byadutera gufata ingamba zo kuyirwanya no kuyirinda.

Ubugome bwa SIDA mu buryo burambuye tuburebe muri uyu muvanganzo:

ICYIVUGO CY'UMWANZI

Rutagira imbabazi

Rwa ntampuhwe

Ndi icumu ricura inkumbi

Abirekuye bakicika

5. Mbacisha ahatagira inzira

Inkumi nzihoza ku nkeke

Sinkengesha umusore unsanze

Ndamusanganira nkamutikura

N'ubwo yaba afite igituza

10. Iki gitengerana mo itoto

Ndatuza nkamwegera

Nkagiturubikamo igituntu

Icyari umuntu kikaba akantu,

Umusatsi ukaba nk'umunyereri

15. Umwaga akawurusha imbogo y'ishyamba

Umubiri yahoranye utemba itoto

Nkawutemagura nkawutobagura

Nkawuca amazi agahora aninda.

Izo numi nziza z'amaribori

20. Sinzitinya nizo mba nshaka

Iyo zikomanze ndakingura

Nti “kaze neza biryo bihiye.”

Nkabazimana ubugome bwanjye

Ubuzima bwabo nkabukiniraho

25. Ya “Mataye” n'aya matako

Bwa bwiza na bwa bwuzu

Bigahera nk'amahembe y'imbwa.

Uwo twanywanye simujya kure

Uwo nashyikiriye simurekura

30. Ndamuserereza agahangayika
 Nkamwica ahagaze agahungetwa
 Nkamwica urubozo nkamugaragura
 N'imiti wumva bitabaza
 Ni iy'akanya si iy'umwanya.
35. Erega si ku mubiri nibanda gusa!
 Njya no mubigega bahunitse
 Nkabapakuruza bakagurisha
 Utwo dutungo biyororeye
 N'udufaranga bizigamiye
40. Two kubarengera mu bihe bibi
 Bagatagaguza bakamaririza
 Ngo baravuzza ngo ni amarozi
 Dore ko burya ngo iby'abapfu
 Ari nabyo byitungira abapfumu.
45. Amateka yanjye hano mu Rwanda
 Ntimuyayobewe muranayazi
 Nabanje mu migi mbagira abanjye
 Ndabagigagura bishyira kera
 Burya ariko bo baciye akenge
50. Baje kumenya ko atari amarozi
 Bamfataniye n'iterambere
 Bamvumburira mu byuma

- Ibya njye mbonye byagaragaye
Nibwo nabyutse ngana mu byaro
55. Ibyana byabo ndabyararika
Izo nkumi zaho ndakumbagura
Abasore beza ndasenyagura
Ndetse n'ubyaye imbyaro nyinshi
Simutinyire ubwo busaza
60. Apfa kuba yarasaze ansanga
Dore ko kutantinya ari nabwo busazi
Busumba ubundi bwose muzi
Uwo ndetse n'undi nkawe
Ndabakusanya nkabegeranya
65. Nkabashyikiriza Data Rupfu
Kuko ariwe wanshinze iyo mirimo
Yo gushinyagurira abatantinya.
Impuhwe zanjye ni nke bikabije
Byakabaye atariko bimeze
70. Nakababariye zirya mpinja
Zinserukana aho ku isi.
Burya sizo nazo simbabeshya
Ni ba se cyangwa se ba nyina
Banyitaho bazinjugunyira.
75. Ubwo rero ibyo murabyumva

Ibyo kuzanga ngo zisubireyo

Naba ntatiye icyo gihango

Kimwe nahawe na Data Rupfu

Cyo kudapfobya ibiryo bihiye

80. Kaba akana banjugunyiye

Kaba agakuze kanyizaniye

Nzajya nshima ubugoryi bwako

Maze ngasame, ngasimbagize

Ngaseke, ngasekure, ngasige ubusembwa

85. Gasigare gasa n'agasazi.

Kamwe kihaze kakiyanga

Kamwe gasenga ibigirwamana

Kamwe gashaka no kwimanika

Imana yako ari Rusuferi

90. Dore ko iyo mu ijuru kayihunga

Kuko kahemutse bigayitse.

Jye ndakaze cyane ndusha imbwa iryana

Si njya ndyama mpora ndi maso

Intwaro zanjye mpora nzityaza

95. Zihoramo ubugi ijoro n'umunsi

Iyo zigushoreje ngusoye iwacu

Zirakubaga ukaba umurambo

Ukagana wesi buri segonda

Byananirana bagatega ibasi.

100. Ndi SIDA, ndi simusiga

Singenda buri buri

Buri muni ndararika

Ndi mwene Rupfu rubi

HINGABUGABO Gaspard

1. Ivumburamatsiko

- Mwarimu abaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku mwandiko.

Ni izihe ndwara zidakira muzi?

Kanseri, Sida,

2. Gusoma bucece

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma bucece

Sida ni iki ?

SIDA ni uruhurirane rw'indwara zifata umuntu kubera ubugabanuke bw'abasirikari b'umubiri bwatewe n'uko aba yanduye agakoko kitwa (HIV).

2.2. Gusoma baranguruye.

- Mwarimu asomera abanyeshuri nyuma abanyeshuri bagasoma umwe umwe.

2.2.1. Inyunguramagambo

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri basobanura amagambo mashya ari mu mwandiko.

2.2.2. Kumva umwandiko.

Ni izihe ngaruka za sida zigaragara mu mwandiko?

Ubukene, gutakaza ubuzima, imfubyi zitagira kirera, . .

Sida yandurirahe ?

Mu mibonano mpuzabitsina

Ni gute twakwirinda Sida.

Twirinda gukora imibinano mpuzabitsima idakingiye.

ICYIGISHO CYA KABIRI: IBINYAZINA NYAMUBARO NA MBONERANTEKO

Intego zihariye: gutahura ibinyazina mu mwandiko

Kurondora amoko y'ibinyazina

Gusesengura ibinyazina

Kugaragaza amategeko y'igenamajwi akoresha mu binyazina

Imfashanyigisho:

1. Isumiramo

➤ Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko ukurikira:

INTERURO Igice cya 1

Baa Yakobo bagiye kuvoma

Nabonye zaa Ruvakwaya eshatu zitwawe n'abazungu

Nawe ngo ni zaa magore!

Umwe anyaga imwe

Inka ndwi zirashotse

Abana barindwi batsinzwe

Imodoka ebyiri ziratambutse

Amashyiga atatu ashyigikira inkono neza

Abantu cumi na babiri nibo nabonye

Abajura bakubiswe inkoni eshatu mu gitondo, ku manywa eshanu naho nimugoroba bakubitwa esheshatu.

2. Ibinyazina nyamubaro na mboneranteko

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri kugaragaza ibinyazina biri mu mwandiko.

Ingero:

Inka ndwi zirashotse

Abana barindwi batsinzwe

Nawe ngo ni zaa magore!

Baa Yakobo bagiye kuvoma

3. Gusesengura ibinyazina nyamubaro na mboneranteko

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri basesengura ibinyazina nyamubaro na mboneranteko.

Ingero

inka ndwi: ndwi:

imodoka ebyiri: ebyiri:

Amacunga atatu yaraboze: atatu:

Baa yakobo bagiye kuvoma: baa

Nabo ngo ni zaa bagore. zaa:

4. Umwitozo

- Mwarimu abwira abanyeshuri gushaka ibinyazina byose biri mu mwandiko bakanabisesengura bagaragaza amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe.

ICYUMWERU CYA KABIRI

ICYIGWA: GUKUNDA IGIHUGU

Intego zihariye: kwerekana ingingo ziri mu mwandiko zigaragaza umuntu ukunda igihugu.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu

ICYIGISHO CYA MBERE: UMWANDIKO KU GUKUNDA IGIHUGU.

DUKUNDE IGIHUGU CYACU

[...] Mbere y'abakoloni u Rwanda rwari igihugu gitekanye gitegekwa n'abami. Ubuhamya bw'abantu banyuranye bari mu Rwanda muri icyo gihe bemeza ko abanyarwanda bari babanye neza. Iyo mibanire myiza hagati y'Abanyarwanda yatangiye guhinduka ubwo abakoloni batangiraga kurwinjiramo. Abadage nibo babanje gukoloniza u Rwanda, maze barutegeka ku buryo buziguye bifashishije Umwami n'abatware. Abadage baje gusimburwa n'ababiligi mu mwaka wa 1916. Ababiligi bakoresheje politike yo gucamo ibice abanyarwanda ngo babone uko babayobora kuko basanze abanyarwanda babanye neza. Iyo Politike yashingiye kukwerekana abanyarwanda ko barimo amoko atatu, abatutsi abahutu n'abatwa, ko kandi ngo bakomoka ahantu hatandukanye badafitanye isano namba. Iyi Politike y'ababiligi yagize ingaruka zo gutera urwikekwe n'urwango hagati y'abanyarwanda, kandi ababiligi nibo bagize uruhare runini mu guhirika ubutegetsi bw'umwami. Muri icyo gihe ubwo hirya no hino muri Afrika intero yari ugusaba ubwigenge, mu Rwanda ho Ababiligi bahisemo gushyigikira ishyamba rya Parmehutu bibasira abatutsi, baricwa, baratwikirwa, abandi bahungu igihugu mu gihe Parmehutu yo yavugaga ko ari impinduramatwara yo kwigobotora Ingoma ya Cyami. Inkubili yo gusaba ubwigenge yaje muri ako kajagali kari kavanzemo kuryanisha Abanyarwanda, bamwe babona ko ikibazo ari imiyoborere abandi babona ko hakenewe ubwigenge, ni bwo muri 61 habayeho kamarampaka, abanyarwanda batora repubulika, isimbura ingoma ya cyami. Tariki ya mbere Nyakanga 1962 Republika yahawe ubwigenge, ibendera ry'u Rwanda risimbura iry'u Bubiligi, Abanyarwanda bishyiriraho ubutegetsi bwabo ariko abari bahari icyo gihe, bati ubwo bwigenge, ntibwari bwuzuye kuko ababiligi bakomeje kuyoborera muri Kayibanda. Ubutegetsi bwa Kayibanda wari wasimbuye Mbonyumutwa utaramaze igihe ku butegetsi, ntacyo bwakemuye ku Banyarwanda bari bameneshejwe bagahungu igihugu cyabo kuva mu mvururu zo mu mwaka wa 1959. Uko abahunze bageragezaga kugaruka iwabo, kuva muri za 63, ni ko abatutsi batahunze bicwaga, bagatwikirwa, ku buryo nabo bahungaga igihugu bakiza amagara yabo. icyakora KAYIBANDA nawe ntibyaje kumuhira kuko abo bayoboranaga igihugu bamuhiritse ku butegetsi mu 1973

bamushinja ivangura. Habyarimana Juvenal wari General major mu gisirikare icyo gihe aba afashe ubutegetsi ku ya 5 Nyakanga 1973. Ubutegetsi bwa Habyarimana waje avuga ko azanye ubumwe n'amahoro nabwo ntacyo bwakijije. Uwitwa umututsi yakomeje guhezwa muri gahunda no mu nzego zitandukanye ndetse n'abari barahunze igihugu basaba gutaha, bakabwirwa ko bakwiye kureba uko baguma iyo bahungiyeye, ngo igihugu cyaruzuye. Irondakoko ndetse n'irondakarere byaranze u Rwanda muri repubulika ya mbere n'iya kabili byarakomeye, umututsi akomeza kuburabuzwa mu gihugu cye. Ubwo inzira zo gukemura ikibazo cy'impunzi mu mahoro zari zananiranye, FRP inkotanyi yashoje urugamba rwo kubohora igihugu, ubutegetsi bwa Habyarimana kimwe n'ubwa Kayibanda wamubanjirije bushaka uko bwikiza abatutsi bubita abanzi b'igihugu, ni ko gutegura no gushyira mu bikorwa Jenocide yakorewe Abatutsi mu 1994. Iyi Jenocide yakozwe hari ingabo z'umuryango mpuzamahanga, aho kuyikoma imbere zikuramo akazo karenge, icyakora Abanyarwanda bari bashoje urugamba rwo kubohora igihugu ntibacitse intege, kuko bakomeje urugamba kugera bahagaritse iyo jenocide. Nyuma yo kwibohora ingoma y'igitugu, ingufu nyinshi zashyizwe mu kongera kubanisha mu mahoro abanyarwanda. Nibwo hashyizweho gahunda zitandukanye zirimo ubumwe n'ubwiyunge, inkiko gacaca, itorero ry'igihugu n'izindi gahunda zigamije kubanisha abanyarwanda zigakuraho rwa rwango rwatangijwe n'abakoloni. Gahunda zo kubanisha abanyarwanda zajyanye n'izo kubaka igihugu no kugiteza imbere mu nzego zose. Abanyarwanda bavuga ko babona iterambere mu mibereho myiza, mu bukungu no mu miyoborere myiza. Si abanyarwanda bonyine bashima ibyo igihugu cyabo cyagezeho. Binashimwa n'amahanga doreko u Rwanda runakira abanyamahanga baje kurwigiraho, ahandi bagatumira abayobozi b'u Rwanda ngo baze kubaha amasomo. Gusa nubwo hari byinshi byishimirwa byagezweho, ngo inzira igana iterambere rirambye iracyari ndende. Ni uruhare rwa buri munyarwanda wese mu kuganisha igihugu ku iteramberere rirambye. Kandi ubufatanye abanyarwanda bagaragaje mu nkiko Gacaca, mu kurwanya nyakatsi, mu kubaka ibyumba by'amashuri n'ibindi byerekana ko abanyarwanda bose bashyize hamwe iterambere bazarigeraho ntashiti.

Byavanywe ku rubuga rwa ORINFOR. www.orinfor.gov.rw

1. Ivumburamatsiko.

- Mwarimu abaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku mwandiko.

Wafata ute igihugu cyakubye?

Nagikunda mparanira ko gitera imbere.

2. Gusoma

2.1. Gusoma bucece

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko

Mbere y'ubukoroni u Rwanda rwayorwaga na nde?

N'abami.

2.2. Gusoma baranguruye

- Mwarimu asomera abanyeshuri umwandiko nyuma abanyeshuri bagasoma baranguruye umwe umwe.

2.2.1. Inyunguramagambo

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri gusobanura amagambo mashya.

Ubukoroni: ni ugutekwa n'abandi udafite uburenganzira bwo gutekereza igihugu cyawe.

Jenoside: ubwicanyi ndengakamere bukorerwa ubwoko runaka, itsinda runaka cyangwa akarere runaka.

2.2.2. Kumva umwandiko

Ni ibihe bintu biri mu mwandiko bigaragaza umuntu ukunda igihugu?

Kurwanira igihugu, guharanira amahoro n'umutekano, guharanira iterambere, ubufanye...

Ni uwuhe mu perezida wa mbere wayoboye u Rwanda?

Kayibanda Gregori.

ICYIGISHO CYA KABIRI : AMASAKU

Intego zihariye: kugaragaza amasaku ku magambo maremare mu nteruro no mu mwandiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu

1. Ivumburamatsiko

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko ukurikira bitegereza imiterere y'interuro zawo.

IMPYISI

Mugabo w'ibikamba wa Rukamburandongozi yamanutse I Ruhanga na Mbandazi isanga inka zirakuuka, iti: "yemwe mwa bashumba mwe, munkamire iriya nka y'ikibamba yeza ingwa ku mabere hoombi no ku mahembe, munkamire muri icyo cyansi cy'uruhangahasi ni uruhate, cyogeje uwo mukobwa, maze munshyiriremo urwerera ruke niyumvire urwanga rw'inka urwamba rwanzibye umutima. " Bayishyiriramo urwerera rwinshi irabireba irabigaya, irahurura irahutera isanga Biheko yicaye mu macukiro, iti: "harya nka Biheko iyi ko idakanga imiseke ntikange imisekera ntikange n'iz'iruguru, nka Biheko iyi nayihohotera nyihora iki?" Biheko ayiterera agasega k'imbwa, igenda ikinopfora, igeze mu Manama isanga umushumba arashitura inka. Ati: "Dore iriya ntindi y'impysisi niyo yatumariye imbwa yo kicwa n'abazimu. " Agasega igafasha hasi yifata ku gahanga, iti: "harya urinda unyisha abo batindi b'iwanyu b'abazimu ko Atari nyirazo Mihimba bombi na Rwhimba; ukaba utazazikwamo umunani ntunazirahiremo Yuhi; si iyo njuga uvunikana n'izo njuba warariye n'ayo mavuzanduru!" agasega irakaraguza igenda ikinopfora. Ihubuza akana mwa Kamana ikubita iryinyo irikubira, iti: "murakubiteho akugi n'ako gasigaye ntakajyana iy'imukwe wanjye Kimatuzi. " Ca amakoma dupfuke intama y'umuturanyi itavira hasi urwangano rukava aho ni yo yishe Mbonabucya imuziza umwaka w'imboga zeze muni ya mbonabyombi.

2. Amasaku

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri bashyira amasaku ku magambo no kunteruro ndende.

Ingero: Ca amakoma dupfuke intama y'umuturanyi itavira hasi urwanganano rukava aho. :

Ca amakomâ dupfukê intaama y'ûmutûuranyi itaviîra haâsi urwâanganano rukava aho.

Bayishyiriramo urwerera rwinshi.

Bayishyiriramô urweereera rwiînshi

3. **Imyitozo**

- Mwarimu asaba abanyeshuri gushyira amasaku n'ubutinde ku mwandiko.

Shyira amasaku n'ubutinde ku mwandiko ukurikira:

...Atari nyirazo Mihimba bombi na Rwihimba; ukaba utazazikwamo umunani ntunazirahiremo Yuhi; si iyo njuga uvunikana n'izo njuba warariye n'ayo mavuzanduru!" agasega irakaraguza igenda ikinopfora. Ihubuza akana mwa Kamana ikubita iryinyo irikubira, iti: "murakubiteho akugi n'ako gasigaye ntakajyana iy'imukwe wanjye Kimatuzi." Ca amakoma dupfuke intama y'umuturanyi itavira hasi urwanganano rukava aho ni yo yishe Mbonabucya imuziza umwaka w'imboga zeze muni ya mbonabyombi.

ICYUMWERU CYA GATATU

ICYIGWA: IKORANABUHANGA

Intego zihariye: gutahura ibiranga ikoranabuhanga ry'abanyarwanda bo hambere

Kugaragaza uruhare rw'ikoranabuhanga mu iterambere.

Icyigisho cya mbere: umwandiko ku ikoranabuhanga.

IKORANABUHANGA

Ikoranabuhanga rizwi mu magambo ahinnye y'indimi z'amahanga nka (ICT), ari byo bisobanuye mu magambo arambuye *“Information Communication and Technology”*, wagenekereza ukaba wavuga ko ari uburyo bwo kubona amakuru cyangwa kuyatanga, yaba yanditse cyangwa ashushanyije, akaba afite uburyo agera ku bantu ku buryo bwihuse kandi bwa gihanga.

Abanyarwanda bo hambere bari bafite ikoranabuhanga mu itumanaho bakoresheje uburyo bwabo bwa gakondo, akenshi bakoreshaga umurishyo w'ingoma, ibivugirizo, amajwi yatuye bakoreshaga bahamagara n'ibindi. Aho abazungu bagereye muri Afurika no mu Rwand by'umwihariko ikoranabuhanga ryatangiye gukoreshwa binyuze mu nyandiko, ibitabo, amakinamico, imivugo, n'ibindi binyuze mu nyadiko byagiye byiganza kurusha ibyatambukaga mu mvugo uko ibihe byagiye bitamuka. Aha ikigok'igihugu gishinzwe itangazamakuru n'ibindi bitangazamakuru nka Hobe na Kinyamateka bikaba byarabigizemo uruhare rugaragara.

Iterambere ry'Isi ryatumye ikoranabuhanga rikataza ubwo havumburwaga za mudasobwa, Abanyamerika bakaba barabaye indashyikirwa, bikaba byaratumye hakoreshwa uburyobwo gutanga amakuru bwihuse kakandi bukagera aho washaka kubugeza hose. Ubw buryo nibwo abahanga mu gucura amuga y'ikinyarwanda bise *“Murandasi”* aribwo benshi bazi ku izina rya *“Internet”* mu ndimi z'amahanga.

Ikoranabuhanga ryatumye uburezi butera imbere kuko rituma umubare w'abiga wiyongera ibi bikaba biterwa n'uko ushobora kwiga n'ubwo waba utagiye ku ishuri ngo wicare imbere ya mwarimu, bakunze kubyita I Yakure.

Telefone zigendanwa nazo zagize uruharemu itumanaho ryihuse ku buryo badatinya kuvuga ko ari zo ari mudasobwa ntoya zikaba zifite akamaro kanini mu iterambere ry'u Rwanda by'umwihariko ndetse no ku Isi muri rusange.

Uwavuga akamaro k'ikorana buhanga rero, bwacya bukira. Ariko ikigaragarira buri wese n'uko ari iindashyikirwa mu iterambere ry'inzego zose ry'ubuzima bw'abatuye isi. Buri wese rero akwiye kubigira umuhigo ikorna buhanga akarigira intwari mu bikorwa bye bya buri muni.

1. Ivumburamatsiko

- Mwarimu abaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku mwandiko

Kugirango ugeze amakuru ku muntu wabicisha he?

Ku nsakazamajwi, kuri terefone, insakazamashusho, murandasi, ...

2. Gusoma

2.1. Gusoma bucece

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko.

Ikoranabuhanga ryateje iki imbere?

Uburezi

2.2. Gusoma baranguruye

- Mwarimu asomera abanyeshuri umwandiko nyuma abanyeshuri bagasoma umwe umwe.

2.2.1. Inyunguramagambo

- Mwarimu afatanyaga n'abanyeshuri gusobanura amagambo mashya.

Ikoranabuhanga: uburyo bwo kubona amakuru cyangwa kuyatanga, yaba yanditse cyangwa ashushanyije, akaba afite uburyo agera ku bantu ku buryo bwihuse kandi bwa gihanga.

2.2.2. Kumva umwandiko

Ni uwuhe mumaro w'ikoranabuhanga mu iterambere ?

Kwihutisha imirimo, kubona amakuru mu buryo bwihuse, ...

Ni irihe koranabuhanga abanyarwanda bo hambere bakoreshaga mu itumanaho ?

Umurishyo w'ingoma, ibivugirizo, amajwi yatuye, ...

ICYIGISHO CYA KABIRI: IBYEGERANSHINGA

1. Ivumburamatsiko

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko ukurikira bakagaragaza inskinga ziwurimo.

INTERURO Igice cya 2

Dore ibitoke bya ngo biransaba inyama

Dore imbwa ibwegetse

Baraguhamagaye cyo genda

Hoshi cyo nimuve aha

Mbisa nigendere

Have sigaho

Ngaho genda umubwire abanguke

Mpano ikaramu n'urupapuro niyandikire

Ngo tugende tutarahagera.

Ni izihe nshinga ziri mu mwandiko?

Nigendere, umubwire, niyandikire, tugende, ...

2. Ibyegeranshinga

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri bagaragaza ibyegera nshinga biri mu mwandiko, ibiranga ibyegeranshinga n'inshoza.

Ingero: ibyegeranshinga ni amagambo muri rusange adahinduka, agira inshoza yo gutegeka. Bigira imiterere inyuranye. Bimwe bishingiya ku mizi bikagira umusozo w'inshinga akenshi. Bike muri byo bishobora guhinduranya ngenga ariko bidahinduranyije

inyito, bigashobora no kugira akano ni-. Ibyegeranshinga byose iyo bidatangira interuro bigira isaku nyejuru ku mugemo wa mbere.

Urugero:

Enda, have, hinga, hoshi, ishi, mbiswa, mpano, aca, cyo, cyono, dore, gira, na ngoo.

Ngaho genda umubwire abanguke

Mpano ikaramu n'urupapuro niyandikire

Ngoo tugende tutarahagera

Have sigaho?

3. Imyitozo

- Mwarimu asaba abanyeshuri kugaragaza ibyegeranshinga byose biri mu mwandiko.

ICYUMWERU CYA KANE

ICYIGWA: UMUCO W'AMAHORO

Intego zihariye: kwerekana ibintu bihungabanya amahoro.

Kugaragaza uburyo butandukanye bwo kubungabunga umuco w'amahoro.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu

Icyigisho: umwandiko:

UMUCO W'AMAHORO

Ijambo umuco rifite inshoza zitandukanye, ariko iyo urebye usanga zose zibumbatiye imitekerereze, imigenzereze, imyifatire yihariye y'umuryango w'abantu aba n'aba byaba mu mibereho isanzwe, mu kwidagadura, mu iyobokamana n'ibindi. Ugaragarira kandi mu mateka no mubindi birangamuco nk'inzibutso, ahantu h'iteramatsiko, amatongo, ibisigazwa by'abakurambere, ibikoresho by'abo n'ibindi. Umuco uwariwo wose ugira inkingi wubakira ho, ari nazo zituma witwa umuco w'amahoro.

Izo nkingi z'umuco rero, by'umwihariko umuco nyarwanda, zikaba ari amahame ngenderwaho atuma hatunganywa n'ibindi mu rwego rw'umubano, urw'ubukungu n'imibereho. Muri ayo mahame twavugaga nk'ikinyabupfura; kugira umutima; ubutwari; kuvugisha ukuri; kugira ubumwe n'urugwiro; kwihangana; gukunda igihugu no gukorana ubuhanga.

Ikinyabupfura kigaragarira mu mikorere no mu mivugirwe, mu myifatire itandukanye no mu bumenyi bwo kuvuga neza, ukabana neza n'ababandi, ntubangame mu kiganiro nko gushaka kwiharira ijamba ngo utume abandi batavugaga. Bisobanura kandi kuvuga utuje, udasakuza cyangwa ngo usahinde. Binavugaga kumenya kwihangana, kutavunda, kwiyubaha no kubaha abandi, buri muntu mu mwanya we, kwifata neza ku mubiri, kutibonekeza mu bandi n'ibindi.

Kugira umutima bivugaga kwanga icyakubonekaho, cyangwa ngo kikuvugweho kigayitse, kidatunganye. Bivugaga kandi kutanyuranyan'icyo ugomba cyangwa ukwiye gukorera undi cyangwa abandi. Binavugaga kudahubuka, kugira ibanga kwiramira mu magambo no mu

bikorwa, ukabanza kugenzura ko icyo ugiye gukora cyangwa kuvuga ntawe kibangamiye, kandi ko kitazagira ingaruka mbi zagukoza isoni.

Ubutwari ni ugushirika ubwoba ukarwanira ukuri byaba ngombwa ukagupfira. Ni ukudatinya urugamba, ntutererane bagenzi bawe, ahubwo ukabitangira kugira ngo mugere ku ntego nziza yo gukiza abantu no guteza igihugu imbere. Ubutwari si ubwo kurugamba, kuvuga ukuri aho bitoroshye, abandi batinya, nabyo ni ubutwari. Ubutwari bujyana n'ubugabo: bivuga gushyira mu gaciro, ukagira ishyaka ukanga kurushwa. Ni ukuba intungane mu migenzereze yawe: kuvugisha ukuri udatinya aho rukomeye. Kuba umugabo bivuga kandi kudacika intege, ugakomeza guharanira intego yawe n'aho wagenda uhura n'ibikundindiza. Kwemera uwakurushije mu ipiganwa iryo ari ryo ryose, ukihatira kuzamurusha ubutaha.

Kuvugisha ukuri no gushyira mu gaciro ni uguhamya ibyo wiboneye, wumvise cyangwa uzi neza, utabeshya. Kuvugisha ukuri ni ukudaca iruhande ibyo uzi neza cyangwa se ngo ubikikire ugamije kurengera inyungu zawe cyangwa iz'abawe.

Kugira ubumwe n'urugwiro ni ukugira umutima w'urukundo n'imbabazi ku muntu wese uje akugana. Umuntu ufite urugwiro arakundwa akanakunda, akagira inshuti nyinshi zimugana, akarangwa n'ubusabane.

Kwihangana ni ukutarambirwa ukiha umwanya uhagije ngo ugere kucyo wifuza n'ubwo byakurushya kukigeraho. *“uwitonze akama ishashi.”*

Gukunda igihugu ni ukukitangira bihebuje birimo n'uko wamena amaraso yawe. Dufite ingero nyinshi mu mateka y'igihugu cyacu z'abantu bagikunze byimaze yo. Abo bantu baritanze ndetse bamena amaraso yabo ari ugushaka kurengera Abanyarwanda n'u Rwanda. Urugero ruturi hafi ni urw'intwari zaguye ku rugamba rwo kubohora iki gihugu (1990-1994), izindi ngero ni Ruganzu bwimba na mushiki we Robwa bitangiye u Rwanda banga ko rwigarurirwa n' i Gisaka. Ni nka Gihana mwene Cyirima II Rujugira watabariye u Rwanda I Burundi. Gukorana ubuhanga ni uguharanira kugera ku isonga mu byiza umuntu akora byose.

Muri make rero izi nkingi nizo twita ubupfura. Nibwo pfundo ry'umuco nyarwanda. Ni wo teraniro rusange ry'imigenzereze n'imyifatire itunganye ituma uba uwo uri we ntube undi. Umuco rero iyo ufite izi nkingi, zikaba zikomeye, zitanyeganyega, uba ari umuco w'amahoro.

1. **Ivumburamatsiko**

- Mwarimu abaza abanyeshuri ibibazo biganisha hu muco.

Igihugu kitarimo intambara bavugako kifite iki?

Amahoro.

2. **Gusoma**

2. 1. **Gusoma bucece**

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma bucece.

2. 2. **Gusoma baranguruye**

- Mwarimu asomera abanyeshuri nyuma abanyeshuri bagasoma umwe umwe.

Ese umuco ugira inshoza y'ihariye?

Oya.

2. 2. 1. **Inyunguramagambo**

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri basobanura amagambo mashya.

Umuco: imitekerereze, imigenzereze, imyifatire yihariye y'umuryango w'abantu aba n'aba byaba mu mibereho isanzwe, mu kwidagadura, mu iyobokamana n'ibindi

Ikinyabupfura: ni imyitwarire myiza iranga umuntu.

2. 2. 2. **Kumva umwandiko**

Garagaza inkingi z'umuco w'amahoro ?

Ikinyabupfura, gukunda igihugu, kuvugisha ukuri, kugira umutima, urugwiro, . .

Ni ubuhe buryo twabungabunga mo umuco w' amahoro ?

Tugira ubupfura

Duharanira kuvugisha ukuri

Dukunda igihugu, umurimo ndetse no kwiha agaciro.

ICYUMWERU CYA GATANU:

ICYINGWA: IBIGANIRO MPAKA.

Intego zihariye: gutanga igitekerezo cye akacyumvisha abandi.

Kumva ibitekerezo by'abandi kabishyigikira cyangwa akabisenya mu kinyabupfura.

Imfashamyigisho:

1. Impaka kuri demokarasi cyangwa nyakibiko

- Mwarimu arema amatsinda atandukanye mu ishuri maze buri tsinda rikitoramo urihagarariye.
- Mwarimu aha buri tsinda insanganyamatsiko maze bakanazisobanura.

Demokarasi: ubuyobozi bw'abaturage butangwa n'abaturage bugakorera abaturage.

Nyakiboko: ni ubutetsi bw'itugu

- Mwarimu atanga amabwiriza agenga impaka

Ingero:

- Izi mpaka si iza ngo turwane, zibaho mu kinyabupfira
 - Ushaka gutanga igitekerezo arabisaba
 - Igihe umunyeshuri ahawe umwanya wo kuvuga birabujijwe kumuca mu ijamba kugeza arangije.
 - Muganire ku nsanganyamatsiko yatanze mu buryo bw'impaka
 - Buri muvugizi w'itsinda natangarize imyanzuro yagezweho
- Mwarimu asaba abanyeshuri kuganira mu matsinda mu buryo bw'impaka.
- ☐ Mwarimu asaba buri muvugizi wa buri tsinda gutangariza abandi imyanzuro yagezweho.

2. Impaka ku myambarire ndangamuco y'abanyarwanda.

- Mwarimu arema amatsinda atandukanye mu ishuri maze buri tsinda rikitoramo urihagarariye.
- Mwarimu aha buri tsinda insanganyamatsiko maze bakanazisobanura.

Imyambarire ndangamuco: uko abantu bambara bijyanye n'umuco wabo.

- Mwarimu atanga amabwiriza agenga impaka

Ingero:

- Izi mpaka si iza ngo turwane, zibaho mu kinyabupfira
- Ushaka gutanga igitekerezo arabisaba
- Igihe umunyeshuri ahawe umwanya wo kuvuga birabujijwe kumuca mu ijamba kugeza arangije.
- Muganire ku nsanganyamatsiko yatanzwe mu buryo bw'impaka
- Buri muvugizi w'itsinda natangarize imyanzuro yagezweho
- Mwarimu asaba abanyeshuri kuganira mu matsinda mu buryo bw'impaka.
- Mwarimu asaba buri muvugizi wa buri tsinda gutangariza abandi imyanzuro yagezweho.

3. Impaka zo guharanira uburenganzira bwawe mu mahoro cyangwa mu ntambara

- Mwarimu arema amatsinda atandukanye mu ishuri maze buri tsinda rikitoramo urihagarariye.
- Mwarimu aha buri tsinda insanganyamatsiko maze bakanazisobanura.

Uburenganzira: ni ibyo wemererwa n'amategeko agenga ikiremwa muntu

- Mwarimu atanga amabwiriza agenga impaka

Ingero:

- Izi mpaka si iza ngo turwane, zibaho mu kinyabupfira

- Ushaka gutanga igitekerezo arabisaba
 - Igihe umunyeshuri ahawe umwanya wo kuvuga birabujijwe kumuca mu ijamba kugeza arangije.
 - Muganire ku nsanganyamatsiko yatanzwe mu buryo bw'impaka
 - Buri muvugizi w'itsinda natangarize imyanzuro yagezweho
- Mwarimu asaba abanyeshuri kuganira mu matsinda mu buryo bw'impaka.
- Mwarimu asaba buri muvugizi wa buri tsinda gutangariza abandi imyanzuro yagezweho.

ICYUMWERU CYA GATANDATU

ICYIGWA: UBUGENI

Intego zihariye: gutahura mu mwandiko uturango tw'ikihangano nyabugeni.

Kurondora ibihangano nyabugeni byahererekanyijwe mu nyandiko.

Imfashanyigisho: igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu.

ICYIGISHO CYA MBERE: UMWANDIKO NYABUGENI

MAREBE ATEMBAHO AMARIBORI

Marebe atembaho amaribori

Naramubonye agorora ikimero,

Akebutse andetse ndoye icyo kibibi

Cyamubimbuye mu buranga,

Kikamurangiza mu gituza,

Kikamutembera mu mukondo,

Numva inkongi indemyemo ikome,

Ikibatsi kimpama mu gihumbi

Umutima uturagaramo igitutu.

Nuko nterura ntazi iyo ndi

Nti : Iyaguhanze ni yo izi kurema

Ntiyaguciye umucuba na hato

Ntiyahaho undi.

Ni igicumbi gicuna ituze,

Ni igicaniro cy'urukundo

Yarugukwiza ho rukakotsa
 Ntunagakuke ngo urwikure,
 Ukarwitegereza ngo urwikure.
 Ukarwitegereza rugatwika,
 Uko umurimba ugashya ururimbi,
 Ijuru rikimuka ukimurata

1. **Ivimburamatsiko**

- Mwarimu abaza abanyeshuri ibihangano bazi biganisha ku gihangano nyabugeni.

Ni ibihe bihangano muzi?

Umuvugo, indirimbo, ikinamico, ...

2. **Gosoma**

2. 1. **Gusoma bucece**

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece.

Marebe atembaho amaribori uvugwa mu mwandiko ni umuhungu cyangwa ni umukobwa ?

ni umukobwa.

2. 2. **Gusoma baranguruye**

- Mwarimu asomera abanyeshuri nyuma abanyeshuri bagasoma baranguruye.

2. 2. 1. **Inyunguramagambo**

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri basobanura amagambo mashya.

Amarebe: indabo z'iba mu mazi

Amaribori: ni uturangabwiza tw'abakobwa.

Ikimero: igihagararo cyiza.

2. 2. 2. Kumva umwandiko

Ni utuhe turango turi muri uyu mwandiko?

Ikeshamvugo, iyitirira, imizimizo, ikabya...

3. Ibihangano nyabugeni byahererekanijwe mu nyandiko.

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri bagaragaza ibihangano nyabugeni byahererekanijwe mu nyandiko .

Ingero: imivugo, ibisigo, amakinamico, indirimbo, ...

4. Imyitozo

- Mwarimu asaba abanyeshuri kugaragaza uturango tw'ikeshamvugo, n'ibihangano nyabugeni.

Ni ituhe turango nyabugeni turi muri uyu mwandiko ?

Tanga ibindi bihangano nyabugeni uzi ?

ICYIGISHO CYA KABIRI: IHIMBAMWANDIKO

Intego zihariye: guhanga umwandiko ntekerezo.

Imfashanyigisho: igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu.

1. Isubiramo:

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri kwibukiranya imiterere y'umwandiko unoze.

Ni iyihe mbata y'umwandiko ?

Umwandiko wuzuye ugizwe n'intangiriro, igihimba n'umusozo.

2. Guhanga umwandiko ntekerezo.

- Mwarimu atanga insanganyamatsiko zitandukanye.

Ingero:

Ubwiyongere bukabije bw'abanyarwanda budindiza iterambere.

Ihohotrerwa rikorerwa abana mu ngo rituma habaho abana benshi bo mu mihanda.

Gukuramo inda kubushake mu Rwanda bikwiye kwemerwa.

- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri gushaka ingingo zijyanye n'insanganyamatsiko.
- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri bagaragaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka.
- Mwarimu amaze gufatanya n'abanyeshuri asaba abanyeshuri guhanga umwandiko bakurikije imbata y'umwandiko.

3. Umwitozo

- Mwarimu aha abanyeshuri insanganyamatsiko zitandukanya bagahimba umwandiko.

Himba umwandiko kuri iyi nsanganyamatsiko.

Ubwiyongere bukabije bw'abanyarwanda budindiza iterambere ry'igihugu.

ICYUMWERU CYA KARINDWI

ICYIGWA: URURIMI N'UBWUMVANE

Intego zihariye: gutandukanya ubwumvane bushingiye gu rurimi n'ubushingiye ku bindi bimenyetso

Kwerekana amafatizo y'ubwumvane.

Gusobanura amafatizo y'ubwumvane

Imfashanyigisho: igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu.

ICYIGISHO CYA MBERE: AMAFATIZO Y'UBWUMVANE

Umwandiko:

IJAMBO RYA MINISITIRI W'UBUREZI KU MUNSI WO GUTANGA

IMPAMYABUMENYI KU NSHURO YA KABIRI MURI INES-RUHENGERI

Mbere y'uko ngira ijambo ntangira, ndifuzza kubashyikiriza indamutso ya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Nyakubahwa Paul KAGAME, yantumye ngo mbasuhuze cyane kandi ngo mugire amahoro. Yagombaga kuba yaje kwifatanya natwe muri uyu muhango, muri ibi birori, ariko kubera impamvu z'imirimo myinshi ntiyashoboye kugera hano ariko yadutumye ngo tumuhagararire, kandi yadutumye ngo tubabwire ko abazirikana, tubabwire ko abakunda, tubabwire ko muri hamwe muri ibi birori, ndagira ngo mumfashe twongere tumushimire.

Munyemerere kandi mbasabe mumfashe dushimire byimazeyo Ubuyobozi bwa INES-Ruhengeri ku bikorwa byiza batweretse. Twasuye INES-Ruhengeri, twarebye inyubako zitandukanye, twarebye ibikorwa bikorerwamo, twabonye za labos zitandukanye, twabonye n'ibitabo byinshi biri hano; ngira ngo iyi Kaminuza ya INES-Ruhengeri iteye ishema u Rwanda, iteye ishema Afurika y'Iburasirazuba ndetse iteye ishema na Afurika yose; nayongere ndagira ngo mumfashe tuyishimire.

Umunsi nk'uyu mu mateka y'Ishuri Rikuru nka INES-Ruhengeri ni umunsi ukomeye cyane kandi ukenewe mu mpamvu ebyiri zikurikira:

- Impamvu ya mbere ni uko ari umunsi ishuri rimurikira abafatanyabikorwa baryo ibyavuye mu musaruro w'umwaka wose abanyeshuri ndetse n'abarezi babo biyuha akuya ngo batange, abandi bavome ubumenyi buzabafasha mu buzima bwabo no gukorera igihugu cyababyaye.
- Impamvu yindi ya kabiri ni uko ari umunsi wo gusubiza amaso inyuma maze ishuri n'abo bafatanyabikorwa bakibukiranyaga ku nshingano z'ishuri, bityo bigatuma bikomeza kwihatira kurushaho gutanga uburezi bufite ireme kandi buganisha ku iterambere rirambye igihugu cyacu gikeneye.

Bavandimwe muteraniye muri ibi birori, muri ibi birori Abayobozi ba INES-Ruhengeri batugejeje aho INES yavuye, aho igeze ndetse batubwira ko yahisemo kwerekeza imyigishirize yayo ku gutanga ubumenyi ngiro nk'uko byavuzwe. Iki ni igitekerezo cyiza kuko cyinjira muri politiki y'uburezi mu Rwanda, kubera ibyo Minisitiri y'Uburezi ikaba ishyigikiye cyane iki gitekerezo. Ibi ndabishimangira kubera ko icyerekezo nk'iki INES-Ruhengeri yihaye gihuje neza neza n'icyo igihugu cyacu na Minisitiri y'uburezi by'umwihariko bifuzaga ku mashuri makuru na za kaminuza zo mu Rwanda.

Paul KAGAME ahora abyibutsa, amashuri makuru na za kaminuza agomba kuba umusemburo w'amajyambere mu gihugu kandi akagaragaza icyo amariye abaturage batuye mu karere yubatsemo. Igikwiye rero ni uko umwarimu cyangwa umuyobozi wa kaminuza, abo bese batanga ubumenyi ndetse bagafatanyabikorwa n'abanyeshuri bakabushyira mu ngiro, mu bushakashatsi bwabo bakabonera umuti ibibazo abaturage batuye iruhande rwabo bahura nabyo bityo bakaba bagize uruhare rugaragara mu guhindura imibereho yabo. Ngira ngo rero nk'uko babidusobanuriye uko mwese mwabikurikiye, icyo icyo INES-Ruhengeri yahagurukiye kandi Abayobozi bayo batwijeje ko ingufu ziri mu gushyirwa aho bishoboka hose ngo icyo cyerekezo kigerweho.

Twabwiye kandi ko kugira ngo kigerweho hakenewe inkunga y'abafatanyabikorwa ba INES-Ruhengeri nk'uko nabivuze haruguru inkunga ya Minisitiri y'uburezi yo ndayibijeye aho bishoboka bese. Kandi ndizera ko n'abandi bese bari hano cyangwa abatabashije kuhagera ariko bifuzaga kubona igihugu cyacu cy'u Rwanda gitera imbere ntibabura kubatera inkunga aho mwayibasaba hose.

By'umwihariko rero, ku cyifuzo kirebana n'uko INES-Ruhengeri yajya yohererezwa abanyeshuri barangije amashuri yisumbuye bafite amanota yo hejuru, ndagira ngo nka

Minisitiri w'Uburezi mvuye ko bitareba INES-Ruhengeri gusa, ahubwo kireba amashuri makuru yigenga yose muri rusange yigisha cyane amasomo ajyanye n'icyerekezo cy'igihugu, ni ukuvuga sciences na technology, kwigisha ndetse n'ubumenyi ngiro. Ibyo nkaba mbisezeranije ko uretse INES-Ruhengeri yabisabye uyu munsu, ariko n'izindi za kaminuza zose zigenga zizaba zifite abanyeshuri b'abahanga cyane cyane bashobora gutanga ubumenyi muri ziriya ngeri navuze ntakabuza ko Minisitiri y'uburezi ishobora kubatera inkunga ikaboherereza abanyeshuri b'abahanga. icyo cyifuzo ndagira ngo mvuye ko cyashyirwa mu rwego rw'ubufatanye hagati ya Leta n'ayo mashuri cyane cyane amashuri yigenga kuko uruhare rw'ayo mashuri ni uruhare rukomeye rufasha Leta kugira ngo igere ku nshingano zayo no ku cyerekezo 2020 yihaye nk'uko bigaragarira buri wese. Gusa rero ni ibintu bigomba kwigwaho neza hakarebwa urwego byakorwamo nabizeza rero ko Minisitiri y'Uburezi izabyigaho ikazabagera igisubizo kitubereye twese nk'abafatanyabikorwa.

Hari ibyifuzo byatanzwe n'abarangije uyu munsu cyane cyane uwavugiyeye abarangije uyu munsu nawe icyifuzo nka Minisitiri y'Uburezi yagifashe kandi izagisuzumana ubwitonzi kandi igisubizo kibagereho. icyo Minisitiri y'Uburezi igamije kandi iharanira ni ukubona amashuri makuru na za kaminuza zo mu Rwanda zibarirwa mu ntangarugero mu karere ku byerekeranye no gutanga uburezi bufite ireme cyane cyane no ku byerekeranye no kubahiriza ishushirwaho ry'isoko rusange ry'umuryango w'ibihugu bya Afurika y'Uburasirazuba. Ubu hari kurebwa uburyo impamyabuemyi zose zitangirwa mu karere zajya zigira agaciro kangana. Bityo hakaba hateganywa gusuzumwa ireme ry'uburezi butangirwa muri za kaminuza n'amashuri makuru binyuranye byo mu bihugu bigize aka Karere ka Afurika y'Uburasirazuba.

Amashuri makuru nka INES-Ruhengeri ariko nayo agomba gushyiraho akayo mu kwimakaza imigenzereze yose ituma iryo reme ribaho nko gukomeza gushyira imbaraga mu kongera umubare w'abarimu bahoraho babifitiye ubushobozi, gukomeza gutunganya imyigishirize ishingiye ku munyeshuri, gukomeza kongera ibikoresho abanyeshuri bifashisha mu myigire yabo n'ibindi nk'ibyo bishingiye ku ikoranabuhanga ariko batibagiwe indangagaciro zubakiye mu mucu nyarwanda.

Bavandimwe muteraniye muri uyu muhango, turifuza kubagezaho icyifuzo cya Minisitiri y'Uburezi ko discipline mu mashuri makuru na za kaminuza abayarangijemo bakwiye kuba intangarugero muri byose kandi bakarushaho gukunda igihugu cyabo no kucyitangira.

Aho inkunga ya Minisiteri y'Uburezi yashoboka izayitanga haba ku bikoresho bya za Laboratoires cyangwa ibitabo nko mu kubonera abarimu babishobye za Scholarships no gukomeza amashuri natwe ntituzazuyaza kuyibagezaho uko Minisiteri izagenda igira ubushobozi umunsi ku wundi. Turizera ko ubwo bufatanye kugira ngo tubone koko abarimu bahagije, abarimu bafite ubuhanga buhagije, abarimu batari aho Governor yahoze avuga mu kanya, turizera ko abarimu nk'abo tubakeneye kandi tuzashyiramo imbaraga zose kugira ngo dushobore kubabona dufatanije turizera ko u Rwanda rw'ejo hazaza ruzaba rumeze neza.

Abayeshuri babonye impamyabumenyi zabo uyu munsi nk'uko byavuzwe, tuzakomeza kubashyigikira kugira ngo mugire imibereho myiza kugira ngo mukomeze mukorere igihugu cyanyu, mukorere u Rwanda rwanyu.

Abanyeshuri mwabonye impamyabumenyi zanyu uyu munsi, ndabashishikariza gukomeza kuba intore nk'uko mubisanganywe cyane cyane nk'uko mwabitweretse mu mbyino zanyu; ababonye itorerero ryari hano bashobora kwibwira ko ari abandi bavuye kure, bambwiye ko ari Itorerero rya INES-Ruhengeri ndagira ngo uwo muco nyarwanda muwukomeze, n'abari hano bose babashimire.

Dukeneye rero ko mukomeza kuba abagabo n'abagore bishakamo ibisubizo bakabigeza ku baturarwanda bose. Bityo bagatanga umusanzu wabo mu kwiwubakira igihugu bashyira neza mu bikorwa ibyo mumaze iyi myaka yose mutozwa muri iyi kaminuza kandi bikaba bigaragara mu kwiga, nk'uko Governor yabivuze, kwiga ntibirangira. Mugomba guhora rero mutyaza ubwenge kugira ngo muzahore muri ku isonga y'ubumenyi no ku isonga y'iterambere.

Ndagira ngo abari hano mwese nongere mbashimire murakoze kandi murakarama, mugire mwese umunsi mwiza n'ibirori bihire, kandi Imana ibahe umugisha.

Murakoze.

1. Ivumburamatsiko

- Mwarimu asomesha abana umwandiko w'imbwirwaruhame.

2. Amafatizo y'ubwumvane

- Mwarimu afatanyije nabanyeshuri bagaragaza amafatizo y'ubwumvane.

Ingero: kugira ngo abavuga bumvikane cyangwa bumvane hagomba amafatizo y'ubwumvane ariyo: Ubwirwa, uvugwa, ikivugwaho, inkurikizo, ingambo, n'inzira.

Nyakuvuga: arangwa cyane cyane n'imiterere n'imikorere y'imyanya ntangamajwi ye, uko azi ibyo avuga, uko amerewe n'amasano afitanye n'abo abwira.

Nyakubwirwa: arangwa no kuba imyanya ye irebwa n'inkurikizo ikora neza (amatwi, amaso) arangwa kandi n'ubumenyi afite ku kivugwa, uko amerewe n'uko ameranye n'umubwira.

Inkurikizo: igizwe n'ururimi, ibimenyetso n'amarenga uvuga n'ubwirwa bagomba kuba baziranyeho

Ikigwaho: icyo bashaka gusobanura

Inzira: iterwa ahanini n'ibikikije abavuga.

Ingambo: igizwe n'amagambo afasha uvuga gushyira mu bikorwa igitekerezo cye.

3. Umwitozo

- Mwarimu asaba abanyeshuri gugaragaza amahame fatizo y'ubwumvane ari mu imbwirwaruhame.

Sobanura amahame akurikira:

Nyakuvuga:

Inkurikizo:

Ikigwaho:

ICYUMWERU CYA MU MUNANI

ICYIGWA: IMIMARO Y'URURIMI

Intego zihariye: kwerekana imimaron y'ururimi no kuyisobanura.

Imfashanyigisho: igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu.

1. Isubiramo

- Mwarimu yibukiranya n'abanyeshuri amafatizo y'ururimi.

Ingero: Nyakuvuga, Inkurikizo, Ikigwaho

2. Imimaro y'ururimi n'insabanuro:

- Mwarimu afatanyaje n'abanyeshuri bagaragaza imimaro y'ururimi no kuyisobanura.

Ingero:

Umumaro nyakuvuga: uvuga yiyitaho kurusha uko yita ku bandi ariko kandi akita ku mpamvu imutera kuvuga.

Umumaro nyakubwirwa: uyu mumaro wita cyane k'uwo babwira kugirango agire icyo avuga, akora, asubiza, kandi ibyo byose akabikora ahereye kubyo bamubwiye.

Umumaro nkurikizo: uvuga n'ubwibwa bita cyane ku nkurikizo, bikabafasha cyane kumenya niba bumvana. Uyu mumaro kandi ushobora gukoreshwa cyane igihe basobanura ururimi murundi.

Umumaro nyakuvugwaho: uvuga yita cyane ku kivugwa yita cyane ku turango twacyo. Ikivugwa cyane gishobora kuba cyiza cyangwa kibi.

Umumaro ngambo: wita cyane ku ngambo uyiryoshya. Uvuga ageregeza gushakisha amagambo aberanye n'icyo avuga kandi atari ayagiseseka.


Umumaro nzira: uvuga yita cyane ku nzira, akareba niba ikora neza, akareba kandi niba abo abwira bakurikira (batananiwe, ko badashonje, n'izindi mpamvu)

3. Umwitozo.

➤ Mwarimu abaza abanyeshuri gutanga umumaro w'ururimi no kuyisobanura.

Vuga imimaro y'ururimi unayisobanure.

4. INDANGURUZI Y'UBWUMVANE



IBITABO BYIFASHISHIJE

1. BIZIMANA, S. , *Imiterere y'Ikinyarwanda*, Igitabo cya gatatu, umusogongero ku buvanganzo
2. BIZIMANA, S. n'abandi bashakashatsi IRST, *Imiterere y'Ikinyarwanda*, Igitabo I, amajwi, amagambo n'interuro
3. GASIMBA F. S. , *Inganzo y'ubwanditsi*, 2004
4. Minisiteri y'amashuri makuru n'ubushakashatsi mu by'ubuhanga, *Ingoma ya Kigeli RWABUGIRI na Nyirayuhi KANJOGERA*, 1988
5. MULIHANO B. , *Ibirari by'Insigamigani*, igitabo cya kabiri, Icapiro ry'ingoro y'umurage w' u Rwanda, icapiro rya 3, 2005
6. MULIHANO B. , *Ibirari by'Insigamigani*, igitabo cya mbere, Icapiro ry'ingoro y'umurage w' u Rwanda, icapiro rya 3, 2005
7. Nsanzabera J. D. , *Umuco n'Ubuvanganzo* 2012
8. RUGAMBA S. , *Amibukiro*, 2ème edition, I. N. R. S. /Butare, 1984
9. RUGAMBA, S. *Amasimbi n'Amakombe*,

Izindi nyandiko zifashishijwe:

Never Again-Rwanda, Demokarasi n'uburenganzira bw'ikiremwanuntu, Agatabo k'urubyiruko rw' Urwanda

<http://inesnews.blog.com>

http://www.olny.nl/RWANDA/Recits_Populaires_Folk_Stories/

<http://gakondo.com/2012/06/rwanda-uko-umuhango-wo-gusaba-wakorwaga/>

[wikirwanda.org/index.php?title:ibisigo by'ibyanzu](http://wikirwanda.org/index.php?title:ibisigo_by'ibyanzu)

[wikirwanda.org/index.php?title:ibyivugo by'imyato](http://wikirwanda.org/index.php?title:ibyivugo_by'imyato)

Ubwiza ururimi rw'ikinyarwanda rwifitemo ni ubukungu bwa bene rwo, mu nzego zose z'ubuzima bw'abanyarwanda, ari politiki, ubukungu, imibanire n'imibereho yabo ya buri muni.

Imiterere y'ururimi rw'ikinyarwanda turayicengera bigatuma tuyihera ho tugaragaza icyo dushaka kugera ho: gukosora, gushima ibyiza no kugaya ibibi, kugaragaza ibibazo byugarije igihugu no gufata ingamba zo kubikemura hashingiwe ku buzima igihugu cyanyuze mo.

Uruhare rwa buri wese mu gukungahaza ikinyarwanda no guharanira ubusugire bwacyo kugira ngo bene cyo bagendane n'iterambere ry'isi burakenewe. ibyo bikaba bisabako habaho abarezi b'umwuga bagomba kubyigisha abana b'u Rwanda uko bikwiye hakurikijwe integanyanyigisho zateguwe.

